



Republic of Rwanda
Ministry of Education



RTB | RWANDA
TVET BOARD

UMURONGO NGENGABUSHOBOZI URWEGO RWA 5



AMASHAMI YOSE

CCMKN502

Ikinyarwanda

IGITABO CY'UMUNYESHURI

Mata, 2025



Republic of Rwanda
Ministry of Education



RTB | RWANDA
TVET BOARD

GUKORESHA IKINYARWANDA K'INTYOZA



UBURENGANZIRA BW'UMWANDITSI

Iki gitabo ni umutungo wa Rwanda TVET Board ©. Ni rwo rwego rufite ububasha bwo gutubura iki gitabo.

Uburenganzira bw'umwanditsi bugomba kubahirizwa.

- Iki gitabo cyanditswe bwa mbere na RWANDA TVET BOARD, ku nkunga y'Umuryango w'Ibihugu by'i Burayi, binyuze mu mushinga Ubukerarugendo Imbere.
- Uburenganzira bw'umwanditsi bugomba kubahirizwa ariko abakora mu nzego z'uburezi mu mashuri ya Tekinike, Imyuga n'Ubumenyi ngiro bemerewe gutubura iki gitabo mu gihe babikoresha ku mashuri.
- Uburenganzira bwavuzwe haruguru ntibwemera ituburwa ry'iki kitabo rigamije ubucuruzi cyangwa kugikoresha ahandi hatari mu mashuri arebwa n'iyi nteganyanyigisho.
- RTB ni yo ifite uburenganzira ku gitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri. Abatanga amahugurwa bashobora gutubura zimwe mu nyandiko zabyo cyangwa ibitabo byose uko byakabaye mu rwego rwo kunoza umurimo bariho ariko bigakoreshwa gusa mu bigendanye n'ayo mahugurwa. Kuri buri nyandiko yatubuwe hagomba kugaragaraho ko uburenganzira ari ubwa RTB. Ubundi buryo bw'imikoreshereze y'iki gitabo, bugomba gutangwa na RTB.

© Rwanda TVET Board

Iki gitabo kiboneka:

- *Ikicaro: Rwanda TVET Board-RTB*
- *Urubuga: www.rtb.gov.rw*

KIGALI-RWANDA

Cyatangajwe bwa mbere muri Mata, 2025

Ubuyobozi bwa RWANDA TVET BOARD burashimira byimazeyo buri muntu wese wagize uruhare mu iyandikwa ry’ibi bitabo by’Ikinyarwanda; icy’umunyeshuri n’icy’umwarimu, bigenewe ikicro cya gatanu cy’amashuri yisumbuye ya Tekiniki, Imyuga n’Ubumenyigiro.

RWANDA TVET BOARD irashimira by’umwihariko, imiryango itandukanye; nk’Umuryango w’Ubumwe bw’Ibihugu by’i Burayi, ubinyujije mu mushinga “Ubukerarugendo Imbere” wateye inkunga iki gikorwa. Turashimira kandi impuguke mu by’Ubukerarugendo n’Amahoteli ku ruhare bagize muri iki gikorwa ndetse na MCT Global Ltd yakurikiranye igikorwa k’iyandikwa ry’iki gitabo.

Iki gitabo cyanditswe:



Ku mabwiriza n'imirongo migari by'Ikigo k'Igihugu gishinzwe amashuri ya tekiniki, Imyuga
n'Ubumenyingiro (RTB)



Byatewe inkunga n'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'i Burayi



Ku bufatanye ndetse n'Ubugenzuzi bw'Umushinga Ubukerarugendo Imbere

ABAYOBOYE IKI GIKORWA CYO KWANDIKA

Aimable Rwamasirabo

Felix Ntahontuye

Eugène Munyanziza

Abagize uruhare mu iyandikwa ry'iki gitabo

Anastase Nsabimana

Vincent Ndahimana

Jean Damascene Rikunze

Abatanze imirongo migari, guhuza n'igihe, isubiramo no kunoza iki gitabo

Jean Marie Vianney Muhire

Vincent Havugimana

Marie Jeanne Musabyimana

Abatunganyije igitabo n'amashusho

Asoka Niyonsaba Jean Claude

Ngamije Hildebrand

Bizimana Sefu

Abakurikiranye imigendekere y'iki gitabo bakanafasha mu kukinononsora

Ubukerarugendo Imbere Project n'iko cy'igihugu gishinzwe inyigisho n'amashuri y'imyuga

n'ubumenyingiro RTB

Abakurikiranye iki gikorwa

MCT Global Ltd

UBURENGANZIRA BW'UMWANDITSI	i
GUSHIMIRA	ii
IMPINE N'IBIMENYETSO BYAKORESHEJWE.....	vii
INTANGIRIRO.....	1
IMBUMBE YA 1: GUKORESHA IKINYARWANDA UWIGA AGARAGAZA AKAMARO K'IMYUGA N'UBUMENYI NGIRO BINYUZE MU NKURU SHUSHO N'IKINAMICO	3
Isomo 1.1: Isesenguramwandiko ku nsanganyamatsiko y' akamaro k'imyuga n' ubumenyi ngiro	7
Isomo 1.2: Inkuru shusho	11
Isomo 1.3: Ikinamico	23
IMBUMBE YA 2: GUKORESHA IKINYARWANDA K'INTYOZA UWIGA AGARAGAZA UBURYO BUNYURANYE BWO GUKEMURA AMAKIMBIRANE NO KWANDIKA AGARAGAZA UBUTINDE BW'IMIGEMO N'IMITERERE Y'AMASAKU.....	40
Isomo 2.1: Isesenguramwandiko ku nsanganyamatsiko y'uburyo bunyuranye bwo gukemura amakimbirane	43
Isomo 2.2: Ubutinde.....	48
Isomo 2.3: Amasaku	51
IMBUMBE YA 3: GUKORESHA IKINYARWANDA K'INTYOZA UWIGA AGARAGAZA UBURYO BUNYURANYE BWO GUTUNGANYA UBUTAKA , KUGARAGAZA IMIMARO Y'AMAGAMBO MU NTERURO Y'INYABUMWE, KWANDIKA YUBAHIRIZA AMATEGEKO AGENGA IMYANDIKIRE Y'AMAGAMBO AFATANA N'ADAFATANA NO KUBAHIRIZA AMATEGEKO AGENGA IMYANDIKIRE Y'IBIHEKANE BYIHARIYE.....	62
Isomo 3.1: Isesenguramwandiko ku nsanganyamatsiko yo gufata neza ubutaka	65
Isomo 3.2: Imimaro y'amagambo	74
Isomo 3.3: Amategeko agenga imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana	86
Isomo 3.4: Amategeko agenga imyandikire y'ibihakane byihariye	98
IMBUMBE YA 4: GUKORESHA IKINYARWANDA K'INTYOZA UWIGA AKANGURIRA ABANDI AKAMARO K'ISUKU N'ISUKURA BINYUJWE MU IHANGAMWANDIKO	107
Isomo 4.1: Isesenguramwandiko ku nsanganyamatsiko ku kamaro k'isuku n'isukura	112
Isomo 4.2: Umwandiko ntekerezo	118

Isomo 4.3: Itangazo	123
Isomo 4.4: Ibaruwa	130
Isomo 4.5: Umwirondoro	139
Isomo 4.6: Raporo	146
INYANDIKO N’IBITABO BYAKORESHEJWE	160

IMPINE N'IBIMENYETSO BYAKORESHEJWE

Impine	Ibisobanuro
EU	European union
RTB	Rwanda TVET Board
TVET	Technical and Vocational Education and Training
%	Ijanisha
RH	Ruhamwa
FUZ	Imfutuzi
SH	Inshinga
Zn	Izina
UZ	Icyuzuzo
Kzn	Ikinyazina
TS SH	Itsinda ry'inshinga
TSRH	Itsinda rya Ruhamwa
TSUZ	Itsinda ry'icyuzuzo
IKINY	Ikinyanshinga
Grk	Ingereka
FRH	Imfutuzi ya Ruhamwa

INTANGIRIRO

Iki gitabo cy’umunyeshuri gikubiyemo ubumenyi, ubumenyi ngiro n’ubukesha bikenewe mu gukoresha Ikinyarwanda k’intyoza. Abanyeshuri bakoresha iyi mbumbanyigisho, bazabonamo imikorongiro ibafasha kuzamura ubushobozi bwabo. Mu iyandikwa ry’iki gitabo, hitawe ku myigishirize ishingiyeye ku bushobozi. Iyi mbumbanyigisho kandi irategura umunyeshuri kuzarangiza azi gukoresha Ikinyarwanda k’intyoza mu gusobanura neza ibyo ashoboye gukora, bikazamufasha guhatana ku isoko ry’umurimo.

Igitabo kigabanyijemo imbumbe enye (4), buri mbumbe ikubiyemo amasomo y’ibigwa bitandukanye. Uwiga atangirira ku isuzumabumenyi rigamije gutuma amenya urwego rw’ubumenyi, ubumenyigiro n’ubukesha afite ku byigwa muri buri mbumbe. Hakurikiraho igikorwa cy’ivumburamatsiko ku byigwa bikubiye muri buri mbumbe.

Muri iyi mbumbanyigisho kandi hakubiyemo imyitoto ifasha uwiga gusesengura, gutekereza cyane agashobora gusobanukirwa, gufatanya no gusabana n’abandi mu Kinyarwanda. Harimo kandi imyitoto y’ubumenyigiro imufasha gutekereza ku byo ashobora guhura na byo mu buzima bwa buri muni, ikamufasha guhora yiyungura ubumenyi no kugira ubushobozi bwo kujora no gushakashaka ibisubizo by’ibibazo ahura na byo, tutibagiwe no guhanga udushya mu mwuga we.

Igitabo cy’umunyeshuri kandi kirimo incamake y’ingingo z’ingenzi zikubiye mu byigwa bitandukanye, bifasha umunyeshuri kwiyibutsa ibyo yize no kubifata mu mutwe. Uwiga asabwa kubisoma akabyumva, aho adasobanukiwe agasobanuza umwarimu.

Ku mpera ya buri mbumbe, umunyeshuri yateguriwe isuzuma rinoza imyigire n’imyigishirize, rimufasha kwisuzuma niba ibyo yigishijwe yashoboye kubyumva uko bikwiye.

Muri make, iyi mbumbanyigisho izafasha umunyeshuri gukura akuza ubunyarwanda nyabwo kuko imukungahaza ku muco n’ururimi by’abakurambere, ikamwinjiza mu bumenyi, ubumenyigiro n’ubukesha Umunyarwanda nyawe akeneye, haba mu gihugu imbere cyangwa mu bihugu by’amahanga.

IMBUMBE:

Imbumbe ya mbere 1: Gukoresha Ikinyarwanda uwiga agaragaza akamaro k’imyuga n’ubumenyi ngiro binyuze mu nkuru shusho n’ikinamico.

Imbumbe ya kabiri 2: Gukoresha Ikinyarwanda k’intyoza uwiga agaragaza uburyo bunyuranye bwo gukemura amakimbirane no kwandika agaragaza ubutinde bw’imigemo n’imiterere y’amasaku.

Imbumbe ya gatatu 3: Gukoresha Ikinyarwanda k’intyoza uwiga agaragaza uburyo bunyuranye bwo gutunganya ubutaka, kugaragaza imimaro y’amagambo mu nteruro y’inyabumwe, kwandika yubahiriza amategeko agenga imyandikire y’amagambo afatana n’adafatana no kubahiriza amategeko agenga imyandikire y’ibihokane byihariye.

Imbumbe ya kane 4: Gukoresha Ikinyarwanda k’intyoza uwiga akangurira abandi akamaro k’isuku n’isukura binyujijwe mu ihangamwandiko.

IMBUMBE YA 1: GUKORESHA IKINYARWANDA UWIGA AGARAGAZA AKAMARO K'IMYUGA N'UBUMENYI NGIRO BINYUZE MU NKURU SHUSHO N'IKINAMICO



Inshamake y'imbumbe ya mbere

Muri iyi mbumbe dusangamo igice cy'ubuvanganzo gikubiyemo ihangwa ry'inkuru shusho n'ikinamico byujuje uturango twabyo bishingiye ku kamaro k'imyuga n'ubumenyingiro.

Kwisuzuma: Imbumbe ya 1

1. Itegereze ishusho iri ku mbumbe ya mbere:
 - a. Ni ibiki uyibonaho?
 - b. Ukurikije ibyo ubonaho, uratekereza ko ari ibihe byigwa iyi mbumbe yibandaho?
2. Uzuza imbonerahamwe ikurikira. Nta buryo bwemewe cyangwa butemewe bwo gusubiza muri ino mbonerahamwe, ahubwo iragufasha gupima ikigero cy'ubushobozi ufite kuri iyi mbumbe mbere yuko uyiga. Koresha ikimenyetso cy'agasaraba (x) mu mwanya wateganyijwe werekane urwego ruhamya ubushobozi bwawe mbere yuko wiga rino somo.
3. Nyuma yo kwiga iyi mbumbe, urongera wikorere isuzuma nk'iri.

Ubumenyi nsanganwe	Nta kintu na kimwe nzi ku mikoresherez e yabyo.	Nziho bike.	Nziho ibiringaniye	Nziho byinshi.	Ndiyizeye ku mikoreshere ze yabyo.
Ubumenyi, ubumenyingiro, ubukesha					
Gutanga inshoza y'inkuru shusho nk'imwe mu ngeri y'ubuvanganzo bw'ikinyarwanda					
Gusobanura neza uturango tw'inkuru shusho twifashishwa mu ihimbwa ryayo					
Kugaragaza uturango tw'inkuru shusho igihe usabwe kuyisesengura					
Gukoresha neza uturango tw'inkuru shusho igihe urimo kuyihanga					
Gukina inkuru shusho mu buryo bw'ikinamico					

Ubumenyi nsanganwe	Nta kintu na kimwe nzi ku mikoresherez e yabyo.	Nziho bike.	Nziho ibiringaniye	Nziho byinshi.	Ndiyizeye ku mikoreshere ze yabyo.
Ubumenyi, ubumenyingiro, ubukasha					
Gusobanura inshoza y'ikinamico nk'imwe mu ngeri y'ubuvanganzo					
Gusobanura neza uturango tw'ikinamico igihe usabwe kuyisesengura					
Kugaragaza uturango tw'ikinamico nk'uko tugaragara mu ikinamico ihimbitse neza					
Kwandika no gukina neza ikinamico hubahirijwe imyubakire n' imikinire by'ikinamico					



Ubushobozi fatizo:

Ubumenyi	Ubumenyingingiro	Ubukeshya
1. Gusobanura neza inshoza y'inkuru shusho mu rurimi rw'ikinyarwanda	1. Gutandukanya inshoza y'inkuru shusho mu zindi nshoza z'ingeri z'ubuvanganzo nyarwanda	1. Gukoresha amagambo aboneye igihe arimo kwandika inkuru shusho

Ubumenyi	Ubumenyingiro	Ubukeshya
2. Gushyira ahagaragara uturango tw'inkuru shusho tugomba gukoreshwa mu ihangwa ryayo.	2. Guhitamo uturango nkenyerwa tugomba gukoreshwa mu nkuru shusho hashingiwe ku buryo ubu n'ubu inkuru shusho ihimbwemo.	2. Gushushanya neza uruvugiro, utuzu, idirishya, urukiramende bikoreshwa mu nkuru shusho
3. Gusoma neza inkuru shusho hubahirijwe isesekaza ry'inkuru shusho.	3. Kwatura neza amagambo yanditswe mu nkuru uyakina mu buryo bw'ikinamico	3. Gushushanya neza amashusho no kuyaha umurongo mu buryo butavangavanga umusomyi w'inkuru.
4. Gusobanura neza ikinamico nka bumwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda	4. Gutandukanya inshoza y'ikinamico mu zindi nshoza z'ingeri z'ubuvanganzo nyarwanda	4. Gukoresha amagambo aboneye n'ibimenyetso biboneye igihe ahimba ikinamico
5. Gushyira ahagaragara uturango tw'ikinamico tugomba gukoreshwa mu ihangwa ryayo	5. Guhitamo uturango nkenyerwa tugomba gukoreshwa ku ikinamico hashingiwe ku buryo ubu n'ubu ikinamico ihimbwamo.	5. Gukurikiranya neza ubutumwa buri mu ikinamico
6. Gusoma neza ikinamico hubahirijwe isesekaza	6. Kwatura neza amagambo ahimbishije ikinamico mu kuyikina	6. Gukoresha imvugo iboneye kandi igendanye n'ubutumwa arimo gukina igihe akina ikinamico.



Ivumburamatsiko



Umwitozo wa 1:

Subiza ibibazo bikurikira.

1. Ese ingeri z'ubuvanganzo zigushimisha iyo urimo gusoma ibitabo by'ikinyarwanda ni izihe?

2. Iyo ugereranyije umwandiko ntekerezo n’imyandiko y’ubuvanganzo irimo udukino wumva igushishikaza kuyisoma ari iyihe?
3. Hari ubwo ujya ufata igitabo ugiye kugisoma wabona inkuru ziherekejwe n’amashusho ugahita ufata umwanzuro wo kuzitaho kuruta ibindi?
4. Ese izo nkuru ziherekejwe n’amashusho zigizwe n’ibiganiro bisa n’aho ari ikinamico zitwa gute?
5. Iyo bavuze ikinamico wumva ari iki?
6. Ese ubona itandukaniro ry’inkuru zishushanyije n’ikinamico ari irihe?
7. Urumva tugiye kwiga irihe somo?

Isomo 1.1: Iseenguramwandiko ku nsanganyamatsiko y’ akamaro k’imyuga n’ ubumenyi ngiro



Igikorwa cyo 1: Gushaka ibisubizo by’ibibazo



Umwitozo wa 2:

Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo

Umwandiko: Akamaro k’amashuri y’imyuga n’ubumenyi ngiro

Amashuri y’imyuga n’ubumenyi ngiro afite uruhare rukomeye mu iterambere ry’umuntu, imiryango, ndetse n’ibihugu. Aya mashuri atanga ubumenyi bw’ibyo umuntu akora ku buryo bw’umwuga, bituma abanyeshuri bitegura gukora mu kazi no guteza imbere ubukungu n’imibereho myiza y’abaturage. Amashuri y’imyuga n’ubumenyi ngiro afasha abanyeshuri kumenya ubumenyi runaka no kubushyira mu bikorwa, ku buryo babasha gukora imirimo ifite agaciro nk’ubwubatsi, ubuhinzi, ubukanishi, gutunganya ibiribwa, n’ikoranabuhanga. Ibi bituma abanyeshuri barangiza amashuri y’imyuga n’ubumenyi ngiro bashobora kubona akazi cyangwa bakihangira imirimo.

Amashuri y’imyuga n’ubumenyi ngiro kandi afasha mu kugabanya ubushomeri, cyane cyane mu rubyiruko. Ubumenyi bw’abanyeshuri bukura muri ayo mashuri bituma babasha kubona akazi mu nzego zitandukanye z’ubukungu. Byongeye kandi, Amashuri y’imyuga n’ubumenyi

ngiro atuma abanyeshuri bishyiramo mu gushyiraho imishinga yabo bwite, bakaba bafasha mu guhanga imirimo no guteza imbere ubukungu bw'aho batuye.

Amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro atanga umusanzu mu bukungu bw'igihugu, kuko abigishwa bayo babasha gukora ibikorwa bifite ireme bakeneye ku isoko ry'akazi. Ibi bituma habaho umusaruro mwiza no gutera imbere mu bikorwa bitandukanye by'ubukungu, nk'ubwubatsi, inganda, ubuhinzi, ndetse n'ikoranabuhanga. Aya mashuri atanga amahirwe yo kwiga no kubona ubumenyi ku bantu batabona amahirwe yo kwiga mu mashuri asanzwe. Aya mashuri atanga inzira zinyuranye zo kugera ku ntsinzi, atuma abantu benshi, cyane cyane abagore, abatuye mu byaro, n'abafite ibibazo by'imibereho, babona uburyo bwo kwiga no kugera ku buhire.

Mu gihe inganda zitera imbere, Amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro afasha abanyeshuri gukurikira ibigezweho mu ikoranabuhanga. Amashuri menshi y'imyuga n'ubumenyi ngiro atanga ubumenyi bwifashisha ibikoresho, uburyo, n'ubuhanga bwa none, bigatuma abanyeshuri baba bashoboye guhanga udushya no guhangana n'ibibazo bishya mu mirimo. Amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro afite uruhare mu gutegura abakozi b'ahazaza, kandi bafite umusanzu ukomeye mu iterambere ry'igihugu. Batanga abakozi b'umwuga mu nzego zitandukanye, bagatuma ibikorwa remezo n'inganda zikora neza, kandi bituma igihugu giteza imbere mu buryo burambye.

Mu gusoza, amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro ni ingenzi mu buzima bw'umuntu no mu iterambere ry'igihugu. Atanga ubumenyi n'ubushobozi bwo gukora imirimo ifite ireme, bikaba ingenzi mu gutera imbere mu bukungu n'imibereho. Uko amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro afasha mu guteza imbere ubumenyi, kugabanya ubushomeri, no guteza imbere ubukungu, ni uburyo bwiza bwo kubaka sosiyete irambye, ikora neza, kandi itanga amahirwe menshi ku bantu bose. Gushishikariza urubyiruko kwiga amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro bizafasha mu gukemura ibibazo by'ubushomeri no gutegura ejo hazaza heza.

Ibibazo ku mwandiko:

1. Ni ibihe bintu nibura bibiri amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro ashobora gutanga ku banyeshuri?
2. Amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro agira uruhe ruhare mu kugabanya ubushomeri?

3. Ni gute amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro atanga umusanzu ku bukungu bw'igihugu? Tanga inzira eshatu.
4. Ni gute amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro afasha abanyeshuri gukurikira ibigezweho mu ikoranabuhanga?
5. Ni ibihe byiza byo gushishikariza urubyiruko kwiga amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro?

Ingingo z'ingenzi 1.1.: Isesenguramwandiko ku nsanganyamatsiko y'akamaro k'imyuga n'ubumenyi ngiro

• Inshoza y'imyuga n'ubumenyi ngiro:

UNESCO isobanura ko ari ubumenyi bushingiye ku bushobozi, ubwenge n'imyitwarire haba mu nzego zose z'imikorere (ubwenge, tekhnike, ubukungu) bigamije iterambere ry'ubifite ndetse n'igihugu muri rusange.

✓ Inyunguramagambo

🏗️ **Iterambere:** Amajyambere

🏗️ **Ubukanishi:** Ni umurimo wo gusana cyangwa guteranya ibikoresho by'ikoranabuhanga

🏗️ **Umusanzu:** Bisobanuye inkunga cyangwa uruhare

🏗️ **Ireme:** Ingano ipimye ku rugero rwiza rushimishije

🏗️ **Gushishikariza:** Kongera uburyo wakoragamo ubukangurambaga cyangwa uburyo wamenyekanishagamo ibintu.

🏗️ **Ibikorwa remezo:** Ibikorwa rusange by'igihugu bigenerwa abaturage bibafasha mu buryo ubu n'ubu akenshi bigaragaza iterambere ry'igihugu.

🏗️ **Inganda:** Ni urwunge rw'ibikorwa binyuranye bigamije gutunganya neza ibikoresho bitandukanye.

✓ Ingingo z'ingenzi n'ingingo z'ingereka

🏗️ Gutanga imirimo no kugabanya ubushomeri

🏗️ Umusanzu w'uburezi mu iterambere ry'igihugu

🏗️ Kugira uburezi bufite ireme mu ikoranabuhanga

🏗️ Iterambere ry'igihugu n'imibereho myiza y'abaturage

✓ **Insanganyamatsiko y'ingenzi iri mu mwandiko**

Umumaro wo kwiga imyuga n'ubumenyi ngiro

✓ **Isomo ry'ingenzi mu mwandiko**

Kuba umuntu wize imyuga n'ubumenyi ngiro yiteza imbere akanateza imbere igihugu cye.

✓ **Ingero zifatika zihamya akamaro k'imyuga n'ubumenyi ngiro mu muryango nyarwanda**

1. Gutanga imirimo no kugabanya ubushomeri
2. Iterambere ry'inganda
3. Kubaka ibikorwa remezo
4. Gutanga uburezi bufite ireme
5. Kwihutisha iterambere ry'igihugu
6. Kugabanya ubujiji
7. Kwiteza imbere kw'umuntu ufite ubumenyi ngiro.



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 3:

1. Mu magambo yawe bwite, ushingiye ku bumenyi usanganywe bwunganirwa n'ibisobanuro by'umwandiko, sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko.
 - a. Iterambere
 - b. Ubukanishi
 - c. Umusanzu
 - d. Ireme
 - e. Gushishikariza



Igikorwa cya 3: Umukoro ngiro



Umwitozo wa 4:

1. Himba interuro zawe bwite ukoresheje amagambo akurikira dusanga mu mwandiko:

- Iterambere
- Ubukanishi
- Umusanzu
- Ireme
- Gushishikariza
- Ibikorwa remezo
- Inganda
- Ubukungu

Isomo 1.2: Inkuru shusho



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitozo 5:

Itegereze kino gihangano usubize ibibazo byabajijweho



- a. Ni iki urimo kubona kuri runo rupapuro ?
- b. Ni iyihe ngeri y'ubuvanganzo ubona igaragara yakoreshejwe kuri runo rupapuro?
- c. Ni utuhe turango tw'ibanze nibura tubiri ushingiyeho utanga icyo gisubizo?

Ingingo z'ingenzi 1.2.: Inkuru shusho

• Inshoza y'inkuru shusho

- ✓ Ni ikiganiro gihimbitse mu buryo bw'ikinamico gitambutsa ubutumwa kibangikanya ubutumwa n'amashusho y'abanyarubuga bagikoreshejwemo.
- ✓ Amagambo avugwa ashirwa mu tuziga dufite uturizo dufite ikerekezo cy'aho umunyarubuga uyavuga aherereye.
- ✓ Bigaragara neza ko inkuru ishushanyije idashirwa mu bika ahubwo amashusho y'abakinankuru n'amagambo bavuga bishirwa mu tudirishya tugenda dutondekwa bahereye ibumoso bajya iburyo. Inkuru ishushanyije itera amatsiko ashingiyeye ku ibangikana ry'amagambo n'amashusho. Umukinankuru iyo agaragaza imbamutima ze, amashusho arabigaragaza. Amagambo iteka aba afitanye isano ijyanye neza n'ikivugwa.

• Uturango tw'inkuru shusho

- ✓ Inkuru ishushanyije irangwa n'ibi bikurikira:

📌 **Umurambararo** : Uruhererekane rutambitse rw'amashusho.

📌 **Igipande**: Urupapuro rwose rugizwe n'imirambararo.

📌 **Urukiramende**: Umwanya wanditsemo ibisobanuro bitangwa n'umubankuru. Ibyo bisobanuro byitwa **invugo ngobe**.

📌 **Agatoki**: Ni agashushanyo gasongoye gahuza amagambo n'uyavuga.

📌 **Akazu**: Ni umwanya w'ishusho utangiwe n'idirishya.

📌 **Idirishya**: Imbibi z'ishusho cyangwa z'akazu.

📌 **Uruvugiro**: Ni umwanya urimo ikiganiro cy'abanyarubuga.

📌 **Akarangandoto**: Ni agashushanyo k'utudomo kerekera ku munyarubuga kagaragaza ibyo arota cyangwa atekereza.

🚦 **Imvugondoto:** Ni amagambo agaragaza icyo umunyarubuga atekereza ,yivugisha cyangwa arimo kurota.

🚦 **Agakino:** Ni uruhererekane rw’amashusho ari mu muteguro umwe. Ni ukuvuga abanyarubuga bamwe hatagize usohokamo cyangwa undi winjiramo.

🚦 **Abanyarubuga:** Ni abantu, ibintu cyangwa inyamaswa bifite icyo bikora mu nkuru.

• Urugero rw’inkuru shusho


Mutesi asoje amashuri yisumbuye agiye gushaka akazi












Hano mutesi yacitse intege kuko Chris mu byo kunywa yamuvangiyemo inzoga atabizi none yasinze, nubwo acishamo akavuga ariko aravuga ibiterekeranye





Hano mutesi yacitse intege kuko Chris mu byo kunywa yamuvangiyemo inzoga atabizi none yasinze, nubwo acishamo akavuga ariko aravuga ibiterekeranye

Papa ni ukuri urakoze kuza numvaga uriya mukire nta gahunda nziza yari amfiteho iyo uza gutinda



Erega karavuga, ziba!!! none gusaba akazi bivuze kwiyaandagaza kuriya? Ese ubundi iriya ngegera y'umugabo ni iyaha?



Yitwa Chris afite kompani icuruzamabuye y'agaciro n'iyubukerarugendo nari nagiyegusaba yo akazi ansaba ko uyu muni twahurira hariya tukabinoza



Gasanze naramutse neza sha iyo gahagarara ngo nkahe bene wabo, ariko rusibiye aho ruzarengera. Reba aho isaha zari zigeze.



Byihore papa nanjye bimpaye isomo, gusa nyirabayazana y'ubu bushomeri nuko ntize imyuga



Ntugomba kwigurisha rero ngo ubone akazi, wafata n'isuka ugahinga nta cyo waba



Yego papa ahubwo mumbabarire ibyo mubonye ni ubwa mbere byambaho pe



Iyo aba atari ubwa mbere ntuba unkize, wari bukubitwe iz'akabwana.





MUTESI yongera guhura na Doris na bagenzibe ababwira uko byagenze ahura na Chris







Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 6:

Soma usubize ibibazo bikurikira

1. Iyo bavuze inkuru shusho wumva iki?
2. Vuga ibintu bigaragaza ko igihangano iki n'iki ari inkuru shusho.
3. Andukura imvugo ngobe zose zagaragajwe muri iyo nkuru shusho wasomye haruguru.
4. Sobanura zino mvugo zikoreshwa mu nkuru shusho:
 - a. Imvugo ngobe
 - b. Imvugo ndoto
 - c. Urukiramende
 - d. Idirishya
 - e. Agakino



Igikorwa cya 3: Umukorongiro.



Umwitozo wa 7:

Mu itsinda ry'abantu umunani muhimbe inkuru shusho ku nsanganyamatsiko y'akamaro k'imyuga n'ubumenyi ngiro ariko idasa n'iyi iri muri iki gitabo.

Amabwiriza y'umukoro

Inkuru igomba kuba ihimbiwe ku bipande umunani buri kimwe kigizwe n'imirambararo ibiri ibiri igizwe n'utuzu tubiri tubiri, iyo nkuru shusho igomba kuba igizwe n'abanyarubuga batandatu muzayikine mu buryo bw'ikinamico.

Isomo 1.3: Ikinamico



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitoto wa 8:

Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Impanuro z'umubyeyi

Igihe kimwe Kamana akitse imirimo, yari mu ruganiriro hamwe n'abana be Bukesha na Mariza aterura ikiganiro agira ati: “Ariko bana bange mureke tuganire ku busugire bw’ururimi rwacu.”

Kamana: Harya iyo bukeye umworozi w’inka iyo agitangira kuzikama bavuga ko agira ate?

Bukesha: Bavuga ko atangiye kuzikurura amabere.

Mariza: Reka da! Ariko Bukesha nawe nta byawe! Suzi ko babyita kwinkiza! Mu ishuri twarabyize.

Bukesha: Uzi ko ari byo koko! Ariko nawe hari aho ubyishe:

Ntibavuga: “Suzi ko”; bavuga: “Ntuzi ko”.

Mariza: Yego koko. Ngaho noneho nawe vuga uko kurangiza gukama babyita.

Bukesha: Babyita guhumuza.

Ibibazo kuri uyu mwandiko:

1. Muri uyu mwandiko ni bande bavugwamo?
2. Ese mu by’ukuri iki kiganiro kiragaragaza ko byabayeho cyangwa ni ibihimbano?
3. Ukurikije uturango tw’imyandiko itandukanye uzi, urabona uyu ari ubuhe bwoko?

Ingingo z'ingenzi 1.3: Ikinamico

• Inshoza y'ikinamico

Ikinamico ni igihangano kifashisha uburyo bwo gukina imico y'abantu itandukanye. Mu ikinamico herekanwa umuco, ibikorwa, imyifatire, imigenzo...by'abantu. Uwo mukino ushobora kubera mu ruhame imbere y'abantu cyangwa ukanyuzwa mu bikoresho by'ikoranabuhanga by'inyakiramajwi nka radiyo n'iby'iyumvabona nka tereviziyo, mudasobwa n'ibindi. Ikinamico iba igamije kwigisha, gukosora ingeso n'imyifatire mibi, gushishikariza abantu kugenza neza n'ibindi.

Ikinamico ishobora kugaragaza ibikorwa by'umuntu umwe cyangwa benshi. Ishobora kandi gukinwa n'umuntu umwe ugenda yihinduranya, gusa akenshi iba ikinwa n'abantu benshi.

• Uturango tw'ikinamico

✓ Ikinamico ihimbye neza igomba kuba igaragaramo uturango dukurikira:

📌 **Umutwe w'ikinamico:** umutwe w'ikinamico ugomba kuba uteye amatsiko abumva cyangwa abareba ikinamico. Ayo matsiko akaza gushira uko abanyarubuga bagenda bigaragaza.

📌 **Umwinjizo:** ni amagambo atangira umukino aba asa n'akebura abagiye gukurikira ikinamico ndetse abakururira gukurikira neza umukino.

📌 **Abanyarubuga:** ni abakinnyi bakina umukino bagaragaza imyifatire itandukanye, bagenda bumvikana ndetse bakagaragara mu mukino.

📌 **Ibice by'umukino:** ni mukino wose uba ugabanyijemo ibice bitandukanye, bitewe n'uko umuhanzi yabigennye.

📌 **Agakino:** igice cy'umukino gishobora kugira imiseruko itandukanye bitewe n'igitekerezo gikubiye mu gice cy'umukino.

📌 **Urukiniro:** ni aho agakino cyangwa igice cy'umukino kiba kiri bukinirwe. Urukiniro baruha umuteguro bakarutaka cyangwa bakaruha imirimbishirize bitewe n'ibyifuzo by'umuhanzi cyangwa umutoza.

📌 **Umuseruko:** umuseruko urangwa no kwinjira cyangwa gusohoka k'umunyarubuga ku rukiniro.

📌 **Inyobozi:** ni ibisobanuro bigaragara mu ikinamico biyobora abanyarubuga uko bari bwitware mu mukino. Bikunze gushyirwa mu dukubo.

📌 **Imvugo nkana:** ni amagambo umunyarubuga ashobora kuvuga mu gihe ari kugirana ikiganiro na mugenzi we, ariko mugenzi we akigiza nkana ko atayumvise.

📌 **Imvugano:** ni ikiganiro kiba hagati y'abanyarubuga igihe bahererekanya amagambo. **Inyishyu:** ni amagambo umunyarubuga runaka asubiza mugenzi we mu ikinamico.

📌 **Umwivugisho:** ni amagambo avugwa n'umunyarubuga igihe ari wenyine yivugisha.

📌 **Ururondogoro:** ni imvugo itinze y'umunyarubuga runaka.

📌 **Iherezo:** ikinamico igira iherezo. Iherezo ry'ikinamico rishobora kumara amatsiko abayikurikiye, cyangwa rigasiga abayikurikiye mu gihirahiro bibaza uko byagenze cyangwa uko bizagenda.

• Amoko y'ikinamico

✓ Dukurikije umuyoboro ikinamico inyuzwamo, ikinamico ibamo amoko abiri:

📌 Ikinamico ikunirwa imbere y'indorererezi n'ikinamico inyuzwa kuri radiyo cyangwa tereviziyo.

- *Dukurikije ibikorwa njya Mutima ikina, dusangamo amoko atatu:*

📌 Ikinamico nterabitwenge, ikinamico nteragahinda n'ikinamico mberabyombi.

- *Dukurikije imiterere, ikinamico tuyisangamo amoko abiri:*

📌 Ikinamico isanzwe n'ikinamico y'uruhererekane.

- *Dukurikije insanganyamatsiko, ikinamico tuzisangamo amoko menshi:*

📌 Ikinamico gakondo, ikinamico nyobokamana, ikinamico y'amateka, ikinamico ya politiki, ikinamico y'urukundo, ikinamico y'imibereho...

• Imyubakire cyangwa ibice by'ikinamico

✓ Ikinamico nk'inkuru ikinye igira imyubakire cyangwa ibice bikurikira.

📌 **Intango:** muri iki gice hagaragaramo uko ubuzima buba busanzwe muri rusange, abantu babanye neza nta kibazo bafitanye.

🚧 **Kidobya:** nko mu nkuru, kidobya ni akantu kaza kakaba imbarutso kagahindura ibintu uko byari bimeze. icyo gihe uko ibintu byari bisanzwe birahinduka, niba ari nk'ikibazo kivutse kigashakirwa igisubizo.

🚧 **Inkubiri y'ibikorwa:** muri iki gice ni ho dusobanukirwa inkuru koko. Abanyarubuga bakagaragaza ya myifatire cyangwa imico itandukanye baba bakina.

🚧 **Umwanzuro:** muri iki gice ni ho tubona uko inkuru irangiye. Mu mwanzuro ikinamico ishobora kurangira imaze amatsiko cyangwa igasiga mu rujijo abayiteze amatwi cyangwa abayireba.

🚧 **Amaherezo:** muri iki gice hagaragaramo uko byagenze nyuma y'ikemuka ry'ikibazo runaka cyangwa se nyuma y'uko ikibazo gikomeza kuba insobe. Aha ni na ho hagaragara abagiriye inyungu muri kwa gukemuka cyangwa kudakemuka kw'ikibazo.

• Uko ikinamico yandikwa

- ✓ Umuhanzi w'ikinamico agomba kubanza guhitamo insanganyamatsiko agiye kwandikaho kuko imico y'abantu aba agiye gushyira mu mukino igomba kuba ifite intego runaka yo kwigisha, gucyaha, kunenga, kugira inama n'ibindi.
- ✓ Iyo amaze guhitamo insanganyamatsiko, ahitamo abanyarubuga akabatwerera imyifatire n'imiterere igaragaza neza ibyo agiye gukina.
- ✓ Mu kwandika ikinamico umuhanzi agomba kuzirikana uko atangira umukino we n'uko aza kuwusoza, atanze igisubizo k'ikibazo cyari ingutu cyangwa asigiye abawukurikiye umukoro wo gukomeza kwibaza uko bizagenda.
- ✓ Ikinamico igomba kwandikwa mu buryo bw'ikiganiro, aho abanyarubuga usanga bahererekanya amagambo, ndetse hakagenda hagaragazwa izina ry'ugiye kuvuga. Gusa aho biri ngombwa usanga umukinnyi ashobora gukina yivugisha we ubwe.
- ✓ Umuhanzi w'ikinamico kandi bitewe n'ibyifuzo by'uko ashaka ko umukino we ukinwa agenda agaragaza inyobozi, zandikwa mu dukubo, zigaragaza uko abanyarubuga bagomba kwitwara, aho umukino runaka ubera n'imirimbo ihatatse. Inyobozi kandi zituma umutoza w'abakinnyi abafasha kwitwara uko umuhanzi w'ikinamico yabyifuje. Dore ibigomba kwitabwaho mu kwandika ikinamico:

- ✓ Umuhanzi agomba kwita cyane ku nsanganyamatsiko agiye kwandikaho bityo akayishakira umutwe bifitanye isano. Umutwe w'ikinamico ugomba kuba uteye amatsiko abagiye kuyikurikira cyangwa abasomyi.
- ✓ Umuhanzi agomba kwita cyane ku bo ageneye umukino we, mu rwego rwo kugena imvugo (iy'ubusabane, isanzwe, ihanitse, iya gisizi...) aza gukoresha. Agomba kumenya kandi ikigero barimo, imico yabo n'uko babayeho kugira ngo agene uburyo aza gukoresha ababwira, bityo umukino ugire icyo ubamarira, bitewe n'icyo agamije kugeraho.
- ✓ Abanyarubuga bagomba kwisanisha neza n'ibyo bakina haba mu mvugo ndetse no mu ngiro.
- ✓ Umuhanzi agomba kuzirikana igihe ikinamico igomba kumara, bitewe n'aho igomba kunyuzwa n'icyo igamije. Hari amakinamico ashobora kugira uduce dutoduto tugenda dutangazwa mu gihe runaka, ikaba yamara igihe kirekire, nk'urunana, museke weya...Umuhanzi anazirikana ko igihe ikinamico ikinwa itagomba kurambirana cyane.

• Guhitamo abakinnyi b'ikinamico

Umuhanzi w'ikinamico agomba kugena uko abakinnyi bitwara, cyane ko baba bagomba kugaragaza imico y'abantu basanzwe mu buzima bwa buri munsu. Rimwe na rimwe usanga abakinnyi bahabwa amazina ahita aranga imyitwarire yabo, nk'abo bita ba Rubundakumazi, Nzavugankize, Rusisibiranya, Kajarajara, Kirikumaso n'andi. Gusa abacengeye neza iyi nganzo y'ikinamico bemeza ko atari byiza kwita bene aya mazina kuko biba bisa no kumara amatsiko abakurikiye ikinamico. Bavuga ko byaba byiza abakinnyi bagiye bahabwa amazina asanzwe atagaragaza imyitwarire yabo, noneho uko bakina, ababakurikiye akaba ari bo batahura imyitwarire y'abakinnyi. Ni yo mpamvu mu guhitamo abakinnyi hagomba kurebwa umuntu uri bwigane neza umunyarubuga runaka.

- **Abanyarubuga mu ikinamico**

Mu ikinamico abanyarubuga barimo ibice bibiri by'ingenzi. Habamo umunyarubuga mukuru. Umunyarubuga mukuru ashobora kuba ari umwe cyangwa ari benshi. Habamo kandi abanyarubuga bungirije bashobora kuba bunganira umunyarubuga mukuru kugira ngo agere ku ntego yiyemeje (abunganizi) cyangwa se bakaba bamubangamira ngo atagera ku ntego yiyemeje (imbogamizi). Ni ukuvuga ko mu ikinamico dusangamo umunyarubuga mukuru n'abanyarubuga bungirije. Ariko hashobora no kubamo abanyarubuga batari ngombwa. Abo banyarubuga mu by'ukuri nta gikorwa gifatika bakora, ndetse bashobora no kuva mu ikinamico cyangwa mu nkuru ntibigire icyo bitwara (nk'igihe umukino ubera mu isoko, abaremye isoko bose si ko bagira uruhare mu mukino).

- **Uko ikinamico ikinwa**

Ikinamico iba igabanyijemo ibice. Iyo ari ikinamico yo ku rubuga aho ikinirwa (urukiniro) hagenda hahinduka uko buri gice kirangiye. Buri gice na cyo kiba kigabanyijemo uduce (imiseruko) tugenda duhindagurika, buri gihe uko hinjiye umukinnyi mushya cyangwa se hagize usohoka ku kabuga nkuru. Abakinnyi b'ikinamico ku rukiniro baba bagomba gusa neza nk'uko abanyarubuga bagaragajwe mu myifatire yabo. Mu gukina ikinamico kandi inyobozi ni ngombwa cyane zigomba kubahirizwa kugira ngo umukino ugende neza nk'uko umuhanzi wayo yabyifuje.

- **Urugero rw'ikinamico (Ejo hazaza h'umwana, inshingano zacu)**

Papa Mutima: Enda sha nyegereza iyo laputopu hano ngire icyo nikorera.

Mutima: None se papa wagiye uruhuka koko, aka kanya uvuye mu kazi utaranashira amavunane ugasubiyemo?

Papa Mutima: Ntibiba byoroshye mukobwa wanjye hari raporo navuye ku kazi ntatanze. Ubwo rero ndagira ngo nyohereze.

Mutima: Ngaho nimwakire nanjye ka njye gusubira mu masomo ejo ibizamini bisoza ikiciro rusange bizatangira.

Papa Mutima: Koko se? None se sha harya ubwo wasabye kuziga iki kuki utambwiye ngo turebere hamwe ishami wakwiga rizagira icyo rigufasha?

Mutima: Papa ntiwibuka ko nabikubwiyeho warangiza ukabwira ko utabifitiye umwanya ngo warimo kwitegura kujya mu ruzinduko rw’akazi?

Papa Mutima: None ubwo wasabye kuziga iki?

Mutima: Papa nasabye kwiga amateka, iyigandimi n’ubukungu kuko kaminuza numva nzakomeza ibijyanye n’amabanki numva inzozo zanye ari ukuba umuyobozi w’amabanki. Ubwo urumva ntarahisemo neza papa?

(Papa Mutima ahamagara mama mutima kugira ngo amubaze ibijyanye n’amahitamo ya Mutima ku ishami agomba gukurikirana bananirwe guhuza)

Papa Mutima : None mama Muti umeze neza ?

Mama Mutima : Yego meze neza papa Muti.

Papa Mutima : None se ko wari uzi neza ko mpugiyeye muri rwinshi, Mutima akaba ambwiye ibijyanye n’ihitamo rye ry’ishami agomba kuziga ko ubona arangije ikiciro rusange, nkumva birashoboka ko utamufashisje guhitamo ?

Mama Mutima : Ese papa Muti ntuzi ko mva mu kazi bwije naniwe cyane bigatuma ntabona umwanya wo kuganira n’abana ?

Papa Mutima : Hanyuma se wikendi uba urimo gukora iki ?

Mama Mutima : Rwose mumbabarire byancyiye kandi erega niba ngize aho nsikira mwakanyibukije namwe kuko umuryango ni uwacu twese.

Papa Mutima : Muti, gusa sinkuciye integer z’amahitamo yawe, gusa nifuzaga yuko uba warahisemo kwiga imyuga nko gukora no guhimba imideli, ubuhinzi n’ubworozi,

ubwubatsi, guteka n'ibindi... kuko ni ibintu wamenye neza n'aho wabura uguha akazi umuntu akaba yashaka agashoro gato ukihangira umurimo nawe.

Mutima : Papa ibyo bintu rwose ndabyanga sinahinga ngo nanatobe itaka kandi uri umuganga mama akaba umucungamutungo w'ikigo cy'imari.

Papa Mutima : Mwana wanjye hari kera kandi amahirwe twagize si yo yawe, nawe wajya mu bindi kandi bikazaguha ubuzima. Cyane yuko nanabonye amasomo ajyanye n'ubukungu ajya agutsinda. Kandi hari ibindi watsinda nuko habayeho uburangare bwacu.

Mutima : Papa njye mugomba kunshakira akazi kuko muziranye n'abantu benshi mukorana sinteze kuzabura akazi.

Papa Mutima : Ibyo ntiwabigenderaho ugomba kwiga wumva ko igihe warangaye ugasohoka ntacyo ushoboye utazabona umuntu wishingira ubujiji yabona ushyira mu kazi ke. Kandi ubyigeho ubihinduze nibitanakunda nzakugurira ishuri mu yigisha imbyuga dore ngiye kuja Norvege muri misiyo y'akazi uzambwira uko bimeze naragarutse.

(Teddy ahura na mugenzi we biganaga Mutima kumvikana bikagorana kuko mutima)

Teddy: Uraho neza Muti!

Mutima: Uraho nawe, umeze fresh se shumi?

Teddy: Ese Muti, izo mvugo z'amashumi wadukanye n'izindi njya nkumvaho muri iyi minsi uri kuzivana he ? Byagenze bite ko mbona usigaye warahindutse?

Mutima: Nuko ye! Ubwo uraje harajwe. Hanyuma se wowe ko usigaye warigize za bamenya, uri umugenzuzi w'imivugire yanjye?

Teddy : Ahaaa mbabarira ma nivugiraga. Ahubwo nendaga kukubaza niba hari umuntu wigeze agushishikariza kwiga amasomo ajyanye n'imyuga mu kiciro cya kabiri. Kuko njye ubu narangije gusaba ibijyanye n'ubutetsi kandi aho nasabye

batanahampaye papa yambwiye ko azanshakira ishuri ryigenga kandi nkiga ibintu bifite akamaro.

Mutima: Burya ariko warananyibagiwe. Njyewe Mutima nigira mu myotsi? Hahaha.. dore sinzi n'ibyo numvishe viye(view) ambwira ngo ni ubuhinzi, nkibaza inyungu yavuye muri izo jobs z'amafuti mbona ababikora baba batumuka ivu n'isayo.

Teddy: Ka nkubwire rero, ibyo ntaho bihurirye n'ubuzima kuko uramutse umenye ko ubushomeri buryana wava kuri ayo menshi wibaraguzwa.

Mutima: Mutima rero uwo si njye. Viye(vieu) azanshakira akazi keza ibyo nakwiga byose sinashoma. Byonyine amafaranga ya misiyo imwe y'akazi aba yagiyemo nayarya umwaka wose ntakora ugashira ukayasiga. Reba nk'ubu yagiye Norvege muri misiyo y'akazi kandi ntazabura ibimbi nka mirongo itatu na bitanu by'amadorari(35k\$) akurayo.

(Marry na mama Mutima babikirwa urupfu rw'impanuka y'indege, amarira yari menshi)

Marry: Yooooo! , mama Muti, mama Mutima ko utitaba uri mu biki?

Mama Mutima: Ndakumva Marry wo kabyarawe. Cyooo ko mbona se wazubaye byagenze bite kandi bituma umenengana iri joro ryose?

Marry: Ntabwo.. nari ndimo kureba amakuru kuri televiziyo ngiye kumva numva bavuze impanuka y'indege yahitanye abantu benshi cyane harimo abanyarwanda mirongo itatu, iyo ndege yari ivuye Norvege, ikibabaje nuko na papa Mutima yaguye muri iyo mpanuka we na bagenzi be cumi na babiri bakoranaga muri kompanyi imwe.

Mama Mutima: Ugize uti iki Mary? Ariko se ibyo uvuga ni ukuri ? yebaba wee.! Nazibamba nzerekezahe noneho ko agahinda gashira akandi ari ibagara?

Marry: Mama Muti, nabanje kugira ngo ni ukubeshya mpita njya ku mbuza z'ibitangazamakuru zose zizewe nsanga nta kinyamakuru na kimwe kitavuze kuri iyo mpanuka.

Mama Mutima: Yebaba data weeee! ngaho ibaze nawe amezi abiri arashize dukuye ikiriyo cy’ababyeyi banjye. Hadaciye ukwezi kompanyi nakoreraga igabanyije abakozi ikanyirukana mbere, wongereho n’urupfu rw’umutware wanjye... ubundi iyi si ikiza igira ni ikihe koko? Ibi byago muri buno bukene biragenda bite rwose?

Marry: Ihangane ukomere Imana irahari kandi ni koko rwose igukomeze mu bihe nk’ibi. Ahubwo reka duhuruze inshuti n’abavandimwe dushake uburyo twazaherekeza nyakwigendera.

(Mutima na nyina nyuma yuko arangiza kwiga)

Mutima: Ese mama ubu buzima umbwije ukuri bizavamo? Ubona buzashoboka? Ibaze kuba ndangije kaminuza n’ubwo ntagize amanota y’ikirenga ariko si mabi ku buryo Namara imyaka itatu ntarabona akazi.

Mama Mutima: none mwana wanjye mbigenze nte ko banyirukanye mu kazi, hataracya iminsi myinshi so, akitaba Imana? Reka dusangire ubu bukene n’ibibazo byinshi wenda igihe kizagera.

Mutima: Ukuntu se nanze kwiga imyuga kandi mu bukene dufite hatabura kwirundarunda nk’umwaka umwe umuntu akaba akuyemo igishoro?

Mama Mutima: Nyamara se ko Teddy yize guteka ntasigaye afite Restaura eshanu muri kano karere? Simbona ibirori byose byabereye muri aka karere ari we wafashe isoko ryo kujya agabura?

Mutima : Ni ko se bi mama cyangwa ni bya bindi byawe ?

Mama Mutima : Nkurahiye NDAHIRO umugabo wanjye nakundaga, ahubwo uno mwana ko mwari inshuti ntiwamusabayeho akazi naho kaba ari ako koza ibyombo ?

Mutima: Ubu se mama, ubu yakampa ko yabyize mupinga? Akampaye se ubu nagashobora ahubwo?

Mama Mutima : Ntabwo yabyanga ahubwo ejo usage mu mureba ku kazi.

(Teddy na Mutima kuri telefoni nyuma yo kumuhindurira ubuzima, Mutima afite amarangamutima menshi)

Teddy: Hello Mutima!

Mutima : Hello Teddy umeze ute se?

Teddy : Ndaho ndashima. None se amahugurwa aragenda n’ubuzima bw’aho muri China umaze kubumenyera?

Mutima: Sha ni bwiza cyane, nabuzwa n’iki kumenyera ubuzima bwiza nka buno?

Teddy: Nagize ngo bwaragutonze.

Mutima: Oya ntacyantowe, ahubwo ubushomeri buvanze n’ubukene bwinshi ni bwo bwari bunyishe ahubwo wangiriye umumaro rwose kuko wantoje umwuga wize wirengagiza ubugoryi nari mfite bwose umpa akazi. Nkeka ko nakerewe iyo nza kubimenya kare nkiyigira imyuga mba nanjye mfite kompanyi ikomeye nk’iyawe.

Teddy: Upfa kuba ufite inyota y’ibyiza n’utima ukomeye natwe abajyanama tukuri hafi. Rwose nta kiza utazageraho ugikesheje uwo murimo w’amaboko.

Mutima: Ni ukuri sinabona icyo nakwitura gusa Imana ige ikumpera umugisha.

Teddy: Twese hamwe. Ahubwo se amahugurwa muzayarangiza ryari mugere mu Rwanda ryari?

Mutima: Sha ni vuba urebye kuko hasigaye amasomo y’umunsi umwe gusa ubundi tugategura kuza. Ahubwo ndabona tugiye gutangira ka mbe ngusezeyeho ndashaka akandi kanya nkuvugishe.



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 9:

Soma ibibazo bikurikira maze ubisubize.

1. Ushingiye ku ikinamico **“Ejo hazaza h’umwana, inshingano zacu”** subiza ibibazo bikurikira
 - a. Andika inyobozi zakoreshejwe muri iyo kinamico
 - b. Iyo kinamico igizwe n’abanyarubuga bangahe? Bavuge.
 - c. Ni izihe ngingo z’ingenzi n’ingingo z’ingereka ziri muri iyo kinamico?
 - d. Garagaza insanganyamatsiko y’ingenzi iri muri iyo kinamico
2. Himba interuro zawe wifashishije ano magambo yakoreshejwe mu ikinamico **“Ejo hazaza h’umwana, inshingano zacu”** **Misiyo, Umenengana, Ukwezi, Duhuruze, Ikirenga, Kompanyi**



Igikorwa cya 3: Umukorongiro



Umwitozo wa 10:

Mu itsinda wowe na bagenzi bawe mukore uyu mwitozo:

1. Andika incamake y’ ikinamico **“Ejo hazaza h’umwana, inshingano zacu”** mu magambo atari muni y’amagambo 150 kandi nturenze amagambo 200.
2. Mu matsinda anganya umubare n’abanyarubuga bari mu ikinamico **“Ejo hazaza h’umwana, inshingano zacu”** nimuyitoze muyikinire imbere ya bagenzi banyu.
3. Muhimbe iyanyu kinamico ku nsanganyamatsiko y’ibyiza byo kwiga imyuga n’ubumenyingiro mushyiremo abanyarubuga bane, muyihe imiseruko itanu kandi ntirenze impapuro enye.



Isuzumabumenyi mbonezanyigisho ku mbumbe ya mbere

Umwandiko: Ibyiza by'imyuga n'ubumenyingiro

Imyuga n'ubumenyingiro bifite uruhare rukomeye mu iterambere ry'umuntu ku giti cye ndetse no ku gihugu muri rusange. Kubona ubumenyi ngiro bituma umuntu abasha kwihangira umurimo aho ategereza akazi gusa. By'umwihariko, imyuga ifasha mu kuzamura ubukungu bw'igihugu, kuko abantu bafite ubumenyi butandukanye bakora imirimo itandukanye ikenewe mu muryango.

Ibyiza by'imyuga bigaragarira mu kuba umuntu abasha gukoresha amaboko ye no gushyira mu bikorwa ibyo yize mu buryo bugaragara. Urugero, umukanishi ashobora gutunganya imodoka yabuze ubushobozi bwo gutwara abantu n'ibintu. Ubumenyingiro kandi bushobora kugabanya ubukene, kuko umuntu ufite ubumenyi ngiro ahora afite icyo yinjiza, bityo akabasha kwita ku muryango we.

Si ibyo gusa, imyuga n'ubumenyingiro bituma abantu barushaho kugira ibitekerezo bigari byo guhanga udushya no gukemura ibibazo bihari. Urugero ni uko abadozi bashobora gushaka uburyo bwo kudoda imyenda igezweho, ihuje n'ibikenewe ku isoko. Bityo, imyuga igira uruhare mu kuzamura iterambere ry'ibikorwa by'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage.

Icyakora, kugira ngo imyuga igirire akamaro nyirayo ndetse n'igihugu, ni ngombwa ko abantu bayihugukirwa bakayiga neza. Amashuri yigisha imyuga akwiye kongererwa ubushobozi, kugira ngo afashe urubyiruko gukura rufite ubushobozi bwo gukoresha ubumenyi rwize mu iterambere.

Imyuga n'ubumenyingiro ni ishingiro ry'iterambere rirambye. Umuntu wese akwiye kubitekerezaho nk'inzira yo gutanga umusanzu mu muryango, aho kugira isoni zo gukora ibyo abandi bashobora kudaha agaciro, nyamara bikenewe cyane.

Ibibazo ku mwandiko

1. Kumva umwandiko

- a. Ni uruhe ruhare rw'imyuga n'ubumenyingiro mu buzima bw'umuntu?
- b. Ni iki gituma imyuga igira uruhare mu kuzamura ubukungu bw'igihugu?
- c. Kuki ubumenyingiro bufatwa nk'intwari yo kugabanya ubukene?
- d. Ni izihe ngero zigaragaza akamaro k'imyuga n'ubumenyingiro?
- e. Amashuri yigisha imyuga agomba gukora ate kugira ngo agire uruhare rufatika?

2. Uzurisha amagambo akurikira mu nteruro zikurikira:

Imyuga, ubumenyingiro, iterambere, ubukungu, udushya, gukemura, ibibazo, amashuri yigisha imyuga, gukoresha amaboko

- a. _____ ituma umuntu abasha kwihangira umurimo aho gutegereza akazi.
- b. Iyo abantu biga _____, babasha gukora ibyo bigirira akamaro ubwabo n'igihugu muri rusange.
- c. Kugira ngo igihugu kigere ku _____ rirambye, kigomba gushyigikira imyuga n'ubumenyingiro.
- d. Abantu bafite ubumenyi ngiro bafite uruhare rukomeye mu kuzamura _____ bw'igihugu.
- e. Ubumenyingiro bufasha cyane mu _____ bihari mu muryango.
- f. Kugira ngo _____ atange umusaruro, ni ngombwa kuyashyigikira no kuyongerera ubushobozi.
- g. Abantu biga imyuga bashobora _____ yabo bakabasha kwihangira umurimo.

3. Subiza ibibazo bikurikira wifashishije ubumenyi bwawe uhuza n'ibyo wize muri iyi mbumbe:

- a. Iyo bavuze inkuru shusho wumva iki?
- b. Vuga nibura uturango 10 tw'inkuru shusho.
- c. Vuga uturango tw'ikinamico nibura 8.
- d. Ni utuhe turango tw'inkuru shusho dusobanurwa muri buno buryo?
 - i. *Umwanya urimo ibisobanuro byitwa imvugo ngobe*
 - ii. *Impera z'ishusho cyangwa z'akazu*
 - iii. *Uruhererekane rutambitse rw'amashusho*

- iv. Amagambo atera amatsiko aba akangurira abakurikiye umukino kuza kumva neza
 - v. Amagambo yatinze y'umunyarubuga
 - vi. Amagambo umunyarubuga asubiza mugenzi we
- e. Ushingiye ku myubakire y'ikinamico vuga ibice biyigize unabisobanure.



Iby'ingenzi ngomba kwibuka ku mbumbe ya mbere

Iyi mbumbe igizwe n'ingingo eshatu ariko zose zikubiye ku nsanganyamatsiko y'ibyiza by'imyuga n'ubumenyi ngiro ari zo:

- Umwandiko ku nsanganyamatsiko y'imyuga n'ubumenyi ngiro: twabonyemo ko imyuga n'ubumenyi ngiro bigira uruhare runini mu iterambere ry'igihugu kuko bigabanya ubushomeri, ishingirwaho mu kwihangira umurimo n'ibindi.
- Inkuru shusho: twabonye ko ari igihangano gihimbitse mu buryo bw'ikinamico gitambutsa ubutumwa kibangikanya amagambo n'amashusho y'abanyarubuga bayavugaga.
- Twabone ko kandi uturango tw'inkuru shusho ari, umurambararo, akarangandoto, igipande, abanyarubuga, agakino, urukiramende, imvugo ngobe, akazu, idirishya, agatoki.
- Ikinamico: ni igihangano gihimbitse mu buryo bwo kwigana imigenzereze, imyitwarire n'ingeso z'abantu ugakinirwa mu ruhame cyangwa mu byuma by'ikoranabuhanga



Kwisuzuma

Uzuza imbonerahamwe ikurikira:

Nk'uko byavuzwe ku ntangiriro y'iyi mbumbe, nta buryo buri bwo cyangwa ubutari bwo bwo gusubiza iki kibazo; ahubwo ni ibigufasha wowe ubwawe muri iyi nyigisho. Tekereza wowe ubwawe niba nyuma yo kwiga iyi mbumbe irangiye, ibi noneho washoboye kubikora, n'ikigero ubishoboyeho. Soma ibibanza mu kazu ko hejuru hanyuma ushyire akamenyetso aho ubona hajyanye n'ikigero cy'uko ubyumva.

Ubumenyi nsanganwe	Nta kintu na kimwe nzi ku mikoreshereze yabyo.	Nziho bike.	Nziho ibiringaniye .	Nziho byinshi.	Ndiyizeye ku mikoreshere ze yabyo.
Ubumenyi, ubumenyingiro, ubukeshya					
Gutanga inshoza y'inkuru shusho nk'imwe mu ngeri y'ubuvanganzo bw'ikinyarwanda					
Gusobanura neza uturango tw'inkuru shusho twifashishwa mu ihimbwa ryayo					
Kugaragaza uturango tw'inkuru shusho igihe usabwe kuyisesengura					
Gukoresha neza uturango tw'inkuru shusho igihe urimo kuyihanga					
Gukina inkuru shusho mu buryo bw'ikinamico					
Gusobanura inshoza y'ikinamico nk'imwe mu ngeri y'ubuvanganzo					
Gusobanura neza uturango tw'ikinamico igihe usabwe kuyisesengura					
Kugaragaza uturango tw'ikinamico nk'uko tugaragara mu					

Ubumenyi nsanganwe	Nta kintu na kimwe nzi ku mikoreshereze yabyo.	Nziho bike.	Nziho ibiringaniye .	Nziho byinshi.	Ndiyizeye ku mikoreshere ze yabyo.
Ubumenyi, ubumenyingiro, ubukeshya					
ikinamico ihimbitse neza					
Kwandika no gukina neza ikinamico hubahirijwe imyubakire n' imikinire by'ikinamico					

Uzuza iyi mbonerahamwe kandi wibuke kwereka umwarimu ibyo wujemo

Ibyakozwe neza	Ibikenewe kongerwamo imbaraga	Ibikorwa byakwifashishwa mu kongera imbaraga aho bikenewe
1.	1.	1.
2.	2.	2.
3.	3.	3

IMBUMBE YA 2: GUKORESHA IKINYARWANDA K'INTYOZA UWIGA AGARAGAZA UBURYO BUNYURANYE BWO GUKEMURA AMAKIMBIRANE NO KWANDIKA AGARAGAZA UBUTINDE BW'IMIGEMO N'IMITERERE Y'AMASAKU



Inshamake y'imbumbe ya kabiri

Muri iyi mbumbe turasangamo umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko y'uburyo bunyuranye bwo gukemuramo amakimbirane, turaza kubonamo kandi imikoreshereze y'inyajwi zitinda bitewe n'ijambo, twongere kubona imiterere y'amasaku n'imikoresherezwe yayo haba mu ijambo cyangwa mu nteruro.

Kwisuzuma: Imbumbe ya 2

1. Itegereze ishusho iri ku mbumbe ya kabiri:

a) Ni ibiki ubonaho?

b) Ukurikije ibyo ubonaho, uratekereza ko ari ibihe byigwa iyi mbumbe yibandaho?

2. Uzuza imbonerahamwe ikurikira. Nta buryo bwemewe cyangwa butemewe bwo gusubiza muri ino mbonerahamwe, ahubwo iragufasha gupima ikigero cy'ubushobozi ufite kuri iyi mbumbe mbere yuko uyiga. Koresha ikimenyetso cy'agasaraba (x) mu mwanya wateganyijwe werekane urwego ruhamya ubushobozi bwawe mbere yuko wiga rino somo.

Nyuma yo kwiga iyi mbumbe, urongera wikorere isuzuma nk'iri.

Ubumenyi nsanganwe	Nta kintu na kimwe nzi ku mikoreshereze yabyo.	Nziho bike.	Nziho ibiringaniye.	Nziho byinshi.	Ndiyizeye ku mikoreshereze yabyo.
Ubumenyi, ubumenyingiro, ubukesho					
Kugaragaza insanganyamatsiko iri mu mwandiko					
Gusobanura nk'uko bikwiye inshoza y'amakimbirane.					
Kugaragazano gukoresha neza inyunguramagamb ozavuye mu mwandiko/amaga mbo mashya					
Gusesengura umwandiko agaragaza uburyo bunyuranye bwo					

Ubumenyi nsanganwe	Nta kintu na kimwe nzi ku mikoreshereze yabyo.	Nziho bike.	Nziho ibiringaniye.	Nziho byinshi.	Ndiyizeye ku mikoreshereze yabyo.
Ubumenyi, ubumenyingiro, ubukeshya					
gukemura amakimbirane					
Gusobanura neza inshoza y'ubutinde					
Kugaragaza mu nyandiko kimwe no mu mvugo imigemo itinda					
Gusobanura neza inshoza y'amasaku ku nyajwi runaka					
Gukoresha/kuvuga neza amasaku ku nyajwi mu ijambo iri n'iri.					



Ubushobozi fatizo:

Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya
1. Gusobanura nkuko bikwiriye inshoza y'amakimbirane	1. Gutandukanya ubwoko ubu n'ubu bw'amakimbirane	1. Guhitamo uburyo bwiza bwo gukemura amakimbirane
2. Gusobanura neza inshoza y'ubutinde mu migemo y'amagambo	2. Kugaragaza mu ijambo inyajwi yatinze ku mugemo uyu n'uyu w'ijambo.	2. Gushyira ibimenyetso by'ubutinde ku mugemo buriho no Gusoma neza ijambo buherereyemo no gutanga ingero z'andi magambo bisomeka kimwe

Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya
3. Gusobanura nkuko bikwiye inshoza y'isaku	3. Gutanga ingero zinyuranye z'amagambo afitanye imiterere y'amasaku avugika kimwe	3. Gusoma neza no gushyira isaku ku nyajwi ririho mu ijamba



Ivumburamatsiko



Umwitozo wa 11:

1. Witegereje amashusho ari ku ntangiriro iri kuri iyi mbumbe urabona abantu bagaragaraho bameranye bate?
2. Ese utekereza impamvu bameranye batyo yaba yatewe n'iki?
3. Ese urabona barimo kuvuga rumwe?
4. Iyo abantu batavugaga rumwe abandi bavugaga ko bagiranye iki hagati yabo?
5. Vuga ibintu bitanu nibura byakurura amakimbirane mu mibanire y'abantu n'abandi.
6. Tanga inzira nibura eshanu rusange zo gukemura amakimbirane.

Isomo 2.1: Isesenguramwandiko ku nsanganyamatsiko y'uburyo bunyuranye bwo gukemura amakimbirane



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitozo wa 12:

Soma bucece umwandiko “Uko Cyenge yatwariye Rugwe akiri umwana” maze usubize ibibazo bikurikira byo kumva umwandiko:

Umwandiko: “Uko Cyenge yatwariye Rugwe akiri umwana”

Soma uyu mwandiko hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho

Ubwo Rugwe yari akiri umwana utarashinga intekerezo zo kuba yakwima ingoma se yamuraze, yatwarirwaga na Cyenge cya Mukobwa wa Ndoba ya Samembe. Ibyo byamaze igihe ku buryo hari n’abibwiraga ko ahari Cyenge ari we mwami wa rubanda. Ariko Cyenge yazirikanaga isezerano yagiriye Ruganzu I. Bityo, uko bwacyaga bukira ni ko yagendaga yitegereza imikurire yigikomangoma cyari cyarazingamye bikamutera impagarara mu Mutima. Nyuma rero yuko Abagoyi bavuriye Rugwe bakamukuramo inzoka yari yararozwe ikamuzinga, Cyenge yatangiye kumutoza ari nako bamwondora. Umwana amaze kondoka Cyenge akamujiyana ku karubanda nk’igihe imanza zisobetse maze akamusaba gucira abantu imanza ngo arebe ko azashobora gucira rubanda imanza. Rimwe rero haza abahigi babiri ba buranaga impongo yarashwe. Umwe ati “ni jye wayirashe mbere” undi ati “rwose ni jye wayibanje”

Maze Cyenge asaba Rugwe gucira abo bantu urubanza. Rugwe niko kubaza uwa mbere ati

“Ese harya ngo ni wowe wabanje kurasa iriya nyamaswa?” Undi ati: “Yeee. Ni jye rwose”. Nuko igikomangoma kiti: “Zana abagabo bakubonye uyirasa bavuge n’ibyvumbura”. Umuhigi ati: “Reka nari jyeneyine”. Igikomangoma niko kubaza uwari usigaye nk’ibyo cyabajije uwa mbere. Undi aherako azana abo yayirashe barora. Maze Rugwe abwira uwari uzanye abagabo ati: “Inyamaswa ni iyawe wowe ufite abahamya ariko uko byumvikana uriya yayigusongeye. Bityo: “Urayijyana ariko nawe umuhe ikiramuro”. Maze ababuranyi bombi banyurwa n’imyanzuro bagenda bishimye. Uhereye ubwo, uburyo bwo gushora abantu mu icibwa ry’ urubanza rikurwa no kujya hazanwa abatangabuhamya bitwa abagabo. Cyenge na we mu kubona ko umwana yakuze byo kuba yakwima ingoma aheraho akurikira inzira z’ubwiru, umwami yima ingoma ya se yitwa CYILIMA I kandi araga umuryango w’abakobwa kuba abiru b’abimikangoma

Ibibazo byo kumva umwandiko:

A. Subiza ibyo bibazo byabajijwe ukurikije ibisubizo biri mu mwandiko

1. Rugwe yari afite ikibazo ki ku bijyanye no kuba **yakwima ingoma** se yamuraze?
2. Cyenge **yari afite** isezerano ki yagiriye Ruganzu I?
3. Ni gute Cyenge yatozaga Rugwe nyuma yo **kumukuramo** inzoka yari yararoze?

4. **Abagabo** baburanaga bapfaga iki?

B. Shaka mu mwandiko amagambo ahuje igisobanuro n'aya magambo atsindagiye.

Ingingo z'ingenzi 2.1.: Isesenguramwandiko ku nsanganyamatsiko y'uburyo bunyuranye bwo gukemura amakimbirane

• **Inyunguramagambo**

- ✓ **Rubanda:** Abaturage
- ✓ **Igikomangoma:** Umwana w'umwami
- ✓ **Kuzingama:** Kudakura neza bitewe n'uburwayi cyangwa imirire mibi
- ✓ **Gutera impagarara:** Gutera ibibazo
- ✓ **Kondora:** Kwita ku murwayi mu buryo bw'imirire myiza kugira ngo yongere kugarura imbaraga n'ubuzimabwiza
- ✓ **Ku karubanda:** Mu ruhame
- ✓ **Imanza zisobetse:** Imanza zitangiye
- ✓ **Abagabo:** Abatangabuhamya mu rubanza
- ✓ **Kuvumbura:** kubona Inyamaswa iyo yihishe ukayibona guhunga kwayo yiruka ni byo bita kuvumbura
- ✓ **Ikiramuro:** Ni ikintu uhabwa gito kuri byinshi wateganyaga kubona

• **Gushaka insanganyamatsiko y'ingenzi iri mu mwandiko**

- ✓ Uburyo bunyuranye bwo gukemuramo amakimbirane

• **Ingingo z'ingenzi n'ingingo z'ingereka**

- ✓ Gukemura amakimbirane
- ✓ Imibanire myiza
- ✓ Ubupfura no kudatira indahiro
- ✓ Ubwuzuzanye n'ubufatanye

✓ Ubwubahane n'amaranga Mutima

✓ Gukoresha ubutabera

• **Isomo ry'ingenzi mu mwandiko**

Isomo ry'ingenzi riri muri uyu mwandiko ni ugukemura amakimbirane hifashishijwe: ubutabera, kutabogama, ubunyangamugayo n'ubupfura.

• **Ingero zifatika zerekana uburyo bwo gukemura amakimbirane mu muryango.**

✓ **Gukoresha Ikiganiro cy'Umuryango:**

🔧 **Ibisobanuro:** Abagize umuryango bose baganira hamwe ku bibazo bafite. Mu buryo bw'ikiganiro, buri muntu yivuga ku byo yumva ndetse abahuriza hamwe uburyo bwo gukemura amakimbirane.

🔧 **Ingero:** Abagize umuryango bashobora kujya mu cyumba kimwe bagasangiza ibitekerezo n'ibibazo bafite, maze buri wese akumva abandi.

✓ **Gushyiraho Umuhuza w'Umuryango**

🔧 **Ibisobanuro:** Umuhuza ni umuntu utari mu bibazo ariko ushobora gufasha umuryango guhuza impande zitavuga rumwe.

🔧 **Ingero:** Umuryango ushobora kugisha inama umuganga w'amarangamutima cyangwa umuyobozi w'umuryango kugira ngo abahuze.

✓ **Kwigisha ubushobozi bwo gufatanya mu muryango:**

🔧 **Ibisobanuro:** Kwigisha abana n'abakuru uburyo bwo gukorana, gukemura amakimbirane no kubahana.

🔧 **Ingero:** Mu mashuri no mu muryango, bigishwa imishinga y'imikoranire ndetse no gukemura ibibazo hagati y'abavandimwe.

✓ **Gutegura Umuryango nk'ikiganiro cy'ubwumvikane**

🔧 **Ibisobanuro:** Gutegura umwanya aho abavandimwe bose baturana hamwe bakajya bigira hamwe uburyo bwo kubana neza.

 **Ingero:** Ababyeyi bashyiraho imyanzuro igenga uburyo bwo gusangira inshingano, guno gucunga imitungo y'umuryango.

✓ **Gukemura amakimbirane mu bwubahane:**

 **Ibisobanuro:** Gukemura amakimbirane mu buryo bwo kubaha, guha umwanya buri muntu, no kwirinda amagambo cyangwa imyitwarire byashobora gutera ikibazo gukomera.

 **Ingero:** Iyo ababuranyi bagirana urubanza mu rugo, bashobora kuganira buri wese akumva undi mu bwubahane, ndetse bakanasaba imbabazi igihe byabaye ngombwa.

✓ **Ubushobozi bwo gutanga ibyemezo hagati y'umuryango:**

 **Ibisobanuro:** Umuryango ufata imyanzuro irambye ku buryo ibikorwa bigomba gukorwa n'abagize umuryango bose.

 **Ingero:** icyemezo cyo gufasha umuvandimwe mu mirimo cyangwa gushyira amafaranga mu rwego rwo gufasha ubukungu bw'umuryango.



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 13:

Ongera usome umwandiko (Uko Cyenge yatwariye Rugwe akiri umwana) maze ukore imyitozo ikurikira:

1. Vuga ingingo z'ingenzi n'izingereka zigize umwandiko (inshamake y'umwandiko).
2. Insanganyamatsiko y'ingenzi iri mu mwandiko ni iyihe?
3. Ni irihe somo ry'ingenzi dukura mu mwandiko?
4. Tanga ingero zifatika zihamya uburyo Cyenge yakemuyemo amakimbirane.
5. Sobanura mu magambo yawe bwite mu nteruro ngufi amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

Rubanda, igikomangoma, kuzingama, gutera impagarara, kondora, ku karubanda, imanza zisobetse, abagabo, kuvumbura, ikiramuro



Igikorwa cya 3: Umukorongiro



Umwitozo wa 14:

Soma ano magambo yakoreshejwe mu mwandiko usubize ibibazo bikurikira:

Igikomangoma, kuzingama, gutera impagarara, kondora ku karubanda, imanza zisobetse, abagabo, kuvumbura, ikiramuro

1. Himba interuro zawe bwite imwe, imwe ukoresheje ano magambo yakoreshejwe mu mwandiko.
2. Mwifashishije itsinda mugendeye ku mubare urigize muhimbe umukino ugaragaza uburyo bwo gukemuramo amakimbirane, uwo mukino nturenze iminota icumi.

Isomo 2.2: Ubutinde



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitozo wa 15:

Soma ano magambo uyitegereze unayatekerezeho nurangiza usubize ibibazo biyabazwaho:

Uruhushya A	Uruhushya B
Itaba (gufata itaka ufasiba umwobo)	Itaaba (ahantu harambitse hatari umisozi)
Inkokô (itungo rigufi ribarizwa mu biguruka)	Inkooko (igikoresho cyo mu rugo kiboshye mu nkorogoto)
Ikiraro(urutindo)	Ikirâaro (inzu inka zororerwamo)

Ibibazo.

1. Witegereje ibimenyetso by'inyajwi n'inyuguti byubatswe ayo magambo urabona ari bimwe cyangwa biratandukanye?
2. Soma ijamba rimwe mu ruhushya A ukurikije igisobanuro cyaryo kiri mu dukubo nurangiza uhite usoma iryo biteganye riri mu ruhushya B ukurikije na ryo igisobanuro cyaryo kiri mu

dukubo uvuge itandukaniro wumvishe riri mu mivugirwe y'amagambo ari mu ruhushya A n'ayari mu ruhushya B.

3. Garagaza umugemo wumvishe atandukaniyeho.
4. Kuba uwo mugemo utandukanye n'uwo mu ijambo riri mu ruhushya biteganye byatewe n'iki?

Ingingo z'ingenzi 2.2.: Ubutinde

Ubutinde bw'inyajwi ku migemo ni bwo turaza kurebaho muri rino somo ariko ntitwabirebaho cyane tutabanje kureba umugemo icyo ari cyo kuko ugira uruhare runini mu gusobanukirwa neza ubutinde icyo ari cyo.

Bityo rero: **Umugemo** ni ijwi ryumvikana neza iyo uvuga ijambo abumbuye umunwa inshuro imwe.

Ijambo rero rishobora kugirwa n'umugemo umwe cyangwa n'imigemo irenga umwe.

Ingero:

- **Umugemo umwe:** Mbyo
- **Imigemo irenze umwe:** umuti → Ijambo umuti rigizwe n'imigemo itatu, mu gihe ijambo Mbyo rigizwe n'umugemo umwe.

Umubare w'inyuguti zigize ijambo si wo ubarwa ahubwo habarwa itsinda rigize umugemo ari ryo ingombajwi y'urusobe cyangwa yoroheje kongeraho inyajwi imwe, cyangwa inyajwi yonyine iyo iterura ijambo. **Bityo: "umugemo ushobora gutinda cyangwa gutebuka bitewe n'inyajwi yisubiyemo cyangwa itisubiyemo"**

• Inshoza y'ubutinde

Ubutinde bw'umugemo ni ukwisubiramo kw'inyajwi iherekeje ingomabajwi cyangwa igihekanze bituma uwo mugemo uwuvuga amara akanya, mbega hakabaho ikururuka ry'uwo mugemo mu ijambo uherereyemo. Habaho rero imigemo itinda n'imigemo ibanguka.

Urugero:

Amagambo akurikira afite imigemo ibanguka

Ijambo

Imigemo

- Umugabo u-mu-gabo
- Amasâro a-ma-sâ-ro
- Amasakâ a-ma-sa-kâ

Amagambo akurikira afite imigemo imwe itinda iba ishingiyeye ku nyajwi ebyiri.

- Ijambo Imigemo
- Umusare u-mu-saâ-re
- Amabati a-ma-baa-ti

Rimwe na rimwe usanga amagambo runaka ahuje ibimenyetso biyagize ahubwo iryo kururuka ry’umugemo cyangwa se ibanguka (gutebuka) ryawo akaba ari ryo ritandukanya ibisobanuro by’ayo magambo uvuze.

Urugero:

Uruhushya A	Uruhushya B
Itaba (gufata itaka ufasiba umwobo)	Itaaba (ahantu harambitse hatari umisozi)
Inkokô (itungo rigufi ribarizwa mu biguruka)	Inkooko (igikoreshe cyo mu rugo kiboshye mu nkorogoto)
Indishyî (kwishyura ibitari ibyawwe)	Indiishyi (gutera cyane k’uMutimakubera kugira ubwoba)



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 16:

Soma kino gika usubize ibibazo bikibazwaho:

Maze Cyenge asaba Rugwe gucira abo bantu urubanza. Rugwe niko kubaza uwa mbere ati: “Ese harya ngo ni wowe wabanje kurasa iriya nyamaswa?” Undi ati: “yeee. Ni jye rwose”. Ni uko igikomangoma kiti: “zana abagabo bakubonye uyirasa bavuge nibyivumbura”. Umuhigi

ati: “Reka nari jyeneyine”. Igikomangoma niko kubaza uwari usigaye nkibyo cyabajije uwa mbere. Undi aherahoazana abo yayirashe barora. Maze Rugwe abwira uwari uzanye abagabo ati: “inyamaswa ni iyawe wowe ufite abahamya ariko uko byumvikana uriya yayigusongeye. Bityo urayijyana ariko nawe umuhe ikiramuro”.

1. Toranya amazina bwite n’amazina rusange ari muri kino gika.
2. Buri zina rigabanyemo imigemo rigiye rifite unagaragaze imiterere y’iyo migemo ukurikije ahantu igiye ifite ubutinde.
3. Vangura ayo mazina uyashyire mu mpushya ebyiri ugendeye ku butinde afite cyangwa adafite.



Igikorwa cya 3: Umukorongiro



Umwitozo wa 17:

1. Wifashishije amazina bwite y’ikinyarwanda y’abanyeshuri mwigana bose:
2. Yandukure yose ku rupapuro uko yakabaye nibura izina rimwe ry’ikinyarwanda.
3. Garagaza imigemo igize buri zina wifashishije ubutinde cyangwa ubutebuke rifite.
4. Ca impushya ebyiri uyatandukanye ushingiyeye ku butinde afite cyangwa adafite (ku bubanguke bwayo).
5. Himba interuro 3 zawe bwite buri nteruro ibe yifitemo amazina bwite abiri afite imigemo ibiri ibanguka inshinga zigize iyo nteruro zibe zifitemo imigemo itinda.
6. Sangiza mugenzi wawe umukoro wakoze muwuganireho akunganire aho biba ngombwa.

Isomo 2.3: Amasaku



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by’ibibazo



Umwitozo wa 18:

Soma ano magambo uyitegereze unatekereze ku myubakirwe yayo nurangiza usubize ibibazo biyabazwaho

Uruhushya A	Uruhushya B
Inzu	Ifi
Ibuye	Intare
Umugabo	Umugore
Akanyamaso	Insoresore
Amazirantoki	Ikibonobono

Ibibazo.

1. Witegereje ibimenyetso by'inyajwi n'umubare w'imigemo byubatswe ayo magambo urabona ari bimwe cyangwa biratandukanye?
2. Soma ijambo rimwe mu ruhushya A nurangiza uhite usoma iryo biteganye riri mu ruhushya B uvuye itandukaniro wumvishe riri mu mivugirwe y'izamuka cyangwa imanuka ry'inyajwi by'amagambo ari mu ruhushya A n'ayari mu ruhushya B.
3. Ca imbonerahamwe igaragaza imigemo igize buri jambo mu ruhushya rwaryo iyo migemo uyihe inomeru ukurikije uko ikurikirana.
4. Garagaza nomero y'umugemo wo mu ruhushya uru n'uru watandukanye n'inomeru y'umugemo mu ruhushya rwayibanjirije wifashishije gutsindagira iyo migemo.
5. Ongera wandukure ayo magambo yose mu mpushya asanzwe arimo ku mugemo wumva uzamuka ushyire hejuru y'iyi nyajwi akamenyetso"".

Ingingo z'ingenzi 2.3.: Amasaku

• Inshoza y'amasaku

Isaku ni imizamukire cyangwa imimanukire y'inyajwi iyi n'iyi iba iri ku mugemo runaka w'ijambo.

• Amoko y'amasaku n'ingero

Tugira amoko y'amasaku akurikira

✓ **Isaku nyesi:** Ni igihe umugemo uvugirwa hasi kandi ukaba utisubiyemo

Amagambo akurikira afite isaku nyesi. Isaku nyesi rigaragazwa n’agasharu kaberamiye iburyo ariko nta n’icyo bitwaye mu kurigaragaza utagize icyo wandikaho mu buryo bwo kugabanya ibimenyetso:

- *Umùgàbò: umugabo, Ikiraro, Igipimo*

✓ **Nyesi ndende:** Ni igihe umugemo uba wisubiyemo kandi ukaba uvugirwa hasi

Amagambo akurikira afite isaku ndende:

- *Umugaanda Ikibaando Agahiinda*

✓ **Isaku nyejuru:** Ni imizamukire y’inyajwi ku mugemo utagize inyajwi yisubiramo

Amagambo akurikira afite isaku nyejuru ku mugemo wa kabiri cyangwa uwa gatatu. Isaku nyejuru ryandikwa hakoreshejwe agasharu akagofero kameze nk’agasharu kaberamiye iburyo n’ibumoso.

Urugero: Umugorê, umutôbe, Umusekê

✓ **Isaku nyejuru nyesi:** Isaku nyejuru nyesi ryandikwa hakoreshejwe akagofero kameez nk’agasharu kaberamiye iburyo n’ibumoso, gashyirwa ku nyajwi ya mbere y’umugemo utinda. Amagambo akurikira afite isaku nyesi.

Urugero: Umwâana Irêembo Urwâara

✓ **Isaku nyesi nyejuru:** Isaku nyejuru ryandikwa hakoreshejwe akagofero kameze nk’agasharu kaberamiye iburyo n’ibumoso, gashyirwa ku nyajwi ya kabiri y’umugemo utinda.

Urugero: Umwaâmi Icyââtsi, Gashuûhe

Impugukirwa: hari amagambo menshi agira amasaku mu myanya itandukanye kandi amasaku akaba avangavanze

Urugero: imbônankûbonê, inkeerakîbuumbiro

• **Ubutinde n’amasaku mu nteruro**

✓ **Musome interuro zikurikira mwubahiriza ubutinde n’amasaku, mukore ubushakashatsi, mutahure amasaku mbonezanteruro.**

1. Akarimâ k’îgikoôni.
2. Umugorê n’ûmugabo barafâtanya.
3. Abâana b’âbakoôbwa bafatanya na bâsaaza bâabo.
4. Mugeenzi na Mugabo barakûundana.
5. Muu nzêego z’ûbuyobozi bakora nêezâ nk’întoôre.

Mu nteruro amagambo agenda ahindura imiterere y’ubutinde n’amasaku kamere bitewe n’uko yakoreshejwe. Hari amasaku mbonezanteruro ashingiye ku moko y’amagambo nk’ibyungo **na** na **nka** ndetse n’ibinyazina ngenera bifite igicumbi **–a**.

. – Iyo ibyungo “na” na “nka” n’ibinyazina ngenera bifite igicumbi -a, bikurikiwe n’izina ridafite indomo, ariko rifite isaku nyajuru ku mugemo wa gatatu, iryo zina rifata isaku nyajuru ku mugemo waryo wa mbere.

Ingero:

- *Kiizâ na Mûganwâ*
- *Umugî wa Kîgalî*

– Iyo ibyungo “na” na “nka” n’ibinyazina ngenera bifite igicumbi -a bikurikiwe n’izina ridafite indomo, ku mugemo wa kabiri rifite isaku nyesi nyajuru, iryo saku rirahaguma, umugemo wa mbere na wo ugafata isaku nyajuru.

Ingero:

- *Inzu ya Kâlîîsa*
- *Kamaâli agenda nka Mûhîîre.*

– Iyo ibyungo **“na”** na **“nka”** n’ibinyazina ngenera bikurikiwe n’izina ridafite indomo ariko rifite isaku nyejuru ku mugemo wa kabiri bituma iryo saku ryimuka rikaza ku mugemo wa mbere.

Ingero:

- *Mutôni na Gâsaro*
- *Inkoni ya Gâsore*

– Buri gihe iyo ibyungo **“na”** na **“nka”** n’ibinyazina ngenera bifite igicumbi - **a** bikaswe bikurikiwe n’izina ritangiwe n’indomo, iyo ndomo itangira iryo zina ihita ifata isaku nyejuru.

Ingero:

- *Umugorê n’ûmugabo.*
- *Abâana b’âbakoôbwa.*

– Buri gihe iyo ibyungo **“na”** na **“nka”** n’ibinyazina ngenera bifite igicumbi –**a** bikaswe bikurikiwe n’izina rifite isaku nyejuru cyangwa nyejuru nyesi ku mugemo wa kabiri, bituma indomo y’iryo zina igira isaku nyejuru nyesi. Ingero Afatwa nk’îintwâari. Miniiisîtiri w’îintêbe.

– Iyo ibyungo **“na”** na **“nka”** n’ibinyazina ngenera bifite igicumbi –**a** bikaswe bikurikiwe n’ikinyazina nyereka, icyo kinyazina nyereka gifata isaku nyesi nyejuru ku nyajwi ibanza.

Ingero:

- *Abatô bageendana n’îiki gihe.*
- *Yiitwaara nk’aâba babyêeyi bê.*

✓ **Andi masaku mbonezanteruro adashingiye ku byungo cyangwa ku binyazina ngenera.**

– Ikinyazina mbanziriza gihorana isaku nyejuru ku gicumbi cyacyo.

Ingero:

- *Uwô mvugâ yaaje.*
- *Ibyô akorâ birakwîye.*

– Indangahantu **ho, yo, mo/mwo** bifatana n’inshinga n’akajambo ko bifata buri gihe isaku nyejuru. Ingero Si kô bavuzê Yagiiyeyô Namuboonyemô/ Namûboonyemô

– Inshinga mburabuzi **ni (si)** ikoreshejwe mu nteruro buri gihe ifata isaku nyejuru. Nyamara iyo itangiye interuro iryo saku riratakara.

Ingero:

- *Amasuunzu sî amasakâ.*
- *Uwô nshâakâ nî uwo.*
- *Ni umwâana nk’âbaândi.*
- *Si nge ujyayô.*

– Indangahantu “i” na **yo** ishobora guhindura amasaku kamere y’amagambo.

Ingero:

- *Saavê Avuuka i Sâavê.*

– Iyo mu nteruro hakoreshejwe ibyungo “no” na “nko” n’ibinyazina ngenera bifite igicumbi –o, bifata isaku nyejuru.

Ingero:

- *Kunywâ nô kuryâ birajyaana.*
- *Umurimâ wô guhîinga nî uwo.*
- *Iyo nyâna yô gukwâ nî iyi.*



Igikorwa cya 2 : Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 19:

Soma kino gika usubize ibibazo bishingiyeho

Maze Rugwe abwira uwari uzanye abagabo ati: “inyamaswa ni iyawe wowe ufite abahamya ariko uko byumvikana uriya yayigusongeye. Bityo urayijyana ariko nawe umuhe ikiramuro”. Maze ababuranyi bombi banyurwa nimyanzuro bagenda bishimye. Uhereye ubwouburyo bwo gushora abantu mu icibwa ryurubanza rikurwa no kujya hazanwa abatangabuhamya bitwa abagabo.

1. Vangura ayo magambo atsindagiye ayafite amasaku nyesi uyashyire ukwayo, ayafite amasaku nyejuru nayo uyashyire ukwayo.
2. Shyira ubutinde n’amasaku ku magambo akurikira: umukozi, igisabo, amarere, ikizibahu, imbamutima.
3. Shyira ubutinde n’amasaku ku nteruro zikurikira:
 - Asa nka Mutoni
 - Inka n’intama birabana
 - Ibara ry’umukara riba ryiza



Igikorwa cya 3: Umukorongiro



Umwitozo wa 20:

1. Iyo bavuze ijambo amasaku wumva iki?
2. Garagaza amagambo makumbyabiri avugika nka buri jambo rimwe muri aya unagaragaza ubutinde n’amasaku:
 - a. Umuvure
 - b. Umukambwe
 - c. Ngwino
 - d. Kudoda

3. Tandukanya amagambo akurikira yandikwa kimwe ariko ntasomwe kimwe ukoresheje ubutinde n'amasaku.
- a. Kureshya (umugeni) ≠ Kureshya (kudasumbana)
 - b. Inda (atwite) ≠ Inda (agasimba)
 - c. Isoko (y'amazi) ≠ Isoko (bahahiraho)
 - d. Kurara (kujya ahantu ntutahe) ≠ Kurara (gusaduka kw'isekuru)
 - e. Gufungura (kurya) ≠ Gufungura (gukingura)



Isuzuma mbonezanyigisho ku mbumbe ya kabiri

Soma ino nyandiko usubize ibibazo bikurikira.

Umwandiko: Iyungwa ry'abavandimwe babiri n'abaturanyi babiri

Umunsi umwe, abantu bane barimo abavandimwe babiri n'abaturanyi babiri baburanaga ku kibazo cy'ubutaka. Babwiranaga amagambo akomeye, buri wese ahamya ko ubutaka ari ubwe. Icyo kibazo cyabaye inzitizi ku mibanire yabo. Abacamanza babiri b'inararibonye barahamagajwe kugira ngo bakemure icyo kibazo. Bategetse ko buri wese atanga ibimenyetso n'ubuhamya byerekana ko ubutaka ari ubwe. Nyuma yo kumva buri ruhande no kugenzura ibihamya, basanze ubutaka bwari ubw'umwe muri abo bavandimwe, ariko kubera kubura amasezerano yanditse, bagombaga gusaranganya. Abacamanza bafashe icyemezo cyo gusaranganya ubutaka ku buryo buri wese agira aho asarura ariko hagashyirwaho urubibi rugaragara. Icyo cyemezo cyashimishije bose maze bongera kubana mu mahoro.

I. Ibibazo ku mwandiko

1. Ikibazo cyari cyabaye hagati y'abantu bane cyari cyerekeye iki?
2. Ni bande bahamagajwe kugira ngo bakemure amakimbirane?
3. Ni izihe ngamba abacamanza bakoresheje kugira ngo bakemure ikibazo?
4. Ni iki cyagaragajwe nk'ikibura mu bimenyetso byatanzwe n'impande zombi?
5. Abacamanza banzuye iki ku kibazo cy'ubutaka?
6. Ni gute abavandimwe n'abaturanyi bakiriye icyemezo cy'abacamanza?
7. Isomo nyamukuru riri muri uyu mwandiko ni irihe?

II) Erekena imigemo ya buri jambo muri iyi nteruro yakoreshejwe mu mwandiko ugaragaze n’umubare wayo

✓ icyo cyemezo cyashimishije bese

III) Himba amazina rusange tanu atanu avugika kimwe na zino nshinga uko zisomeka unashyireho ibimenyesto by’ubutinde n’amasaku

1. Barimo
2. Bategetse
3. Gufata
4. Basanze

IV) Andika interuro zikurikira mu nyandiko igaragaza ubutinde n’amasaku.

1. Ni byiza kumenya ubuzima bw’imyororokere no kuboneza urubyaro.
2. Akabando k’iminsi gacibwa kare kakabikwa kure.
3. Urasana n’iminsi ntakura mu ruge.
4. Mu gitondo nabonye Iribagiza.
5. Nyinawumuntu n’umugabo we bahoranaga amakimbirane kubera kutumva neza ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye.



Iby’ingenzi ngomba kwibuka mu mbumbe ya kabiri

- Muri iyi mbumbe twabonyemo uburyo butandukanye bwo gukemura amakimbirane ubwibanzweho mu mwandiko ni ubwo gushaka umuhuza
- Tubonamo kandi inshoza y’imigemo, inshoza y’ubutinde ndetse n’inshoza y’amasaku
- Twabonye ko ijambo rishobora kugira umugemo umwe cyangwa imigemo irenze umwe
- Twabonyeko ubutinde ari ukwisubiramo kw’inyajwi ku mu gemo runaka
- Twabonyemo ko amasaku ari ukumanuka cyangwa kuzamuka kw’inyajwi ku mugemo runaka w’ijambo
- Twabonye imihindagurikire y’amasaku mu nteruro bitewe n’ibyungo, NA,NKA, n’ikinyazinangenera gifite igicumbi -O

Uzuza imbonerahamwe ikurikira.

Nk’uko byavuzwe ku ntangiriro y’iyi mbumbe, nta buryo buri bwo cyangwa ubutari bwo bwo gusubiza iki kibazo; ahubwo ni ibigufasha wowe ubwawe muri iyi nyigisho. Tekereza wowe ubwawe niba nyuma yo kwiga iyi mbumbe irangiye, ibi noneho washoboye kubikora, n’ikigero ubishoboyeho. Soma ibibanza mu kazu ko hejuru hanyuma ushyire akamenyetso aho ubona hajyanye n’ikigero cy’uko ubyumva.

Ubumenyi nsanganwe	Nta kintu na kimwe nzi ku mikoresher eze yabyo.	Nziho bike.	Nziho ibiringaniye	Nziho byinshi.	Ndiyizeye ku mikoreshereze yabyo.
Ubumenyi, ubumenyingiro, ubukeshya					
Kugaragaza insanganyamatsiko iri mu mwandiko					
Gusobanura nk’uko bikwiye inshoza y’amakimbirane.					
Kugaragazano gukoresha neza inyunguramagambo zavuye mu mwandiko/amagam bo mashya					
Gusesengura umwandiko agaragaza uburyo bunyuranye bwo gukemura amakimbirane					
Gusobanura neza inshoza y’ubutinde					

Ubumenyi nsanganwe	Nta kintu na kimwe nzi ku mikoresher eze yabyo.	Nziho bike.	Nziho ibiringaniye .	Nziho byinshi.	Ndiyizeye ku mikoreshereze yabyo.
Ubumenyi, ubumenyingiro, ubukeshya					
Kugaragaza mu nyandiko kimwe no mu mvugo imigemo itinda					
Gusobanura neza inshoza y'amasaku ku nyajwi runaka					
Gukoresha/kuvuga neza amasaku ku nyajwi mu ijambo iri n'iri.					

Uzuza iyi mbonerahamwe kandi wibuke kwereka umwarimu ibyo wujemo

Ibyakozwe neza	Ibikenewe kongerwamo imbaraga	Ibikorwa byakwifashishwa mu kongera imbaraga aho bikenewe
1.	1.	1.
2.	2.	2.
3.	3.	3.

**IMBUMBE YA 3: GUKORESHA IKINYARWANDA K'INTYOZA UWIGA
AGARAGAZA UBURYO BUNYURANYE BWO GUTUNGANYA UBUTAKA,
KUGARAGAZA IMIMARO Y'AMAGAMBO MU NTERURO
Y'INYABUMWE, KWANDIKA YUBAHIRIZA AMATEGEKO AGENGA
IMYANDIKIRE Y'AMAGAMBO AFATANA N'ADAFATANA NO
KUBAHIRIZA AMATEGEKO AGENGA IMYANDIKIRE Y'IBIHEKANE
BYIHARIYE**



Inshamake y'imbumbe ya gatatu

Muri iyi mbumbe turasangamo umwandiko uvuga ku byiza byo gutunganya ubutaka, ni ukuvugako tubona ingero zifatika zihamya uburyo bwo gutunganya ubutaka, tubonemo kandi imimaro y'amagambo, ni ukuvuga Ruhamwa, inshinga, icyuzuzo, imfutuzi n'impuza tubonemo kandi amategeko agenga imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana nyuma tubone amategeko agenga imyandikire y'ibihokane byihariye.

Kwisuzuma: Imbumbe ya 3

1. Itegereze ishusho iri ku mbumbe ya gatatu:

a. Ni ibiki ubonaho?

b. Ukurikije ibyo ubonaho, uratekereza ko ari ibihe byigwa iyi mbumbe yibandaho?

1. Uzuza imbonerahamwe ikurikira. Nta buryo bwemewe cyangwa butemewe bwo gusubiza muri ino mbonerahamwe, ahubwo iragufasha gupima ikigero cy'ubushobozi ufite kuri iyi mbumbe mbere yuko uyiga. Koresha ikimenyetso cy'agasaraba (x) mu mwanya wateganyijwe werekane urwego ruhamya ubushobozi bwawe mbere yuko wiga rino somo.

2. Nyuma yo kwiga iyi mbumbe, urongera wikorere isuzuma nk'iri.

Ubumenyi nsanganwe	Nta kintu na kimwe nzi ku mikoreshereze yabyo.	Nziho bike.	Nziho ibiringaniye	Nziho byinshi	Ndiyizeye ku mikoreshereze yabyo.
Ubumenyi, ubumenyigiro, ubukesha					
Kugaragaza neza Ingero zifatika zo gufata neza ubutaka ndetse n'ingaruka zo gufata no gukoresha nabi ubutaka.					
Gusobanura neza imimaro y'amagambo mu nteruro					
Guhimba interuro zigaragaza neza imimaro y'amagambo mu nteruro					
Gukoresha neza imimaro y'amagambo mu nteruro ushyikirana n'abandi					
Gutandukanya no Kugaragaza neza imikoresherezwe y'inyuguti nkuru n'ifatana ndetse n'itandukana					

Ubumenyi nsanganwe	Nta kintu na kimwe nzi ku mikoreshereze yabyo.	Nziho bike.	Nziho ibiringaniye	Nziho byinshi	Ndiyizeye ku mikoreshereze yabyo.
Ubumenyi, ubumenyingiro, ubukeshya					
ry'amagambo mu nyandiko					
Gukoresha neza imyandikire ya bimwe mu bihekane bitera urujijo					



Ubushobozi fatizo

Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya
1. Gusobanura imikoreshereze myiza y'ubutaka	1. Kugaragaza ingero zifatika zo gutunganya ubutaka	1. Kwirinda no kurwanya ingaruka zo gufata nabi ubutaka.
2. Gusobanura neza inshoza ya buri mu maro w'amagambo	2. Kugutandukanya imimaro y'amagambo mu nteruro	2. Guhimba interuro yujuje ubutumwa kandi ikubiyemo imimaro y'amagambo iboneye
3. Kugaragaza ahantu hose hakoreshwa inyuguti nto n'ahakoreshwa inyuguti nkuru	3. Kwandika inyandiko iyo ari yo yose wubahiriza imikoresherezwe y'inyuguti nkuru cyangwa inyuguti nto	3. Kugenzura inyandiko yubahirije cyangwa itubahirije imyandikire y'inyuguti nkuru n'inyuguti nto
4. Kugaragaza bimwe mu bihekane bitera urujijo mu myandikirwe yabyo bikurikiranye n'inyajwi	4. Kugaragaza inyajwi kuri ibyo bihekane zitera urujijo mu myandikire	4. Kunoza imyandikire y'ibihekane bitera urujijo mu nyandiko itanga amakuru



Ivumburamatsiko



Umwitozo wa 21:

Subiza ibibazo bikurikira:

- Ubundi ubutaka ni iki kuri wowe? Kandi utekereza ko bufite akahe kamaro ku buzima bwa muntu?
- Ese hari aho wigeze ubona ubutaka bwarangiritse cyangwa bwaratakaye? Ni iki cyabiteye?
- Ubutaka bw'iwanyu cyangwa aho mutuye bukoreshwa gute? Hari ibyo ubona bitagenda neza?
- Ni ibihe bikorwa bigaragaza gufata nabi ubutaka uzi cyangwa wumvise?
- Utekereza ko gufata nabi ubutaka bigira izihe ngaruka ku buzima bw'abantu cyangwa ku bidukikije?
- Ubutaka bugira uruhare uruhe mu buhinzi n'ubworozi? Byakwangizwa gute?
- Ni ayahe masomo ubona yakwigishwa kugira ngo abantu bafate neza ubutaka?
- Urumva tugiye kwiga irihe somo?

Isomo 3.1: Isesenguramwandiko ku nsanganyamatsiko yo gufata neza ubutaka



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitozo wa 22:

Soma bucece umwandiko ukurikira nurangiza usubize ibibazo biwukurikira

Umwandiko: Gufata neza ubutaka

Ubutaka ni umutungo kamere w'ingenzi kandi utunze ibinyabuzima byose. Uko abantu babufata bigira ingaruka zikomeye ku buzima bwabo, ku bidukikije, ndetse no ku bukungu.

Gufata nabi ubutaka bitera ibibazo bikomeye nko kugabanuka kw'umusaruro, kwi Yongera kw'ibiza, no kwangirika kw'ibidukikije, mu gihe kububungabunga bifasha guteza imbere imibereho myiza y'abantu n'ibidukikije.

Isuri ni kimwe mu byangiza ubutaka cyane. Iyo imvura iguye ku butaka butarimo ibimera cyangwa ku butaka butarimo amaterasi, isuri itwara igice cy'ubutaka cyitwa umusagwe. Ibi bigabanya uburumbuke bw'ubutaka, bikadindiza umusaruro w'ubuhinzi. Abahinzi bagomba gushyira imbere ibikorwa byo guca amaterasi, gutera ibiti bifata ubutaka, no gukoresha amazi mu buryo buboneye kugira ngo isuri ikumirwe.

Gutwika amashyamba ni indi ngaruka ikomeye yerekana gufata nabi ubutaka. Ibi bikorwa bisiga ubutaka butagira ubushobozi bwo gufata amazi no kongera gutanga umusaruro. Gutwika amashyamba byongera ibyuka bihumanya ikirere, bikurura imihindagurikire y'ibihe, ndetse bigatuma ubutaka bwangirika burundu. Gufata neza amashyamba bisaba kubungabunga asigaye, gutera ibiti bishya, no gukumira ibikorwa bibi by'ubucukuzi no gutema ibiti nta gahunda.

Imyanda yo mu nganda nayo ifite uruhare rukomeye mu kwangiza ubutaka. Iyo imyanda ishyizwe mu butaka idakurikije amabwiriza, ituma ubutaka butakaza umwimerere wabwo, ntibushobore kongera kwifashishwa mu buhinzi cyangwa mu bundi buryo. Kugira ngo iki kibazo gikemuke, hakenewe ko hakurikizwa amategeko akomeye yo gucunga imyanda no gukoresha uburyo butangiza ubutaka.

Ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro nabwo bwangiza ubutaka ku rugero rukomeye. Iyo ubucukuzi bukozwe nabi, ubutaka busigara budashobora gukoreshwa mu bundi buryo, bigatuma habaho gutakaza ubutaka burumbuka. Kugira ngo ibi bikumirwe, hakenewe uburyo bwo gusubiranya ubutaka nyuma yo kurangiza ibikorwa by'ubucukuzi.

Gufata neza ubutaka mu buhinzi ni ingenzi. Abahinzi bagomba kwirinda gukoresha imiti yica ubuzima bw'ubutaka, bagashyira imbere gukoresha ifumbire y'imborera n'amazi mu buryo burambye. Kubungabunga ibinyabuzima biba mu butaka nabyo bifasha mu gusubiza ubutaka uburumbuke.

Gutakaza uburumbuke bw'ubutaka: Iyo ubutaka butitaweho, buratakaza ubushobozi bwo gutanga umusaruro. Ibi biterwa no gukoresha ubutaka birenze ubushobozi bwabwo, kudakoresha ifumbire ikwiriye, no kwangiza ibinyabuzima biba mu butaka, bigatuma ubuhinzi n'ubworozi bibangamirwa.

Kwiyongera kw'ibyuka bihumanya ikirere: Gutwika amashyamba n'ibindi bikorwa bibi ku butaka bituma ibyuka nk'umwuka wa karuboni (CO₂) n'ibindi bihumanya ikirere byiyongera. Ibi bigira uruhare mu mihindagurikire y'ibihe no mu bukana bw'ibiza nka za serwakira n'amapfa.

Kwangirika kw'ibiyaga n'utugezi: Iyo ubutaka bwangijwe, amazi atemba aturutse ku butaka akurura imyanda n'ibindi byangiritse bigahumanya ibiyaga n'utugezi. Ibi bibuza amazi kuba meza kandi bica ubuzima bw'ibinyabuzima biyabamo.

Gutakaza ubwoko bw'ibinyabuzima: Iyo ubutaka bwangiritse, ibinyabuzima byabaga bihagazeho biragenda biba bike cyangwa bigashiraho burundu. Ibi bituma habaho igabanuka rikomeye ry'ubwoko bw'inyamaswa n'ibimera, bigahungabanya uburyo isi ibaho.

Ibibazo by'imibereho y'abaturage: Gufata nabi ubutaka bihungabanya ubuhinzi, bikanateza amakimbirane mu baturage baharanira ubutaka bukeya busigaye bufite uburumbuke.

Kumva Umwandiko

I. Subiza bino bibazo hakurikijwe uburyo wumvisemo umwandiko

1. Ni ibihe bikorwa bibi bivugwa mu mwandiko bishobora kwangiza ubutaka?
2. Isuri yangiza ubutaka ite kandi ni iki gishobora gufasha kuyikumira?
3. Ni gute gutwika amashyamba bigira ingaruka mbi ku butaka n'ibidukikije muri rusange?
4. Imyanda yo mu nganda ifite izihe ngaruka ku butaka, kandi ni iki gikorwa ngo iyi myanda icungwe neza?
5. Sobanura izindi ngaruka eshatu zifatika zo gufata nabi ubutaka zagarutswaho mu mwandiko.
6. Ni izihe ngamba zagaragajwe mu mwandiko zishobora gufasha gufata neza ubutaka mu buhinzi n'iterambere ry'imijyi?

II. Uzurisha muri zino nteruro amagambo akurikira dusanga mu mwandiko

Iterambere, Ubucukuza, Isuri, Uburumbuke, Amashyamba, Imyanda, Ikirere, Ibiza

1. Iyo imvura iguye ku butaka butarimo ibimera cyangwa butarimo amaterasi, _____ yangiza ubutaka ituma umusaruro ugabanuka.
2. Gutwika _____ bigira ingaruka mbi ku bidukikije no ku butaka kuko bishobora gutuma butakaza ubushobozi bwo gufata amazi.
3. Iyo _____ yo mu nganda ishyizwe mu butaka idakurikije amabwiriza, irwangiza ikarutera kubura ubushobozi bwo kwifashishwa.
4. Gufata nabi ubutaka bigabanya _____ bwabwo, bigatuma budashobora kongera gutanga umusaruro mu buhinzi.
5. Imihindagurikire y' _____ ikunze guterwa n'ibikorwa nk'ibyo byo kwangiza ubutaka.
6. _____ nk'imyuzure cyangwa inkangu ikunze kwibasira ahantu ubutaka bwangijwe.
7. Gufata neza ubutaka mu buhinzi no mu _____ ry'imijyi bituma habaho iterambere rirambye.
8. _____ bw'amabuye y'agaciro bukoze nabi burangiza ubutaka kandi bugateza ibibazo byinshi mu bidukikije.

Ingingo z'ingenzi 3.1. Isesenguramwandiko ku nsanganyamatsiko yo gufata neza ubutaka

- Inyunguramagambo

- ✓ **Iterambere:** Ni izamuka ry'ubukungu yaba ku muryango cyangwa se ku gihugu
- ✓ **Ubucukuza:** Ni umwuga ujyanye no gucukura amabuye cyangwa peteroli
- ✓ **Isuri:** Ni igikorwa cy'imvura, umuyaga, cyangwa amazi yihuta bitwara igice cy'ubutaka bwo hejuru (umusagwe), bigatuma ubutaka butakaza uburumbuke bwabwo. Isuri itera ingaruka zikomeye mu buhinzi, kuko itwara intungamubiri ziba mu butaka zifasha ibihingwa gukura.

- ✓ **Ingero z'aho Isuri Igaragara:**

- 🌱 Mu bice bidafite ibimera bifata ubutaka.

- 🌱 Aho ubutaka butarimo amaterasi cyangwa ibikorwa birwanya itembabuzi ry'amazi.

- ✓ **Uburyo bwo Gukumira Isuri:**

- 🌱 Gukora amaterasi mu misozi.

- 🌱 Gutera ibiti cyangwa ibimera bifata ubutaka.

- 🌱 Gukoresha uburyo bwo kuyobora amazi y'imvura mu nzira zabugenewe

- ✓ **Uburumbuke:** ni ubushobozi bw'ubutaka bwo gutanga umusaruro mwiza mu buhinzi, bitewe n'uko bwuzuye intungamubiri zikenewe n'ibihingwa ndetse n'ibimera.

- ✓ **Ibintu bikomeye ku burumbuke bw'Ubutaka.**

- 🌱 **Intungamubiri (nutrients):** Zikubiyemo azote (N), fosifore (P), na potasiyumu (K), ari zo z'ingenzi ku mikurire y'ibihingwa.

- 🌱 **Imiterere y'ubutaka:** Kuba ubutaka bufite umucanga, ibumba, cyangwa ubutaka butunganijwe neza.

- 🌱 **Amazi:** Ubutaka burumbuka bufite ubushobozi bwo gufata no gufasha ibihingwa kubona amazi akenewe.

🚧 **Ibinure n'ibinyabuzima byo mu butaka:** Ubuzima bw'utunyabuzima nka mikorobe, udukoko, n'imiswa bufasha guhindura ibinyabuzima mo intungamubiri zinyura mu bihingwa

- ✓ **Amashyamba:** ni ibice by'ubutaka bitwikiriwe cyane n'ibiti, ibihuru, n'ibindi bimera binyuranye. Amashyamba ni ibidukikije bifite akamaro gakomeye ku buzima bw'abantu, inyamaswa, ndetse n'ubutaka, kuko afasha mu kubungabunga ikirere, gukumira isuri, no gutanga ubuzima ku binyabuzima bitandukanye.

✓ **Iby'ingenzi bigize amashyamba**

🚧 **Ibiti:** Byibanza mu kuyakora no gutanga umwuka wa ogisijeni (O₂).

🚧 **Ibimera bito:** Nka ibyatsi n'ibihuru bigira uruhare mu gufata ubutaka no kugabanya isuri.

🚧 **Inyamaswa:** Amashyamba ni urugo rw'inyamaswa nyinshi zibayo cyangwa zihakoresha ibiribwa n'ibindi byangombwa.

- ✓ **Ibiza:** Ni ibintu cyangwa ibikorwa byo muri kamere bigira ingaruka zikomeye ku bantu n'ibidukikije, bikaza biturutse ku mpinduka zidakurikije gahunda cyangwa izindi ngaruka za kamere.

Ibiza birimo ibintu bitandukanye, nka serwakira, imvura nyinshi, amapfa, isuri, ndetse n'ibindi bikorwa bisa n'ibyo.

✓ **Ubwoko bw'Ibiza:**

🚧 **Ibiza by'ikirere:** Imvura nyinshi idasanzwe Serwakira Inkangu Ibyuka bituruka ku giterwa cy'umuyaga

🚧 **Ibiza by'ubutaka:** Isuri, Inkangu

🚧 **Ibiza by'inyanja:** Ibyatsi n'imirago yo mu mazi n'utugezi

✓ **Ingaruka z'Ibiza:**

🚧 Ku Buzima bw'Abantu

🚧 Kwangirika kw'amatungo n'ibihingwa

🚧 Kuzimira kw'abantu cyangwa guhunga Ku Bukungu:

🚧 Gutakaza umusaruro mu buhinzi

🚧 Kwangirika kw'imirimo n'ubwubatsi ku bidukikije:

🚧 Gutakaza ibiti n'amashyamba

🚧 Impinduka z'urusobe rw'ibinyabuzima

- **Gushaka insanganyamatsiko y'ingenzi iri mu mwandiko**

"Gufata neza cyangwa nabi ubutaka n'ingaruka z'ibikorwa byo gukoresha ubutaka."

Uyu mwandiko werekana uburyo ibikorwa byo gufata neza cyangwa nabi ubutaka bigira ingaruka mbi ku bidukikije, ubuhinzi, iterambere ry'imijyi, ndetse n'ubuzima bwa muntu.

- **Isomo ry'ingenzi muri uyu mwandiko**

"Kubungabunga ubutaka no gukoresha ubutaka neza ni ngombwa kugira ngo hagire iterambere rirambye mu buhinzi, ibidukikije, n'ubuzima bw'abantu."

Byerekana ko ibikorwa bibi nk'igabanya uburumbuke bw'ubutaka, gutwika amashyamba, no gukoresha imyanda idakurikije amabwiriza bishobora gutera ingaruka zikomeye ku bidukikije ndetse n'ubukungu bw'igihugu.

- **Ingero zifatika zo gufata neza ubutaka**

- ✓ **Gutera ibiti:** Gutera ibiti bifasha mu kubungabunga ubutaka, gutanga umwuka mwiza, no gukumira isuri.
- ✓ **Kubaka amaterasi:** Kubaka amaterasi ku misozi bigabanya itembabuzi ry'amazi kandi bigafasha ubutaka gufata amazi, bigatuma umusaruro w'ubuhinzi wiyongera.
- ✓ **Ifumbire zisanzwe:** Gukoresha ifumbire zisanzwe nk'ibumba cyangwa ibimera bifasha mu kuzamura uburumbuke bw'ubutaka.
- ✓ **Gufata imyanda neza:** Gutunganya imyanda yo mu nganda cyangwa mu ngo kugira ngo itangiza ubutaka, ahubwo ikagirira umumaro ubutaka mu gufumbira buhinzi.
- ✓ **Kubungabunga amashyamba:** Kubungabunga amashyamba bifasha mu gukurura umwuka mwiza, gufata ubutaka neza, no gukumira ibyago by'ibiza nk'isuri.

• **Ingaruka zo gufata no gukoresha nabi ubutaka.**

- ✓ Gufata nabi ubutaka bitera isuri, aho ubutaka butakaza umusagwe wabwo kandi bigatuma ubutaka butakaza uburumbuke.
- ✓ Gutwika amashyamba bituma ubutaka budatakaza intungamubiri, bigatuma habaho impinduka mu bidukikije no mu musaruro w'ubuhinzi.
- ✓ Imyanda iva mu nganda itunganywa nabi ishobora kwangiza ubutaka, ikanateza ikibazo cyo gucogora k'uburumbuke no gukwirakwiza ibidukikije.
- ✓ Kubura ubutaka bufite uburumbuke bigira ingaruka mbi ku musaruro w'ibihingwa, bikaba byatuma habaho inzara n'ubukene.
- ✓ Kubungabunga nabi ubutaka bituma ikirere gitangirika, bigatera impinduka mu mihindagurikire y'ikirere no mu miyaga.
- ✓ Kubungabunga nabi ubutaka bigira ingaruka ku mikurire y'ibimera n'inyamaswa, bigatuma urusobe rw'ibinyabuzima rugira ikibazo.



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 23:

1. Sobanura amagambo akurikira:

- a. Umusagwe
- b. Inkangu
- c. Isuri
- d. Amashyamba
- e. Imyanda
- f. Amaterasi y'indinganire



Igikorwa cya 3: Umukorongiro



Umwitozo wa 24:

Muri kano gakino, dufite abahinzi babiri baturanye, Jean na Simon. Bombi bafite imirima yabo ariko bagiye guhangana n'ibibazo bitandukanye bijyanye no gukoresha ubutaka.

1. Dore uko Jean yakoresheje uburyo bwo gufata neza ubutaka:

- ✓ Yatangiye gutera ibiti mu nkengero z'ubutaka.
- ✓ Yakoresheje ifumbire zisanze mu rwego rwo gukomeza uburumbuke.
- ✓ Yubahiriza kubaka amaterasi mu misozi no gukurura amazi ku buryo butunganijwe.

2. Simon, ku rundi ruhande, yakoresheje ubutaka bwe muri buno buryo:

- ✓ Simon yakoresheje uburyo bwo gutwika amashyamba kugira ngo abone amakara.
- ✓ Ntiyitaho gukoresha ifumbire zisanze.
- ✓ Ntabwo yubahiriza amaterasi cyangwa uburyo bwo gukumira isuri.

Subiza bino bibazo:

1. Ni izihe ngaruka ubona Simon yagize kubera uburyo bwo gukoresha nabi ubutaka?
2. Kuri Jean, ni izihe intambwe za gahunda zafatwa mu buryo bwo gufata neza ubutaka?
3. Ni izihe ngorane watekereza ko abantu benshi bashobora guhura nazo kubera gukoresha ubutaka nabi mu gihugu cyawe?
4. Ni iyihe myitwarire wagira ku butaka mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije no gukumira isuri?
5. Ubona ko hakenewe ibikorwa byashyirwaho na leta cyangwa umuryango kugira ngo abantu bose babashe gukoresha ubutaka mu buryo bufiteye igihugu akamaro? Ibyo bikorwa ni ibi? Vuga bitanu by'ingenzi.

Isomo 3.2: Imimaro y'amagambo



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitozo wa 25:

1. Soma izi nteruro witonze maze ugerageze kwerekana interuro zivugitse neza n'izitavugitse neza kandi ugerageze gutanga impamvu:
 - ✓ Umutwe umwe ntiwigira inama.
 - ✓ Imbeba irya yototera umuhini isuka.
 - ✓ Amazi meza nta bara agira.
 - ✓ Imana y'abatindi ibogosha ni yo.
 - ✓ Umwana utaganiye na se ntamenya ibyo sekururu yasize avuze.
2. Urumva tugiye kwiga irihe somo?

Ingingo z'ingenzi 3.2: Imimaro y'amagambo

• Inshoza y'imimaro y'amagambo

Buri rurimi rugira uburyo bwihariye bwo gukurikiranya amagambo mu nteruro kugira ngo interuro ibe iboneye. Iyo umuntu uvuga yitaje ubu buryo arema interuro ikocamye cyangwa itumvikana n'iyi yaba akoresheje amagambo anoze.

Haba n'ubwo interuro ihindura igisobanuro. Mu Kinyarwanda, muri rusange ijambo risobanura irindi (imfutuzi) rirarikurikira. icyakora ikinyazina nyereka, ikinyazina kibaza, ndafutura n'akajambo "buri" bibanziriza ijambo bisobanura:

Ingero:

- Izo ntore zakoraga imihimirizo y'amoko yose.
- Zakoraga yose y'amoko intore izo imihimirizo. (irakocamye)
- Bateraniraga mu nzu imwe, bakahaherwa inzoga.

- *Inzoga imwe nzu bateraniraga mu bakahaherwa. (irakocamye)*
- *Buri nkoko iri iwabo ishonda umukara.*
- *Inkoko buri ishonda umukara iwabo iri. (irakocamye)*
- *Ishonda inkoko umukara iwabo iri buri. (irakocamye)*

Mu nteruro isanzwe higaragazamo ibice bibiri: Ruhamwa (itsinda rya ruhamwa), na ruhamya (itsinda rya ruhamya). Buri gice (itsinda) gishobora kugabanywamo ibindi bice bito biturutse ku mimaro y'amagambo akigize. Imimaro y'amagambo ishingira ku gusobanura, guhuza, kwerekezaho igikorwa, igihe gikorwa, aho kiri, gikorwa cyangwa kibera, kwerekana imiterere, uburyo cyangwa imimerere, inshuro

✓ **Imimaro y'ingenzi y'amagambo mu nteruro ni iyi ikurikira**

📌 **Ruhamwa:** Icirwa cyangwa yerekezaho igikorwa:

📌 **Inshinga:** Ivuga igikorwa cyangwa imimerere (izingiro ry'interuro)

📌 **Icyuzuzo.:** Kiruzuza

✓ **Imimaro mito y'amagambo mu nteruro ni:**

📌 **Imfutuzi** cyangwa **Insobanuzi:** Irasobanura,

📌 **Impuza** cyangwa **icyungo:** Ihuza amagambo cyangwa ibice by'interuro

Ikitonderwa: Icyo twise imimaro mito y'amagambo ni imimaro cyane cyane iri hagati y'ijambo n'irindi, ikaba yinjira mu mimaro y'ingenzi.

Urugero:

Iyo tuvuze ngo *“umutwe umwe ntiwigira inama nziza”*. Ijambo *“umwe”*, risobanura ruhamwa, bityo na ryo rikaba riri mu itsinda rya ruhamwa. Bityo rero imimaro y'ingenzi amagambo agira mu nteruro ituma yigabanyamo amatsinda atatu y'ingenzi ari yo:

- **Ruhamwa, izingiro (inshinga) n'icyuzuzo. Imimaro mito ni imfutuzi cyangwa insobanuzi n'impuza.**

Bityo reka twige imimaro y'amagambo umwe ku wundi

✓ Ruhamwa

Ruhamwa ni ijambo ryitirirwa igikorwa cyangwa imimerere. Amagambo ashobora kuba ruhamwa ni:

🚧 **Izina: Imbeba** irya umuhini yototera isuka.

🚧 **Ikinyazina: Umwe** aya bihora.

🚧 **Izina ntera: Irigoyi** ryica kurusha irirundi.

🚧 **Imbundo:** Gukunda birashimisha.

🚧 **Ikinyangshinga:** Utabusya abwita ubumera.

🚧 **Umugereka: Kera** kabaye araza.

🚧 **Urujyano rw'amagambo:** Ku kwezi ntihaba umwuka

✓ Amoko ya ruhamwa

Ruhamwa ibamo amoko atatu: Ruhamwa mboneranteruro, ruhamwa nyurabwenge na ruhamwa mburabuzi.

🚧 Ruhamwa mboneranteruro

Ruhamwa mboneranteruro ni yo igenga interuro mbonerantururo, ikanashingirwaho isanisha ry'amagambo yose agize interuro. Ni yo ivugwaho igikorwa cyangwa imimerere bikubiye mu nshinga hakurikijwe isanisha risanzwe.

Ingero:

- **Ababyeyi** bita ku bana babo.
- **Umunyamabanga** Nshingwabikorwa agira imirimo myinshi.
- **Umunyeshuri** mwiza yubaha abarezi n'ababyeyi

🚧 Ruhamwa nyurabwenge

Ruhamwa nyurabwenge yerekezaho igikorwa cyangwa imimerere bikubiye mu nshinga ariko ntigenga isanisha risanzwe.

Ingero:

- *Imboga zibona abana (hano imboga si zo zibona ahubwo abana nibo babona)*
- *Iki kizamini kizatsinda umuhanga rwose (umuhanga niwe uzatsinda si ikizamini)*

 Ruhamwa mburabuzi

Ruhamwa mburabuzi mu nteruro igaragara igihe hakoreshejwe inshinga itagaragaza ijamba yisanisha na ryo. icyo gihe ruhamwa igaragazwa n'indanganshinga. Cyane ku nshinga nkene ifite igicumbi – **ri** n'nshinga zakoreshejwe mu nteko ya **12, 14 na 16** ku buryo budasanzwe.

Ingero:

- *Niturangara buzacya abandi badusize kubera ikoranabuhanga.*
- *None se urumva ari ikoranabuhanga rizana ibibi?*
- *Hazabaho guhuguka kugira ngo ikoranabuhanga ritadusiga.*

✓ **Inshinga**

Soma izi nteruro zikurikira nurangiza witegereze amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri hanyuma uvuge icyo yerekana mu nteruro:

- Iwacu **bakugaburiye** ibikoro utari ubizi.
- Ikoranabuhanga **rifite** akamaro.
- Imashini **yatumye ubona** akazi.
- **Ntituzarangare.**

Ubonye aya magambo agaragaza iki mu nteruro?

 Inshoza y'inshinga

Inshinga mu nteruro ni ijamba ribumbatiye cyangwa rigaragaza igikorwa, imico, imiterere cyangwa imimerere bya ruhamwa. Ni yo zingiro ry'ubutumwa bukubiye mu nteruro. Inshinga ishobora kurema interuro yonyine kandi igatanga ubutumwa

bwuzuye. Ishobora no kuzuzwa n'indi nshinga nta bundi bwoko bw'ijambo bukoreshajwe.

Ingero z'inshinga zikoresheje muri ubwo buryo bwose tubonye:

- ***Uzitabire inama.*** (igikorwa)
- Abanyeshuri ***barabyibushye.*** (imimerere)
- Kagenzi na Gatesi ***barakubagana.*** (imico)
- ***Ntuzibe.***
- ***Mugende mwihuta.***

✓ Icyuzuzo

Soma izi nteruro zikurikira nurangiza witegereze amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri hanyuma uvuge icyo yerekana mu nteruro:

- Uwakoze **mudasobwa** akwiye **ibihembo**.
- Mudasobwa si iyo kwandika no kubika **amakuru gusa**.
- Abantu bage bagenzura **ubuziranenge bwaryo**.
- Ndaharanira **kujijuka** ni yo mpamvu ngomba kujya **mu ishuri**.

Ubonye aya magambo agaragaza iki mu nteruro?

✓ Inshoza y'icyuzuzo.

Icyuzuzo ni ijambo cyangwa urwunge rw'amagambo biherekeza inshinga birushaho gusobanura neza ubutumwa buyikubiyemo. Ibyuzuzo bishobora kugira amoko atandukanye ariko ay'ingenzi ni: *Icyuzuzo ruhamya, icyuzuzo mbonera, icyuzuzo nziguro n'icyuzuzo k'ingereka.*

Icyuzuzo ruhamya

Ruhamya ni ijambo rivuga isano y'imiterere cyangwa isano y'imico icyuzuzo gifitanye na ruhamwa. Ruhamya ihuzwa na ruhamwa n'inshinga z'imimerere cyangwa imiterere hamwe n'inshinga **“kuba”** cyangwa imvugaruhamwa **“ni”** na **“si”**.

Ingero:

- Umwana ni **umutware**
- Amazi si **meza ku buzima**
- Arimo **umunyeshuri mwiza**

 Icyuzuzo mbonera

Icyuzuzo mbonera kigizwe n'ijambo cyangwa amagambo aherekeza inshinga akuzuzura igitekerezo cyayo. Icyuzuzo mbonera giherekeza inshinga kitanyuze ku rindi jambo cyangwa ngo kigire ibindi bisobanuro by'umwihariko cyongeraho. Ni ukuvuga ko hagati y'inshinga n'icyuzuzo mbonera nta rindi jambo rizamo. Gishobora kuba kigizwe n'ijambo rimwe cyangwa menshi. Muri rusange gisubiza ibi bibazo: **nde?, iki?**

Ingero:

- Tuzitabira **ikoranabuhanga**. (Tuzitabira iki? Ikoranabuhanga)
- Iterambere turikesha **abayobozi beza**. (Turikesha nde? Abayobozi beza)
- Muzatsinda **ikizamini k'ikinyarwanda**. (Muzatsinda iki? Ikizamini k'ikinyarwanda)

Ikitonderwa: Ibyuzuzo mbonera bishobora gukoreshwa icyarimwe ari bibiri. *Icyo gihe tugira icyuzuzo mbonera ntega n'icyuzuzo mbonera ntegesha.*

Icyuzuzo mbonera ntega usanga gisubiza ibibazo nka **nde? Iki? Zingahe? Gukora iki?**

Ingero:

- Nkunda **mwarimu**. Nkunda nde? Mwarimu
- Tuzatsinda **ikizamini**. Tuzatsinda iki? Ikizamini
- Data atunze **inka ijana**. Atunze inka zingahe? Inka ijana
- Bagiye **kuryama**. Bagiye gukora iki? Kuryama

Icyuzuzo mbonera ntegesha usanga kivuga ikigenewe icyuzuzo ntega, icyo bifashisha mu gukorera igikorwa icyuzuzo ntega, icyo icyuzuzo ntega kivamo, ikibereye umutungo icyuzuzo ntega, ikiri ku cyuzuzo ntega, icyo icyuzuzo ntega giteganyirijwe, n'ibindi.

Ingero:

- Umubyeyi agurira umwana **umugati** (ikigenewe icyuzuzo ntega)
- Umushumba yakubise inka **inkoni** (icyo bifashisha)
- Uruganda rukora amavuta mu **bihwagari** (icyo icyuzuzo ntega kivamo)
- Umujura yibye umuturanyi **intama** (umutungo w'icyuzuzo ntega)
- Umubyeyi yahanaguye umwana **amarira** (ikiri ku cyuzuzo ntega)
- Ikoranabuhanga ryorohera abantu **imirimo** (igiteganyirijwe icyuzuzo ntega)

 Icyuzuzo nziguro

Icyuzuzo nziguro cyuzuzura inshinga akenshi kibanje guca ku rindi jambo nk'icyungo cyangwa indangahantu, kigasobanura uburyo igikorwa gikorwa, igihe gikorwa, ahantu gikorwa, impamvu gikorwa, inshuro gikorwa n'ibindi.

Ingero:

- U Rwanda rurakataje mu **ikoranabuhanga** (icyuzuzo nziguro cy'ahantu)
- Abakinnyi bagenda **bushuhe** (icyuzuzo nziguro cy'uburyo)
- Ubukwe buzaba ejo mu **gitondo**. (icyuzuzo nziguro k'igihe)
- Abanyarwanda benshi ku munsu barya **inshuro eshatu**. (icyuzuzo nziguro k'inshuro)
- Bavuye ku **ishuri**. (icyuzuzo nziguro cy'ahantu)
- Arayura kuko **ashonje**. (icyuzuzo nziguro k'impamvu)
- Ahora ameze nk'**umurwayi** (icyuzuzo nziguro kigereranya)
- Abanyeshuri bagomba guca ukubiri no **gutukana** (icyuzuzo nziguro cyunga)

Ikitonderwa: Aya moko yombi y’ibyuzuzo (icyuzuzo mbonera n’icyuzuzo nziguro) ashobora gukoreshwa icyarimwe mu nteruro.

Ingero:

- Ikigo cyacu cyaguze **mudasobwa** mu **mugi**. (“mudasobwa” ni icyuzuzo mbonera; “mu mugi” ni icyuzuzo nziguro).
- Umpere **umwana imiti nimugoroba**. (“umwana, imiti” ni ibyuzuzo mbonera; “nimugoroba” ni icyuzuzo nziguro).

Icyuzuzo k’ingereka

Icyuzuzo k’ingereka ni icyuzuzo kizanwa n’uko ingereka yongerewe ku nshinga cyangwa se icyuzuzo k’inshinga kigatuma igira ingereka. Hari n’ingereka zituma inshinga igira icyuzuzo kibanjirijwe n’icyungo.

Ingero:

- Umwana arakinana **inkweto**
- Iyi nzu yubakwa n’**umufundi**
- Gatera yigana na **Mwiza**

✓ Imfutuzi

Imfutuzi cyangwa insobanuzi ni ijambo ryose risobanura izina cyangwa irisobanura amagambo yo mu bwoko bw’ashobora gusimbura izina, cyangwa irisobanura umugereka. Ijambo risobanura irindi rishobora kuba ari ijambo risanishwa cyangwa ridasanishwa

Ingero:

a. Amagambo asanishwa ashobora kuba imfutuzi:

- Andika ibintu **bisomeka**.
- Amazi anyobwa **nta bara agira**.
- Umusozi **muremure**.
- Uriya umwe **nagende**.

b. Amagambo adasanishwa ashobora kuba imfutuzi:

- Umukara **tsiriri**.
- Amazi **buzi**.
- Inzovu **rubunga**
- Intare **rutontoma**.
- Impyisi **mahuma**.
- Umuco **karande**.
- Inzira **nyabagendwa**.
- Inyaga **gahembe**.

✓ **Impuza**

Ni ijambo rihuza ayandi cyangwa rihuza inyangingo. Amagambo ashobora kuba impuza ni aya:

 Ibyungo

- Gahigi **na** Kalisa barakundana.
- Ndabyumva **nk’uko** ubyumva.

 Ingirwanshinga

- Ubabwire **uti**: “Nimusigeho gukubagana”.
- Ubikore **utyo**.
- Ameze **ate**?
- •Aha ni wowe wahagize **utya**?

 Indangahantu

- Ngiye **mu** nzu.
- Atuye **ku** Ijwi.
- Arashaka kujya **i** Bugande.

Urujyano rw'amagambo

- *Kubera ko, kugira ngo, ku mpamvu z'uko...*

Andi magambo ashobora kuba impuza:

- o Akunda nyina **kurusha** se.
- o **Ahubwo** nimuze hano.

Uturemajambo tw'inshinga tumwe na tumwe tugira umumaro nk'uw'impuza:

- o Ararya akaryama.
- o Uzarima unatere.

✓ Interuro yoroheje Interuro yoroheje

Inshoza

Interuro yoroheje bita iy'inyabumwe ni interuro ifite inshinga imwe itondaguye yumvikanisha ubutumwa bumwe, budasobekeranye.

Ingero:

- *Ngwino.*
- *Uyu mwana azagenda imitego.*
- *Ndakakwambura!*
- *Ugiye he?*
- *Urugori barukoresha imikebyo migari y'ibikenyeri by'amasaka n'imitamu y'insasanure cyangwa urumamfu.*

Mu gusesengura, interuro hari inzira nyinshi zishobora gukoreshwa ariko iz'ingenzi ni izi zikurikira:

 **Imisesengurire isanzwe:** Ni imisesengurire igaragaza ibice bitatu bigize interuro: Ruhamwa, inshinga n'icyuzuzo.

Urugero	Abana bagiye ku ishuri
Abana	Ruhamwa
Bagiye	Inshinga
Ku ishuri	Icyuzuzo

Imisesengurire ya ruhamwa n'imvugaruhamwa cyangwa ruhamya iyi misesengurire icamo interuro ibice bibiri by'ingenzi ari byo:

🚦 **Itsinda rya Ruhamwa cyangwa itsinda ry'izina:** Rigizwe na ruhamwa n'imfutuzi zayo zose. Iryo tsinda ry'interuro ryerekana ukora igikorwa cyangwa uwo igikorwa gikorwaho. Ni Ruhamwa y'inshinga. Hashobora rero kubaho ruhamwa igizwe n'amagambo arenze rimwe, icyo gihe ni bwo bavuga ko ari itsinda rya ruhamwa.

Urugero:

- *Wa mukobwa muremure w'inzobe yiga muri Kaminuza.*
(Twibuke na none ko mu Kinyarwanda hari ruhamwa nyurabwenge idahita igaragara.)

Urugero:

- **Imboga zibona abana.** Ijambo "abana" ni ruhamwa kuko atari imboga zibona abana ahubwo ari abana bazibona.

🚦 **Ruhamya cyangwa itsinda ry'inshinga:** Ni cyo bamwe bita imvugaruhamwa, kikaba ari igice k'interuro kigizwe n'inshinga n'ibyuzuzo byayo. Ruhamya itangirira ku nshinga mu nteruro kuko ari bwo baba batangiye guhamya ruhamwa uko iteye, icyo ikora. Kubera ko icyo gice kigengwa n'inshinga kitwa itsinda ry'inshinga mu gihe itari yonyine.

Urugero:

- *Ya nka nini y'umusengo yabuze.*
- **Itsinda rya Ruhamwa (TS. RH.):** Ya nka nini y'umusengo
- **Inshinga (SH):** yabuze. Impine zikoreshwa

Impine zakoreshejwe

Impine	Ibisobanuro
RH	Ruhamwa
FUZ	Imfutuzi
SH	Inshinga
Zn	Izina
UZ	Icyuzuzo
Kzn	Ikinyazina
TS SH	Itsinda ry'inshinga
TSRH	Itsinda rya Ruhamwa
TSUZ	Itsinda ry'icyuzuzo
IKINY	Ikinyanshinga
Grk	Ingereka
FRH	Imfutuzi ya Ruhamwa



Igikorwa cya 2 : Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 26:

1. Sobanura amagambo akurikira

- a. Inshinga
- b. icyuzuzo
- c. icyuzuzo ntega
- d. Ruhamwa mburabuzi

1. Soma kino gika usubize ibibazo.

Gutwika amashyamba ni indi ngaruka ikomeye yerekana gufata nabi ubutaka. Ibi bikorwa bisiga ubutaka butagira ubushobozi bwo gufata amazi no kongera gutanga umusaruro.

Gutwika amashyamba byongera ibyuka bihumanya ikirere, bikurura imihindagurikire y'ibihe, ndetse bigatuma ubutaka bwangirika burundu. Gufata neza amashyamba bisaba kubungabunga asigaye, gutera ibiti bishya, no gukumira ibikorwa bibi by'ubucukuzi no gutema ibiti nta gahunda.

Ibibazo

- a. Katamo kabiri izo nteruro zitsindagiye ibice ubonye bibiri byitirire imimaro yabyo bifite mu nteruro.
- b. Ku nteruro ya mbere vuga umumaro wa buri jambo mu magambo ayubatse



Igikorwa cya 3 Umukoro ngiro



Umwitozo wa 27:

1. Tahura ibyuzuzo biri mu nteruro zikurikira hanyuma uvuge n'ubwoko bwabyo.

- a. Imyanya y'icyubahiro yicayemo abayobozi.
- b. Abashyitsi bariye kabiri.

- c. Abanyeshuri bacu babonye amanota meza mu bizamini bya Leta.
 - d. Muhe uwo mutetsi umuceri n'amavuta.
2. Shaka interuro zawe bwite enye zikoreshejemo ibyuzuzo mbonera n'enye zikoreshejemo ibyuzuzo nziguro unabigaragaze.
3. Sesengura interuro zikurikira ugaragaza ruhamwa na ruhamya:
- a. Inzira ntibwira umugenzi.
 - b. Imana iruta imanzi.
 - c. Impamba y'umwana ihembura nyina.
 - d. Twe tujyayo rimwe mu cyumweru na buri gihe mu biruhuko.
 - e. We yiga nk'amasomo abiri buri muni.
 - f. Uyu mwana ni inkubaganyi pe!

Isomo 3.3: Amategako agenga imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitozo wa 28 :

Soma igika gikurikira witegereza uko amazina bwite awugaragaramo yanditse.

Umunsi umwe navuye mu ntara y'amagepfo njya igisaka gusura masenjye. Umugabo w'iwe yitwa Habamenshi sindayigaya Samuel. Nkigera ahongaho mu Gisaka, nanyuze k'umubyeyi wahaga impanuro abana be. yarababwiraga ati umwana warezwe neza yumvira ababyeyi be n'ibindi ntasubiyemo kandi akubaha abamuruta bose ni na ko byahozze kuva na kera mu muco nyarwanda mbese na we aho waba ari ko wari ubizi burya kugendera ku ndangagaciro na kirazira kwihesha agaciro kubaha ururimi rwawe kavukire no kubahiriza umuco wigihugu cyawe ni ko kujijuka nta ubumenyi budashingiye ku kwihesha ishema no kurihesha igihugu cyakubye mu ruhando rwamahanga.

1. Mukore ubushakashatsi batahure imyandikire y'amazina bwite uko agomba kuba yanditse
2. Imikoreshereze y'utwatuzo n'inyuguti nkuru murabona yakoreshejwe ite?

Ingingo z'ingenzi 3.3. : Amategeko agenga imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana

• Amazina bwite

Inshoza: Izina bwite ni izina rihabwa umuntu, ikintu, ahantu, cyangwa ikindi kintu ku buryo bwihariye kugira ngo kimenyeshwe neza. Urugero rw'amazina bwite ni nka Jean, Kigali, Akagera, cyangwa Nile.

✓ Amazina bwite y'ahantu afite indomo

Amazina bwite y'ibihugu n'ay'uturere afite indomo yandikwa atandukanye n'iyo ndomo; iyo ndomo ikandikwa mu nyuguti nto, keretse iyo itangira interuro.

Ingero:

- ***A** Marangara, **u** Buriza, **u** Bufundu, **n'i** Gisaka ni tumwe mu turere twa kera tuvugwa mu mateka y'u Rwanda.*
- ***U** Burundi buri mu magepfo y'u Rwanda.*
- ***U** Bubirigi, **u** Bwongereza **n'u** Bugaransa biri mu Muryango w'Ibihugu by'u Burayi.*

✓ Amazina bwite y'abantu arenze rimwe

Amazina bwite y'abantu arenze rimwe akurikirana muri ubu buryo: habanza izina yahawe akivuka, hagakurikiraho andi mazina y'inyongera.

Ingero:

- *UWINEZA Ishimwe Brigitte*
- *MANZI Jacques*
- *KARIMBA Basabose*
- *MUHIRE Jamila*

✓ Amazina bwite y'abantu n'ahantu y'amavamahanga

Amazina bwite y'abantu n'ahantu y'amavamahanga atari ay'idini n'amazina bwite y'ibihugu n'ay'uturere y'amahanga yandikwa uko avugwa mu Kinyarwanda, nyuma bagashyira mu dukubo uko asanzwe yandikwa mu rurimi akomokamo.

Ingero:

- *Enshiteni (Einstein)*
- *Shumakeri (Schumacher)*
- *Ferepo (Fraipont)*
- *Cadi (Tchad)*
- *Kameruni (Cameroun / Cameroon)*
- *Wagadugu (Ouagadougou)*
- *Ositaraliya (Australie / Australia)*

✓ Amazina y'idini

Amazina y'idini yandikwa nk'uko yanditswe mu gitabo k'irangamimerere akaza akurikira izina umuntu yahawe akivuka cyangwa izina rindi rifatwa nka ryo. Izina rya mbere ryandikwa mu nyuguti nkuru na ho izina ry'idini rikandikwa mu nyuguti ntoya, ritangijwe inyuguti nkuru.

Ingero:

- *KAREGEYA John*
- *KARIZA Jane*
- *MUPENZI Jeanne*
- *RUTEMBESA Abdul*
- *MFURANZIMAYohana*

✓ Amazina bwite yari asanzweho

Amazina bwite yatanzwe kandi yakoreshejwe mbere y'aya mabwiriza akomeza kwandikwa uko yari asanzwe yandikwa.

Ingero:

- *Intara y'Amajyepfo*
- *Umuji wa Kigali*
- *Akarere ka Rulindo*
- *Akagari ka Cyimana*
- *Umurenge wa Cyeru*

• **Imikoreshereze y'inyuguti nkuru**

Inyuguti nkuru zikoreshwa aha hakurikira.

 **Mu ntangiriro y'interuro.**

Urugero:

- *Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge.*

 **Nyuma y'akabago, akabazo n'agatangaro.**

Ingero:

- *Ibiyobyabwenge ni ikibazo mu rubyiruko. Twese duhagurukire kubirwanya.*
- *Wabigeraho ute utazi gusoma? Ntibishoboka.*
- *Ntoye isaro ryiza shenge wee! Reka nge kuryereka nyogokuru.*

 **Nyuma y'ingirwanshinga -ti, -tya, -tyo n'ijambo ngo bikurikiwe n'utubago tubiri n'utwuguruzo.**

Urugero:

- *Mariya arasubiza ati: "Ibyo uvuze bingirirweho."*

Ikitondwrrwa: Inyuguti nkuru ntitangira amagambo asubirwamo iyo uwandika yayatangiriye hagati mu nteruro yakuwemo

Urugero:

- Igihe Mariya yavugaga ati: “bingirirweho”, yari yaramaze gusabwa na Yozefu.

 Ku nyuguti itangira imibare iranga iminsi, amazina y’amezi n’ay’ibihe by’umwaka.

Ingero:

- Ku wa **Mbere** wa **Pasika**.
- Abantu benshi bajya gusenga ku **Cyumweru**.
- Ugushyingo gushyira **Ukuboza**.
- Mu Rwanda haba ibihe bine by’ingenzi: **Urugaryi, Itumba, Iki (Impeshyi)** n’**Umuhindo**.

 Ku nyuguti itangira amazina bwite y’abantu, ay’inzuzi n’ay’ahantu, kabone nubwo indomo itangira izina ry’ahantu yaba yatakaye.

Ingero:

- **Rubingisa** ageze ku **Ruyenzi** aza i **Muhanga** aza i **Kigali**.
- **Nyabarongo** ihura n’**Akanyaru** bikabyara **Akagera**.
- I **Washingtoni** (*Washington*) ni ho hari ikicaro cya Banki y’**Isi**.

 Ku nyuguti itangira amazina y’imirimo, ay’inzego z’imirimo n’ay’amashyirahamwe.

Ingero:

- **Umuyobozi** w’**Akarere** kacu azasura **Akagari** ka **Rubirizi** ku wa **Gatandatu**.
- **Umunyamabanga** **Ushinzwe Amashuri** **Abanza** n’**Ayisumbuye** muri **Minisiteri** y’**Uburezi** yashimiye **Ishyirahamwe** **Tumurere** kubera uruhare rigira mu kwita ku bana bo mu muhanda, ribashakira imiryango barererwamo.

- *Akanama Gashinzwe Amahoro mu Muryango w'Abibumbye kakozze inama yigaga ku kibazo k'ihohoterwa rikorerwa impunzi hiryana no hino ku isi.*
- *Abanyamuryango ba Koperative Twigire bamaze kwigeza kuri byinshi byiza.*

 **Ku nyuguti itangira amazina y'impamyabushobozi, ay'icyubahiro, ay'inzego z'ubutegetsi, ay'ubwenegihugu n'amoko, ay'indimi.**

Ingero:

- *Dogiteri Karimanzira na Ambasaderi Gatama bazitabira ibirori byacu.*
- *Nyiricyubahiro Musenyeri wa Diyosezi ya Butare hamwe n'abakirisitu ba Kiriziya Gatorika bakiriye Nyakubahwa Perezida wa Repuburika muri Diyosezi yabo*
- *Umurenge wa Nyarugenge uyoborwa na nde?*
- *Abanyarwanda barimo Abasinga, Abagesera, Abanyiginya, Abega, Abasindi...*
- *Dukwiye guteza imbere Ikinyarwanda abakivanga n'izindi ndimi nk'Icyongereza, Igiswayire n'Igifaransa bakabikikaho.*

 **ku mazina y'ibikorwa byamamaye mu mateka no ku nyuguti itangira ijamba Igihugu iyo rivugaga u Rwanda.**

Ingero:

- *Mu Ntambara ya Kabiri y'Isi Yose hafuye abantu benshi.*
- *Ba mukerarugendo basuye Igihugu cyacu.*

 **Ku nyuguti itangira izina ry'innyandiko, igitabo cyangwa ikinyamakuru.**

Ingero:

- *Nujya mu muguru ungurire Imvaho Nshya.*
- *Musenyeri Kagame Alegisi ni we wanditse Indyoheshabirayi.*

 **Izina bwite umuntu yahawe akivuka cyangwa irindi rifatwa nka ryo riri ku ntangiriro no ku mpera y'innyandiko (nk'ibaruwa, nk'itegeko, nk'umwandiko uwo**

ari wo wose...) no mu rutonde rw'amazina y'abantu ryandikwa ryose mu nyuguti nkuru. Nyamara rikandikwa mu nyuguti nto uretse inyuguti iritangira yandikishwa inyuguti nkuru mu mwandiko hagati.

Ingero:

- GAKIRE **Mathias**
- UMUMARARUNGU **Keza**
- BUTERA **Simoni**
- Nagiye kwa Gakire **Mathias** anyakira neza

• **Amagambo afatana n'adafatana**

 **Amagambo afutura Amagambo mfutuzi yandikwa atandukanyijwe n'amagambo afuturwa.**

Ingero:

- Inama **Njyanama** y'Akarere ka Kicukiro yateranye.
- Umuco **nyarwanda** uraturanga.
- Yumviye uMutima **nama** we.
- UMutima **muhanano** ntiwuzura igituza.
- Inyandiko **mvugo** y'inama yasomwe, iremezwa.

 **Ibyungo na na nka**

Ibyungo **na na nka** bikurikiwe n'ibinyazina ngenga bivuga nyakuvuga na nyakubwirwa (ngenga ya 1 n'iya 2) byandikwa mu ijambo rimwe ariko bikandikwa bitandukanye n'ibinyazina ngenga muri ngenga ya 3.

Ingero:

- Ndabona nawe wigisha **nkange**.
- Ndumva natwe tumeze **nkamwe**.
- Nabonye na we yigana **na bo**.
- Numvise na bwo bujwigira **nka zo**
- Ndabona na ko kagenda **nka bwo**.

Ikinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga

Iyo ikinyazina ngenera gikurikiwe n'ikinyazina ngenga byandikwa mu ijamba rimwe.

Ingero:

- *Umwana wange yagiye ku isoko.*
- *Umurima wacu urahingwa.*
- *Ishati yawe yakorewe mu Rwanda.*
- *Amafaranga yabo afite agaciro.*

Impakanyu nta

Impakanyu **nta** yandikwa ifatanye n'inshinga itondaguye iyikurikiye ariko iyo ikurikiwe n'ubundi bwoko bw'ijamba biratandukana.

Ingero:

- *Twasanze ntawurwaye.*
- *Mu kigo cyabo **ntabatashye**.*
- ***Nta** we nabonye.*
- *Ibyo bitabo **nta** byo yatwaye.*

Ibinyazina ngenga ndangahantu

Ibinyazina ngenga byo mu nteko ndangahantu **ho, yo, mo (mwo)** n'akajamba **ko** bifatana n'inshinga bikurikiye, keretse iyo nshinga ari ni cyangwa si.

Ingero:

- *Twageze mu rugo tumusangaye tugenderako.*
- *Umwobo yaguyemo wari muremure.*
- *Yometse amashusho ku rukuta afataho*
- *I Kigali ni **ho** avuye si ho agiye.*
- *Mu mwobo si **mo** yaguye.*

Akajambo **ko**

Akajambo **“ko”** kunga inyangingo ebyiri kandikwa gatandukanye n’amagambo agakikije.

Ingero:

- *Ndakeka ko azahagera kare.*
- *Namenye ko ibyo binyobwa byujuje ubuziranenge.*

 Urujyano rurimo ijambo **“ngo”** kimwe n’ibinyazina **“wa wundi”**, **“bya bindi”**, **“aho ngaho”**, **“uwo nguwo”**, n’ibindi biremetse nka byo byandikwa mu magambo abiri.

Ingero:

- *Nasanze **abo ngabo** badahari mpita nkoresha wa wundi kugira ngo tudakererwa.*
- *Ibyo ngibyo ni byo nabonye **aho ngaho**.*

 h) Ijambo **“ni”** rikurikiwe n’inshinga irimo inshoza yo **“gutegeka”** no **“guteganya”** ryandikwa rifatanye na yo.

Ingero:

- ***Nimukore** mutazicwa n’inzara.*
- ***Nimufate** neza ibidukikije.*

 Amagambo yerekana ibihe n’ahantu

Amagambo yerekana ibihe yandikwa mu ijambo rimwe: **nimunsi**, **nijoro (ninjoro)**, **nimugoroba**, **ejobundi**.

Ingero:

- ***Nimugoroba** turajya gusura abaturanyi.*
- *Azagera mu Rwanda **ejobundi nijoro/ninjoro**.*
- *Turahagera **nimunsi**.*
- *Ijambo **munsi** ryerekana ahantu ryandikwa mu ijambo rimwe.*

Urugero:

- *Yabitse amafaranga muni ya matera imbeba zirayarya.*

Amagambo **ku na mu**

Amagambo **ku na mu** yandikwa atandukanye n'ikinyazina ngenera ndetse n'amagambo **ku wa na mu wa** abanziriza itariki cyangwa umubare mu izina ry'umunsi yandikwa atandukanye.

Ingero:

- ***Ku wa** 15 Ukuboza nzajyayo ku bwange sinzajyayo ku bwabo.*
- *Yahinze **mu we** ntiyahinze mu wawe.*
- *Azagerayo **ku wa** Gatanu nimunsi.*
- *Uwo mwana yarimutse ajya **mu wa** Gatandatu.*

Ijambo saa

Ijambo **(i)saa**, rikurikiwe n'umubare byerekana isaha byandikwa mu magambo atandukanye

Ingero:

- *Ndahura na we **saa** munani.*
- *Turangiza akazi **i saa** kumi n'imwe.*

Imigereka ndangahantu

Imigereka ndangahantu iremewe ku ndangahantu i (imuhira, iheru, iburyo, ibumoso, ivure, ikambere, imbere, ibwami, inyuma...) n'amagambo akomoka kuri i y'indangahantu ikurikiwe n'ikinyazina ngenera wa n'ikinyazina ngenga yandikwa mu ijambo rimwe.

Ingero:

- *Yicaye **iburyo** nge nicara ibumoso.*
- *Tumaze kwicara **imuhira** ab'ikambere baratuzimanira.*
- ***Iwacu** heza ndahakumbuye.*

Indangahantu i ikurikiwe n'izina bwite ry'ahantu

Iyo i y'indangahantu ikurikiwe n'izina bwite ry'ahantu yandikwa itandukanye n'iryo zina.

Ingero:

- *Twahuriye i Muhanga turamenyana.*
- *I Rusizi ni kure y'Umujyi wa Kigali.*

Inshinga mburabuzi ari

Inshinga mburabuzi ari iyo ikoreshejwe mu nyangingo ngaragira yandikwa itandukanye n'ikinyazina kiyibanziriza n'ikiyikurikira.

Ingero:

- *Sinkunda umuntu umbwira ibyo **ari byo** byose.*
- *Uwo **ari we** wese azimenyera ibimureba.*

Amagambo arema inyumane

Amagambo afatiwe hamwe akarema inyumane y'umugereka, inyumane y'icyungo, cyangwa iy'iranga Mutima akomoka ku binyazina bitakibukirwa amazina bisimbura yandikwa afatanye. Nyamara iyo ahuje ishusho n'izo nyumane kandi ibinyazina bikerekeza ku kintu kizwi cyangwa kibukwa mu buryo bugaragara, byandikwa bitandukanye.

Ingero:

- ***Niko?** Ko utambwira igihe ugendera?*
- *Uko **ni ko** akora.*
- *Urya neza **ni uko** utabyibuha.*
- *Uku kuguru **ni ko** kwavunitse.*
- *Uku kwezi **ni uko** gutembera.*
- ***Nuko** nyuma y'ibyo turagenda.*
- *Buri gihe umwarimu atubaza uko twaraye n'uko twaramutse.*

Amagambo ashingiye ku isubiramo

Amagambo ashingiye ku isubiramo yandikwa afatanye.

Ingero:

- Twagiye kumva twumva amashyi ngo **kacikaci!**
- Bagiye baza **umwumwe**.
- Bakoze imyitozo **babiribabiri**.



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 29 :

1. Subiza ibibazo bikurikira :

- Amazina bwite ni iki, kandi ni gute yandikwa mu Kinyarwanda?
- Tanga urugero rw'amazina bwite y'ahantu afite indomo, ndetse usobanure uburyo yandikwa wifashishije urugero
- Ni gute amazina bwite y'abantu cyangwa ahantu biva mu mahanga yandikwa mu Kinyarwanda? Tanga ingero enye
- Sobanura amazina bwite y'idini uko yandikwa utange ingero eshatu.

2. Kosora interuro zikurikira ukurikiza amabwiriza agenga imyandikire y'Ikinyarwanda:

- Najyiye mu muji wa Gisenyi mpura n'incuti yanjye maze ndanezererwa cyane kuko tutaherukanaga.
- Utwo tunyoni twagiye tuza kamwe kamwe tugezaho tuba uruhuri.
- Ese mu Mugi wa Kigali habamo Umurenge witwa Kakiru? Yego. Uwo murenge uhana imbibi n'Umurenge wa Cyimihurura.
- Amazi mu kibindi ngo dumburi dumburi!
- Kamugisha ni umuvandimwe wa Kamari.
- Nasuye masenjye utuye i Kabwayi ampa icyibo cy'ibiro icumi by'ubunyobga.
- Umuko w'amahoro niwo uranga abiwacu.
- Kugira umujinya wumurandura nzuzi n'ibibi.
- Se kuru yavutse mu mwaka w'1960.
- Mu Karere ka Kamonyi bateye inkunga impfubyi.



Igikorwa cya 2: Umukorongiyo



Umwitozo wa 30:

1. Kosora amakosa y'imyandikire ubona mu nteruro zikurikira.

- Igihugu cy'Urwanda n'icy'Ubwongereza bibanye neza.
- Igisaka n'Amarangara ni uturere dutuwe cyane.
- Socrate (Sokarate) ni umwe mu bahanga ba kera isi yagize.
- Mu mugi wa Nairobi (Nayirobi) haba ubushyuhe bukabije.

2. Agakino

Fasha kwandikira SIMPUNGA Dody Chris igihimba cy'ibaruwa kigizwe n'igika kimwe gisaba akazi. Yandikire Umuyobozi w'Akarere wihimbiye ugaragazemo impamyabumenyi Chris afite, izina /urwego rw'umwanya ashaka gukoraho, izina ry'ikigo yakoreraga n'igihe yari amaze agikorera. Bivuze ko utita ku mbata yose y'ibaruwa (ntiwita ku myirondoro iba iri ku ibaruwa urakora igika gusa cyagaragara mu gihimba k'iyi baruwa).

Isomo 3.4: Amategeko agenga imyandikire y'ibihokane byihariye



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitozo wa 31:

1. Muri zino nteruro toranyamo izanditse neza

- Umubgire ko namutegereje nkamubura
- Umubwire ko yambesheraga
- Maze iminsi i, Kabgayi
- Ucyenyerere ukwete kuko ndaje vuba aha
- Ukimubona watecyereje iki?
- Ukwo mbyumva ni uko utagombaga gwutsinda

2. Urumva tugiye kwiga irihe somo?

Ingingo z'ingenzi 3.4.: Amategako agenga imyandikire y'ibihokane byihariye

• Imikoreshereze y'ibihokane Bw-bg

Ikitonderwa: Igihekane bw gikoresheha ahantu hose hanyuma Igihekane bg gikoresheha gusa mu ijambo Kabgayi.

• Imikoreshereze y'ibihokane Jy, Cy, njy, ncy

Ibihokane (n)jy na (n)cy, bikurikiwe n'inyajwi "i" cyangwa "e" Ibihokane (n)jy na (n)cy byandikwa gusa imbere y'inyajwi a, o na u. Imbere y'inyajwi "i" cyangwa "e" handikwa (n)gi, (n)ge, (n)ki, (n)ke.

- Bandika: ki, cyu, cyo, cya, ke,
- Nki, ncyu, ncyo, ncya, nke
- Gi, jyu, jyo, jya, ge
- Ngi, njyu, njyo, njya, nge

Ingero:

- *Nkunda gusenga iyo **ngiye** gufata urugendo **njya** mu mugi.*
- ***Gewe/Ngewe njyana** n'abana **bange** kwa masenge mu masepfo.*
- ***Iki kibo cyuzuye** ibishyamba.*
- ***Ncyuye** inka **ncyocyorana** na **Nkeramugaba** afite **incyamuro**.*
- ***Jya gucyura** ihene i **Bujyujyu**.*
- ***Icyumba** ke **cyuzuye injyo** z'ikibindi **cyamenetse**.*
- ***Njyuri** afite urujyo mu ntoki.*

Ikitonderwa : Amazina bwite yatanze kandi yakoreshejwe mbere y'aya mabwiriza akomeza kwandikwa uko yari asanzwe yandikwa.

Ingero:

- *Intara y'**Amajyepfo***
- *Umujyi wa **Kigali***
- *Akagari ka **Cyimana***
- *Umurenge wa **Cyeru***

• Imikoreshereze y'ibihokane **Gw, hw, kw**

Ibihokane **(n)kw, (n)gw, hw**, bikurikiwe n'inyajwi **o** cyangwa **u** ntibyandikwa; mu mwanya wabyo handikwa **(n)ko, (n)ku, (n)go, (n)gu, ho, hu**.

Bandika:

- Kwi, ku, ko, kwa, kwe
- Nkwi, nku, nko, nkwa, nkwe
- Gwi, gu, go, gwa, gwe
- Ngwi, ngu, ngo, ngwa, ngwe
- Hwi, hu, ho, hwa, hwe

Ingero:

- **Ngwije akunda koga** yambaye **inkweto** zinyereza akagwa.
- **Ngoboka yahwituye Hondi kugira ngo bihute bahure na Ngwabije.**
- **Mahwane** yorora **inguge, inkwavu n'inkoko.**
- **Kwigira akunda kuboha akoresheje imigwegwe.**
- **Nkwiye kwinjira mu rugo rugwije ingweba rukunda kweza amahundo**
- **nko kwa Nkunda.**
- **Gwiza ahwekereye mu rugo kwa Mbugurize.**



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 32:

Kosora interuro zikurikira ukurikiza amabwiriza agenga imyandikire y'Ikinyarwanda

- a. Ese mwamenye aho yajyanye injyemu ubwo bari bamubwiye ko umwana we ari kwa muganga?
- b. Ubgo twiganaga muri kaminuza, twatsindaga ibizamini byose nta nkomyi.
- c. Abana bose bashishikariye kureba ibyo umuhwungu we yari gukora
- d. Iyo imbwa iguye mu mazi, iragorwa cyane kuko iba itazi kwoga neza.
- e. Amazi mu cyibindi ngo dumburi dumburi!

- f. Kamugisha ni umuvandimwe wa Kamari.
- g. Nasuye masenjye utuye i Kabwayi ampa icyibo cy'ibiro icumi by'ubunyobga.



Igikorwa cya 3: Umukorongiro



Umwitozo wa 33:

Hina umwandiko wabanjirije ino mbumbe ntuge muni y'amagambo mirongo itanu kandi nturenze amagambo ijana ugaragazemo aho wubahirije imyandikire y'ibibihokane

- Bw-bg
- Jy, Cy, njy, ncy
- Gw, hw, kw

Uze kugenda uca akarongo kuri byo mu nshamake yawe.



Isuzuma mbonezanyigisho ku mbumbe ya 3

Umwandiko: Kubungabunga Ubutaka n'Ingamba zo Kwirinda Ingaruka mbi

Ubutaka ni umutungo kamere w'ingenzi cyane, ukaba isoko y'ubuzima bw'ibinyabuzima byose. Ibyo turya, imyenda yacu, n'ibindi bikoresho byinshi dukenera biva ku butaka. icyakora, kubufata nabi bishobora guteza ibibazo bikomeye bituma butakaza agaciro kandi bigira ingaruka zikomeye ku mibereho y'abatuye isi.

Kubungabunga ubutaka ni inshingano ihuriweho na buri wese. Hari ingamba nyinshi zifasha kubufata neza, zirimo gutera ibiti byo kurinda isuri, gukoresha ifumbire y'imborera aho kuyisimbuza iy'imvaruganda idakwiye, no guca imyobo ifata amazi ahururuka kugira ngo atangiza ubutaka. Iyo izo ngamba zikurikijwe, bituma ubutaka bukomeza kubaho neza, bugatanga umusaruro mwiza, kandi bigafasha kubungabunga ibidukikije muri rusange.

Nubwo kubungabunga ubutaka ari ingenzi, abantu benshi baracyakoresha uburyo bwo kubwangiza. Ibi bigaragarira mu bikorwa nk'ubucukuzi butagenzurwa, gutema ibiti mu buryo butemewe, no gukoresha ubutaka nabi mu buhinzi. Ibi byose bituma ubutaka bwuma, imirima itakaza umusaruro, n'amashyamba arushaho gukendera. Ibyo bigira ingaruka ku mibereho y'abaturage kuko bituma inzara yiyongera, ibiza nk'isuri n'ibindi bikagera ku rwego rukomeye, ndetse hakaba n'ingaruka ku musaruro w'ubukungu bw'ibihugu.

Kugira ngo turwanye izi ngaruka, ni ngombwa gushyira hamwe, tukitabira ibikorwa by'ibanze byo kubungabunga ubutaka. Twese hamwe, dukwiye kumenya ko gukorera ku butaka neza bidufitiye akamaro katagereranywa. Ubutaka ni ubuzima bwacu, kandi niba tubwitayeho none, buzabasha guha ubuzima buzukanye abatuye isi mu bihe biri imbere.

Igice cya mbere :

1. Kumva umwandiko

- a. Ibibazo byo kumva umwandiko
- b. Ni iki umwanditsi agaragaza nk'akamaro nyamukuru k'ubutaka?
- c. Ni izihe ngamba zatanzwe mu mwandiko zigamije kubungabunga ubutaka?
- d. Kuki umwanditsi avuga ko kubungabunga ubutaka ari inshingano ya buri wese?

- e. Ni ibihe bikorwa byangiza ubutaka byagaragajwe mu mwandiko?
- f. Ubutaka bufashwe nabi bushobora kugira izihe ngaruka ku mibereho y'abaturage?
- g. Ni uruhe ruhare rw'ubucukuzi butagenzurwa mu kwangirika kw'ubutaka?

2. Himba interuro yawe imwe kuri aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko.

- a. Kubungabunga
- b. Umutungo kamere
- c. Ifumbire y'imborera
- d. Isuri
- e. Ingaruka
- f. Ibidukikije
- g. Ubucukuzi
- h. Umusaruro
- i. Inshingano

Igice cya kabiri: Ikibonezamvugo

3. Sobanura amagambo akurikira

- a. Ruhamwa
- b. icyuzo
- c. Imfutuzi
- d. Ruhamwa mburabuzi

4. Sesengura zino nteruro ugaragaza imimaro amagambo atsindagiye azubatse afite

- a. **Kubungabunga** ubutaka **ni** inshingano **ihuriweho** na buri wese.
- b. Hari **ingamba nyinshi** zifasha kubufata **neza**, zirimo gutera **ibiti** byo kurinda isuri.

5. Kosora zino nyandiko aho ubona biri ngombwa

- a. Ntamuntu numwe ushobora kumva ububabare bwabandi badahuje ikibazo.
- b. Igihe Mariya yavugaga ati: “Bingirirweho”, yari yaramaze gusabwa na Yozefu
- c. Mu Rwanda haba ibihe bine by'ingenzi: urugaryi, itumba
- d. Umuyobozi w'akarere kacya azasura akagari ka rubirizi ku wa gatandatu.
- e. Dogiteri Karimanzira na ambasaderi gatama bazitabira ibirori byacu.
- f. Umutimamuhanano ntiwuzura igituza.
- g. Nabonye na we yigana nabo.

- h. Nta we nabonye.
- i. Yometse amashusho ku rukuta afata ho
- j. Ibyo njyibyo ni byo nabonye ahongaho i Kabwayi.
- k. Ni mugoroba turajya gwusura inshuti mu mugi i nyarujyenjye.



Iby'ingenzi ngomba kwibuka mu mbumbe ya gatatu

- Muri iyi mbumbe twabonyemo umwandiko ku nsanganyamatsiko yo gufata neza ubutaka hirindwa ku bwonona kuko kubufata neza bituma habaho uburumbuke umusaruro wiyongera bityo igihugu kigatera imbere, mu gihe icyo bufashwe nabi bibwangiza bityo umusaruro ukabura hakabaho ubukene
- Twabonye kandi imyandikire y'inyuguti nkuru aho by'umwihariko ku mazina bwite iteka atangizwa nayo
- Twabonye kandi ko hari n'ahandi inyuguti nkuru ikoresheye cyane nko ku minsi igize icyumweru, ku mazina avuga impamyabumenyi, urwego rwa leta, ku bintu biba byarabayeho bizwi bikaba ikirangirire ku myanya y'icyubahiro
- Twabonye kandi imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana nyuma tubona imyandikire n'amihindagurikire ya bimwe mu bihekane aho hari aho bikoresheye ahandi bitewe n'inyajwi yabikurikiye hakandikwa ingombajwi bifitanye isano cyangwa bikandikwa ukundi ibyo bihekane ni $\sqrt{(Bw-bg)}, (Jy, Cy, njy, ncy) (Gw, hw, kw)$



Kwisuzuma

1. Uzuza imbonerahamwe ikurikira.

Nk'uko byavuzwe ku ntangiriro y'iyi mbumbe, nta buryo buri bwo cyangwa ubutari bwo bwo gusubiza iki kibazo; ahubwo ni ibigufasha wowe ubwawe muri iyi nyigisho. Tekereza wowe ubwawe niba nyuma yo kwiga iyi mbumbe irangiye, ibi noneho washoboye kubikora, n'ikigero ubishoboyeho. Soma ibibanza mu kazu ko hejuru hanyuma ushyire akamenyetso aho ubona hajyanye n'ikigero cy'uko ubyumva.

Ubumenyi nsanganwe	Nta kintu na kimwe nzi ku mikoreshereze yabyo.	Nziho bike.	Nziho ibiringaniye	Nziho byinshi	Ndiyizeye ku mikoreshereze yabyo.
Ubumenyi, ubumenyingiro, ubukeshya					
Kugaragaza neza Ingero zifatika zo gufata neza ubutaka ndetse n'ingaruka zo gufata no gukoresha nabi ubutaka.					
Gusobanura neza imimaro y'amagambo mu nteruro					
Guhimba interuro zigaragaza neza imimaro y'amagambo mu nteruro					
Gukoresha neza imimaro y'amagambo mu nteruro ushyikirana n'abandi					
Gutandukanya no Kugaragaza neza imikoreshereze y'inyuguti nkuru n'ifatana ndetse n'itandukana ry'amagambo mu nyandiko					
Gukoresha neza imyandikire ya bimwe mu bihekane bitera urujijo					

2. Uzuza iyi mbonerahamwe kandi wibuke kwereka umwarimu ibyo wujemo

Iyakozwe neza	Ibikenewe kongerwamo imbaraga	Ibikorwa byakwifashishwa mu kongera imbaraga aho bikenewe
1.	1.	1.
2.	2.	2.
3.	3.	3.

IMBUMBE YA 4: GUKORESHA IKINYARWANDA K'INTYOZA UWIGA AKANGURIRA ABANDI AKAMARO K'ISUKU N'ISUKURA BINYUJJIWE MU IHANGAMWANDIKO



Inshamake y'imbumbe ya kane

Muri iyi mbumbe turasangamo umwandiko utwinjiza mu nsanganyamatsiko y'isuku n'iisukura, bivuze ko tubona igisobanuro cy'isuku n'ikinyuranyo cy'isuku tubonemo umumaro w'isuku n'ingaruka mbi z'ibura ry'isuku. Si ibyo gusa kandi turibanda ku nyandiko zitandukanye zirimo: umwandiko ntekerezo, Itangazo, Ibaruwa, umwirondoro (CV) na Raporo. Bivuze ko umunyeshuri urangije kwiga ibikubiye muri iyi mbumbe aba yashobora gukora inyandiko zose zavuzwemo.

Kwisuzuma: Imbumbe ya 4:

1. Itegereze ishusho iri ku mbumbe ya kane:
 - a. Ni ibiki ubonaho?
 - b. Ukurikije ibyo ubonaho, uratekereza ko ari ibihe byigwa iyi mbumbe yibandaho?
2. Uzuza imbonerahamwe ikurikira. Nta buryo bwemewe cyangwa butemewe bwo gusubiza muri ino mbonerahamwe, ahubwo iragufasha gupima ikigero cy'ubushobozi ufite kuri iyi mbumbe mbere yuko uyiga. Koresha ikimenyetso cy'agasaraba (x) mu mwanya wateganyijwe werekane urwego ruhamya ubushobozi bwawe mbere yuko wiga rino somo.
4. Nyuma yo kwiga iyi mbumbe, urongera wikorere isuzuma nk'iri.

Ubumenyi nsanganwe	Nta kintu na kimwe nzi ku mikoreshereze yabyo.	Nziho bike.	Nziho ibiringaniye	Nziho byinshi .	Ndiyizeye ku mikoreshereze yabyo.
Ubumenyi, ubumenyingiro, ubukeshya					
Gusobanura neza icyo isuko ari cyo n'ikinyuranyo cy'isuku					
Gutandukanya isuku n'umwanda ndetse yaba ku mubiri ndetse n' aho utuye					
Gusukura umubiri, ibikoresho ibikoresho ndetse n'aho utuye.					
Gusobanura neza umwandiko ntekerezo awutandukanya n'andi moko y'imyandiko					
Gutondeka ingingo z'ingenzi n'ingingo z'ingereka zigize umwandiko ntekerezo					

Ubumenyi nsanganwe	Nta kintu na kimwe nzi ku mikoreshereze yabyo.	Nziho bike.	Nziho ibiringaniye	Nziho byinshi .	Ndiyizeye ku mikoreshereze yabyo.
Ubumenyi, ubumenyingiro, ubukeshya					
Guhimba umwandiko ntekerezo akurikiranya neza ingingo z'ingenzi n'ingingo z'ingereka anubahiriza uturango tw'imyandiko ntekerezo					
Gusabanura neza inshoza y'itangazo mu rusobe rw'inyandiko zitandukanye					
Kubasha gutondekanya neza ingingo zigize itangazo hashingiwe ku moko y'amatangazo atandukanye					
Kwandika no gusoma amatangazo atandukanye bitewe n'ubwoko bwayo					
Gusobanura no gutandukanya ibaruwa n'andi moko y'inyandiko					
Guhitamo imbata y'ibaruwa umuntu yakoresha agiye kwandika ubwoko ubu n'ubu bw'ibaruwa					
Kwandika amabaruwa neza hubahirijwe uturango twa buri bwoko bw'ibaruwa					

Ubumenyi nsanganwe	Nta kintu na kimwe nzi ku mikoreshereze yabyo.	Nziho bike.	Nziho ibiringaniye	Nziho byinshi .	Ndiyizeye ku mikoreshereze yabyo.
Ubumenyi, ubumenyingiro, ubukesha					
Kugaragaza ibintu byose by'ibanze bikubiye mu mwirondoro w'umuntu					
Gukurikiranya neza ingingo ku Yindi mu gihe urimo gutegura umwirondoro					
Kwandika umwirondoro ugaragaza neza amakuru yose akenewe ku mu ntu					
Kuba yasobanura inshoza ya Raporo aho ariho hose yayibarizwa					
Kugaragaza amakuru y'ingenzi ajya muri raporo runaka					
Gukora raporo yujuje ubuziranenge bitewe n'igikenewe					



Ubushobozi fatizo:

Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukesha
1. Gusobanura neza icyo isuko ari cyo n'ikinyuranyo cy'isuku	1. Gutandukanya isuku n'umwanda ndetse yaba ku mubiri ndetse n' aho utuye	1. Gusukura umubiri, ibikoresho ibikoresho ndetse n'aho utuye.

Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya
2. Gusobanura neza umwandiko ntekerezo awutandukanya n'andi moko y'imyandiko	2. Gutondeka ingingo z'ingenzi n'ingingo z'ingereka zigize umwandiko ntekerezo	2. Guhimba umwandiko ntekerezo akurikiranya neza ingingo z'ingenzi n'ingingo z'ingereka anubahiriza uturango tw'imyandiko ntekerezo
3. Gusobanura neza inshoza y'itangazo mu rusobe rw'inyandiko zitandukanye	3. Kubasha gutondekanya neza ingingo zigize itangazo hashingiwe ku moko y'amatangazo atandukanye	3. Kwandika no gusoma amatangazo atandukanye bitewe n'ubwoko bwayo
4. Gusobanura no gutandukanya ibaruwa n'andi moko y'inyandiko	4. Guhitamo imbata y'ibaruwa umuntu yakoresha agiye kwandika ubwoko ubu n'ubu bw'ibaruwa	4. Kwandika amabaruwa neza hubahirijwe uturango twa buri bwoko bw'ibaruwa
5. Kugaragaza ibintu byose by'ibanze bikubiye mu mwirondoro w'umuntu	5. Gutondeka neza ingingo ku Yindi mu zigize umwirondoro	5. Kwandi umwirondoro mu buryo bworohere uwusoma guhita abona amakuru akeneye.
6. Kuba yasobanura inshoza ya Raporo aho ariho hose yayibarizwa	6. Kugaragaza amakuru y'ingenzi ajya muri raporo runaka	6. Gukora raporo yujuje ubuziranenge bitewe n'igikenewe



Ivumburamatsiko



Umwitoto wa 34:

Subiza ibibazo bikurikirara

1. Ku ifoto ibanziriza ino mbumbe murabonaho iki?
2. Ese kuki abo bantu mubonaho bitwaye mu buryo butandukanye?
3. Isuku bivuze iki, kandi isukura itandukaniye he n'isuku?

4. Kuki isuku ari ingenzi mu buzima bwa muntu?
5. Ni gute umuntu yakwitwara neza mu bijyanye n'isuku y'umubiri?
6. Kuki isukura ry'ibikoresho byo mu rugo ari ingenzi cyane?
7. Urumva tugiye kwiga irihe somo?

Isomo 4.1: Isesenguramwandiko ku nsanganyamatsiko ku kamaro k'isuku n'isukura



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitozo wa 35:

Soma bucece umwandiko ukurikira, ubundi usubize ibibazo bikurikiraho

Umwandiko: Isuku ni isoko y'ubuzima

Mu rwego rwo kwiteza imbere tunateza imbere igihugu cyacu, mu Rwanda hashyizweho abajyanama bubuzima ku nzego zose, bashinzwe gukangurira abaturage kugira isuku ku mibiri yabo: nko koga buri munsu, kwambara imyenda isukuye no kwitabira kwivuza igihe bafashwe nindwara. Abaturage bahuguriwe kurwanya malariya, batema ibihuru ahazengurutse, baryama mu nzitiramibu iteye umuti no kugira ubwisungane mu kwivuza. Nta buzima, nta terambere ryagerwaho. Abaturage bamaze kumenya ibyiza byisuku no kurwanya Malariya, none barabyitabiriye. Ubu bashoboye kwibumbira mu mashyirahamwe abateza imbere byumwihariko nigihe muri rusange. Intego ni imwe: Twite ku buzima, tugira isuku, turwanya Malariya, twiteza imbere.

Ikinyuranyo cyisuku Umwanda Ntukandarike ibintu aho ari ho hose! Burya uretse ibyo bisanzwe bigaragara nkumwanda; iyo ubuze itondeke aho uba, nabyo biba ari umwanda wakugayisha, ibyo kandi nta buzima bubivamo. Uwo ni umwanda mutindi. Ngaho sa nutekereza nko gusanga:

- Isogisi mu gafuka ka kawunga cyangwa ku gatanda bumukirizaho amasahani.
- Tuvuge se usanze uburoso bwamenyo, ubw inkweto byivanze n'ibiyiko n'amafurusheti.

- Tuvuge se yewe ko watoye urukweto wica umubu maze ugahita ururambika ku buriri, nko ku mashuka yawe yumweru!
- Tekereza se nko kubona uvuye mu bukwe maze ikoti ryawe ugahita urirambika ku isekuru ukikomereza ibindi.
- Wagira ngo ukubutse gusenga Bibiriya yawe ukayishyira ku mufuka wamakara!

Umwanda nkuyu ushingira ku kuba mu mutwe wawe nta tondeke ribamo. Nta muntu kandi wishimira kubana numeze atyo. Tunarebye kandi ibiri mu gisobanuro cya mbere cyahawe umwanda usanga ari akaga kabi. Cyono ngaho tekereza umuntu udakaraba, ntamese imyambaro ye, ntanaruhe yoza amenyo ye! Uyu muntu aba ateye ishozi. Uretse no gutera ishozi kandi aba anasubiza u Rwanda inyuma kuko ibi bintu nkubuhari, inda, amavunja, rubyi, ibimeme nibindi ni ibintu igihugu cyacu cyarenze kandi bidakwiriye no kongera kubona umwanya mu gihugu cyacu. Kandi nkuko bigaragara kandi bizwi no muri rubanda: ibyo bikomoka ku mwanda wumubiri nibiwukoreshwaho.

Si ibyo gusa ariko kuko hari numwanda ukwiriye kugenerwa igihano. Niba ucyituma ku gasozi, uwo wo si umwanda ufite ingaruka kuri nyirawo gusa. Ashwi da! Ejo imvura niramuka iguye uwo mwanda uzagenda imihanda yose. Uzanduza amasoko yamazi; bityo mu buryo buziguye nyirawo abe abaye intandaro yindwara zishobora kugera ku bantu nka korera, macinyamyambi, amibe nizindi kandi burya ntibyanapfa kwemera ko bikugiraho ingaruka mbi wenyine kuko burya iyo urwaye uhindukira umutwari abakurwaza maze ingaruka zikaba uruhererekane kugeza ku gihugu muri rusange. Uyu mwanda rero hamwe nundi ufitanye isano nawo ariko wenda tukaba tutawuvuze, ukwiriye kwirindwa kutajenjekewe kandi buri muntu ni umukangurambaga wa mugenzi we muri uru rugamba kugeza uranduwe uruhenu.

Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Kuki abajyanama b'ubuzima bashyizweho mu Rwanda, kandi ni izihe nshingano bafite?
2. Umwanditsi agaragaza izihe ngamba abaturage bafashwa gukurikiza mu kurwanya Malariya?
3. Ni izihe nyungu z'isuku zagarutseho mu mwandiko? Tanga byibuze ebyiri.
4. Umwanditsi asobanura gute “umwanda mutindi”? Tanga urugero rumwe rw'uyu mwanda.

5. Ni izihe ngaruka zikomeye umwanda ushobora gutera ku buzima bwa muntu n'igihugu muri rusange?
6. Umwanditsi yagaragaje umwihariko w'umwanda ufite ingaruka rusange ku bantu bose. Ni iki yibanzeho ku bijyanye n'ubwiherero butujuje ibisabwa?
7. Ni indwara zihe zituruka ku mwanda zagaragajwe mu mwandiko? Tanga byibuze eshatu.
8. Umwanditsi yatanze urugero ku bintu biba bigaragara nk'umwanda ushingiyeye ku mitekerereze. Ushobora gusobanura neza icyo yashatse kuvuga?
9. Kuki umwanditsi yemeza ko kwirinda umwanda bireba buri muntu?
10. Ni gute buri wese ashobora kuba "umukangurambaga wa mugenzi we" mu kurwanya umwanda nk'uko umwandiko ubivuga?

Ingingo z'ingenzi 4.1.: Iseenguramwandiko ku nsanganyamatsiko ku kamaro k'isuku n'isukura

• Inyunguramagambo

- ✓ **Isuku:** ni ibikorwa byose umuntu akora bigamije kurinda umubiri, ibikoresho, ibiribwa, ahantu, cyangwa ibindi bintu kuba byakwibasirwa n'umwanda cyangwa mikorobe zangiza ubuzima. Isuku ifatwa nk'isoko y'ubuzima kuko ituma umuntu arushaho kugira ubuzima buzira umuze, ikamurinda indwara ndetse ikanateza imbere imibereho myiza muri rusange.

Ingero z'isuku ni izi:

- **Isuku y'umubiri:** Koga buri munsu, gukaraba intoki n'amazi meza n'isabune, koza amenyo, no kwambara imyenda isukuye.
- **Isuku y'aho dutuye:** Gukubura, gutera umuti wica udusimba, gutema ibihuru, no kugena ahantu hateguwe neza ho kujugunya imyanda.
- **Isuku y'ibiribwa n'ibinyobwa:** Gukaraba intoki mbere yo guteka no kurya, noza imbuto n'imboga, no gutekesha ibikoresho bisukuye.
- **Isuku rusange:** Kugira ubwiherero busukuye, kwirinda kwituma mu gasozi, no kudateza umwanda aho uri hose.

Impugukirwa: Isuku ni umuco buri wese akwiye kugira ngo atange urugero rwiza kandi arinde ubuzima bwe ndetse n'ubw'abandi!

- ✓ **Malariya:** Malaria ni indwara iterwa na parazite yo mu bwoko bwa Plasmodium, ikwirakwizwa n'imibu y'igitsina gore yo mu bwoko bwa Anopheles ifite mikorobe ziteza iyo ndwara. Iyo mubu iruma umuntu, izo parazite zinjira mu maraso maze zigakwirakwira mu mubiri, zikibasira cyane cyane umwijima n'amaraso.

Ibimenyetso bya Malaria

- Umuriro ukabije (fever) uza mu byiciro.
- Kubira ibyuya no gukonja bikabije.
- Guhinda umuriro, kuribwa umutwe, no kunanirwa.
- Kubabara mu ngingo no mu misokoro.
- Kuruka, gucibwamo, no kuribwa mu nda (mu gihe bikomeye).
- Iyo idavuwe neza, malaria ishobora guteza ibibazo bikomeye birimo gucika intege, ubumuga bw'ubwonko, ndetse no gupfa, cyane cyane mu bana bato n'abagore batwite.

Uburyo bwo kuyirinda no kuyivura

- Kuryama mu nzitiramibu irimo umuti.
- Gukoresha imiti yica udukoko mu ngo no hafi y'aho abantu batuye.
- Gukoresha urukingo rwa malaria ahari ubushobozi.
- Gufata imiti ivura malaria vuba (cyane cyane imiti ishingiyeye kuri artemisinin).

Impugukirwa: Malaria ni ikibazo gikomeye cy'ubuzima ku isi, cyane cyane mu bice by'ubutayu bwa Sahara muri Afurika. Imbaraga nyinshi zishyirwa mu kuyirwanya harimo gukangurira abantu kugira isuku no kurwanya imibu ahantu hatuwe.

- ✓ **Umwanda:** Ni ikintu cyose cyangwa ikimenyetso cyerekana kutagira isuku, kikaba gishobora kwangiza ubuzima cyangwa gutera umubabaro ku mubiri cyangwa ku mibereho rusange.

- ✓ **Itondeke:** Risobanura gushyira ibintu mu buryo buboneye
- ✓ **Akaga:** Ni ijambo rikoreshwa mu Kinyarwanda risobanura ibintu cyangwa ibihe biteye ubwoba, ibyago, cyangwa ibihe bishobora gutera ingaruka mbi ku buzima cyangwa ku mibanire y'abantu
- ✓ **Ishozi:** Risobanura ahantu hahanamye cyangwa hakandagirwa, hatari isuku, hagaragaza imyanda cyangwa ibibatse, bigira ingaruka mbi ku isuku rusange n'ubuzima bw'abantu.
- ✓ **Amavunja:** Ni imbaragasa (udusimba) zinjira mu mubiri w' umuntu zigakuriramo, cyane zibasira ibirenge n'ibiganza zigaterwa n'umwanda.
- ✓ **Rubyi:** Ni indwara iterwa n'ikibazo cy'ubumara cyangwa umwanda ku mubiri, cyane cyane mu ngingo z'amaguru, amaboko cyangwa ibindi bice by'umubiri. Rubyi iterwa ahanini no kutagira isuku, bikaba bishobora gutera ikibazo cy'ubwandu bw'ibikomere, ibintu byangirika cyangwa amavuta ya ngingo.
- ✓ **Ibimeme:** Ni amagambo mu Kinyarwanda asobanura ibikomere cyangwa ibibyimba biboneka ku mubiri, cyane cyane byatewe n'umwanda cyangwa ibikorwa by'ubuhinzi. Byibasira hagati y'amano.
- ✓ **Macinyamyambi:** Ni indwara iterwa n'ubwandu bushobora guterwa n'ibibazo by' umwanda cyangwa ibikorwa bitubahirije isuku. Akenshi iterwa n'udukoko cyangwa ibyongera umwanda ku ngingo z'amaguru, amaboko cyangwa ibindi bice by'umubiri.

Ibimenyetso bya Macinyamyambi

- Ibimenyetso bya Macinyamyambi
- Kubabara cyane ku ngingo z'amaguru cyangwa amaboko
- Ibibyimba cyangwa impiswi bigaragara
- Gukomera cyangwa gutongana kw'ibice by'umubiri
- Imbabara cyangwa umwanda ku ruhu
- ✓ **Umukangurambaga:** Ni umuntu wese uba afite inshingano zo gushishikariza abantu ingamba z'urwego uru n'uru.yaba ari urwa Leta cyangwa urw'ikigo kigenga, ku nyigisho izi n'izi.



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 36:

1. Uzurisha amagambo akurikira mu nteruro aho aherereye uyaceho akarongo: **Itondeke, Macinyamyambi, Akaga, Amavunja, Umukangurambaga, Ishozi.**
 - a. Biragoye ko umuntu yabura kurwara.....igihe aba ahantu harangwa n'ivumbi hadakorerwa isuku byiyongeraho kuba adakaraba.
 - b. Nigakomeye gusanga akagari kose umubare munini ari urangwa n'umwanda.
 - c. Biba byiza kugira ry'ibikoresho mu nzu.
 - d. Byabaye ngombwa koazana ibyari ku ngingo y'ibygwa mbere yo gutanganga inyandiko mvugo y'inama y'ubushize.
 - e.ni indwara mbi kuko mu bimenyetso biyigaragaza hazamo gucibwamo ndetse no kuruka.
 - f. Mu by'ukuri biba biteye.....gusanga umuntu w'inkumi atazi kwipfuna.



Igikorwa cya 3: Umukorongiro



Umwitozo wa 37 :

Kora umwitozo ukurikira:

1. Mu matsinda muhimbe agakino kagomba kumara iminota icumi kagaragaza ingaruka z'umwanda zavuzwe mu mwandiko uri hejuru. Munagaragazemo ingamba zo guhangana na zo.

Isomo 4.2: Umwandiko ntekerezo



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitozo wa 38:

1. Subira ku mwandiko utangira ino mbumbe uwusome bucece.
 - a. Ese uyu mwandiko urabona ari umwe mu myandiko y'ubuvanganzo?
 - b. vuga ingingo z'uriya mwandiko nibura eshatu wasomyemo zaba iz'ingenzi cyangwa se iz'ingereka umubarankuru yagarutseho.
 - c. Ese urabona uriya mwandiko ari ubuhe bwoko bw'umwandiko?

Ingingo z'ingenzi 4.2: Umwandiko ntekerezo.

• Inshoza y'umwandiko ntekerezo

Umwandiko ntekerezo ni umwandiko muhimbano akenshi uvuga ibintu bisanzwe mu buzima. Umwandiko ntekerezo uvuga ku nsanganyamatsiko runaka. Uwandika umwandiko ntekerezo akenshi ahera ku byo abona, yumva cyangwa atekereza ko byabaho akabyandika ku buryo uzabisoma agira icyo yiyunguraho mu bumenyi.

Imyandiko ntekerezo bayita kandi “imyandiko isanzwe”. Yitwa imyandiko isanzwe mu rwego rwo kuyitandukanya n'indi myandiko y'ubuvanganzo nk'inkuru, imivugo n'iyindi. Imyandiko ntekerezo isa nk'imenesha amakuru y'ibiriho maze usoma akaba yabifata nk'ukuri cyangwa akabihakana. Nta keshamvugo rikunze kubamo; ahubwo imyandiko ntekerezo ikoresha imvugo isanzwe yumvikana itazimije.

Iyo usomye uyu mwandiko “**isuku ni isoko y'ubuzima**” usanga umwanditsi yarashakaga kuduha amakuru; ni umwandiko utubwira icyo isuku ari cyo, ukanadusobanurira ibibi by'umwanda n'inama z'uburyo bwo kuwurwanya. Ni umwandiko usanzwe rero. Mu yandi magambo ni umwandiko ntekerezo.

• Imbata y’umwandiko ntekerezo

Umwandiko ntekerezo ugira ibice bitatu by’ingenzi: intangiriro, igihimba n’umwanzuro ariko kandi ukaba ufite umutwe.

- ✓ **Umutwe** ni nk’ipfundo riba riri bupfundurwe mu mwandiko nyiri izina. Umutwe w’umwandiko ugomba kuba witaruye gato ibindi bice by’umwandiko bisigaye. Umutwe w’umwandiko ushobora kwandikwa mu nyuguti nkuru cyangwa mu nyuguti nto ariko ugacibwaho umurongo. Biba byiza cyane iyo umutwe ubaye mugufi. Ni ukuvuga ko uba wanditse mu murongo umwe cyangwa ibiri. Iyo irenze ishobora kwitiranywa n’igika cy’umwandiko.
- ✓ **Intangiriro:** Mu ntangiriro uwandika avuga muri make ibyo agiye kwandikaho. Intangiriro iba igizwe n’igika kimwe kandi kigufi.
- ✓ **Igihimba:** Mu gihimba uwandika avuga byimazeyo ibyo ashaka kuvuga ndetse agatanga n’ingero zifatika. Mu gihimba uwandika atondeka ibitekerezo bye neza ku buryo ubisoma yumva ibitekerezo biri ku murongo. Igihimba gishobora kugira ibika birenze kimwe bitewe n’ingingo uwandika ari butange cyangwa bitewe n’uburebure bw’umwandiko kwasabwe. ***Ingingo igomba kuba ifite yo ubwayo umutwe uyitangira, interuro zisobanura iyo ingingo zitandukanye, ikagira ingero zifatika ziyihamya ndetse ikagira interuro y’umwanzuro wayo.***
- ✓ **Umusozo:** Mu musozo uwandika avuga muri make yanzura ku byo yavuze mu ntangiriro no mu gihimba. Umusozo ntugomba gutandukira ibyavuzwe mu gihimba. Umusozo uba ugizwe n’igika kimwe kandi kigufi. Muri iki gice kandi ni ho uwandika ashobora kugaragaza uruhande abogamiyeho, byanaba ngombwa akagira inama atanga ku bimaze kuvugwaho.

• Intambwe z’ingenzi mu gukora umwandiko ntekerezo

Dore intambwe ngufi kandi zuzuzanya mu gukora umwandiko-ntekerezo:

- ✓ **Hitamo ingingo:** Shyira imbere ikibazo cyangwa ingingo wifuza gusesengura.

Urugero: “Uruhare rw’urubyiruko mu iterambere ry’igihugu.”

- ✓ **Tegura ibitekerezo:** Andika ibitekerezo by’ingenzi bigize umwandiko, ukoresheje ibimenyetso n’ingero bifatika.
- ✓ **Kora intangiriro:** Tangiza amagambo afata abasomyi, usobanure icyo umwandiko uzibandaho kandi usugire ikibazo nyamukuru.
- ✓ **Guteza imbere umubiri w’umwandiko(igihimba):** Sukura ibitekerezo byawe ukurikije ingingo nyamukuru (buri gitekerezo gishyigikirwe n’urugero cyangwa igisobanuro).
- ✓ **Soza umwandiko:** Subiza intego nyamukuru, ugire umwanzuro ushimangira ibitekerezo byawe. Shishikariza umusomyi kugira icyo akora cyangwa gutekereza.
- ✓ **Suzuma umwandiko:** Hindura ahari amakosa, unonosore inyandiko kugira ngo ibe isukuye kandi isobanutse.

✓ **Imbata y’umwandiko ntekerezo**

Umwandiko ntekerezo ugira ibice bitatu by’ingenzi: intangiriro, igihimba n’umwanzuro ariko kandi ukaba ufite umutwe.

✓ **Dore imiterere y’umwandiko ntekerezo ku rupapuro**

- 1.....
- 2.....
- 3.....
-
- 4.....
-

- **Urugero rw'umwandiko ntekerezo**

Umwandiko: Uruhare rw'urubyiruko mu bukungurambaga bw'isuku mu muryango nyarwanda

Urubyiruko rufite uruhare rukomeye mu iterambere ry'igihugu, kandi mu bijyanye n'isuku, uru rubyiruko rushobora kugira ingaruka nziza mu guhindura imyumvire y'abaturage ku isuku n'ubuzima. Kubera ubushobozi n'imbaraga bifite, urubyiruko rufite ubushobozi bwo kwigisha abandi, guhindura imyumvire no kugira uruhare mu bikorwa by'isuku muri gahunda zitandukanye.

Icyamba mbere ni ugukangurira abaturage kugira isuku ku mubiri n'ibikoresho byo mu rugo Urubyiruko rufite imbaraga mu gukangurira abandi kumenya akamaro ko kugira isuku ku mubiri, harimo koga buri muni, kwambara imyenda isukuye, no gukoresha ibikoresho byo mu rugo mu buryo bwiza. Kuho urubyiruko rusanze rufite ubumenyi bw'ikoranabuhanga, bashobora gukoresha imbuga nkoranyambaga mu gutanga ubutumwa bw'ingenzi ku isuku, bugera ku bantu benshi kandi bugatera imbere.

Ikindi ni ukurwanya umwanda mu muryango no kubungabunga ibidukikije Urubyiruko rushobora gufasha gukumira umwanda no kubungabunga ibidukikije mu muryango. Bashobora kuba abakungurambaga mu gushyira mu bikorwa gahunda nk'igikorwa cyo gutunganya imihanda, gutema ibihuru no gutegura ahantu habereye kubika imyanda. Ibi bikorwa bigira uruhare mu kurwanya isuri no kugira ubuzima bwiza.

Byongeye kandi rufite uruhare mu kubaka ubwiherero bwiza no kubungabunga amazi meza Urubyiruko rushobora gufasha mu gutanga ibitekerezo no gukora ibikorwa byo kubaka ubwiherero bubereye umuryango nyarwanda. Bafasha abaturage gusobanukirwa n'akamaro ko kugira ubwiherero bwiza kandi bakabigiramo uruhare mu kubiteza imbere, bakanatanga ubufasha mu kubungabunga amasoko y'amazi meza.

Muri rusange, urubwiruko ni urufunguzo mu iterambere ry'isuku mu muryango nyarwanda. Bafite ubushobozi bwo guhindura imyumvire y'abaturage, guharanira ibikorwa bifasha mu kubungabunga ibidukikije no gufasha mu kubaka ubwiherero bwiza. Gukangurira urubwiruko kugira uruhare mu bukangurambaga bw'isuku bizatuma igihugu kigera ku ntego yo kubaho mu buzima bwiza, birusheho gutera imbere. Gushyira imbere isuku ni intambwe ikomeye mu kurwanya indwara, kubungabunga ibidukikije no guteza imbere imibereho myiza y'abaturage. Ibi bizafasha u Rwanda kugera ku ntego y'imibereho myiza ndetse no ku bukungu buhamye.



Igikorwa cya 2 : Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 39:

1. Soma umwandiko “Uruhare rw'urubwiruko mu bukangurambaga bw'isuku mu muryango nyarwanda” wanditswe hejuru nurangiza usubize ibi bibazo.
 - a. Ni gute urubwiruko rwafasha gukangurira abandi kugira isuku ku mubiri no ku bikoresho byo mu rugo?
 - b. Ni izihe ngamba urubwiruko rushobora gufata mu kurwanya umwanda mu muryango nyarwanda?
 - c. Kuki kubungabunga ibidukikije ari ngombwa ku rubwiruko mu muryango nyarwanda?
 - d. Urubwiruko rufite uruhe ruhare mu kubaka ubwiherero bwiza no kubungabunga amazi meza?
 - e. Ni gute urubwiruko rufasha guhindura imyumvire y'abaturage ku isuku?
 - f. Ni izihe nzira urubwiruko rwakoresha mu gukangurira abandi kugira isuku?
 - g. Uruhare rw'urubwiruko mu bikorwa byo kubungabunga amazi meza ni uruhe?
 - h. Ni izihe ngaruka urubwiruko rushobora kugeraho mu bikorwa byo guteza imbere isuku mu muryango?
 - i. Vuga ingingo ebyiri ebyiri z'ingenzi n'iz'ingereka dusanga muri uyu mwandika

2. Ushingiye ku bumenyi wungutse muri ino nyigisho subiza ibibazo bikurikira

- a. Iyo bavuze umwandiko ntekerezo wumva iki?
- b. Vuga uturango tw’umwandiko ntekerezo tugaragara mu mbata y’imyandikire yawo.
- c. Ese ni ibihe bintu by’ingenzi utekereza biba biri muri buri ngingo imwe iba iri mu mwandiko ntekerezo?



Igikorwa cya 3: Umukoro ngiro



Umwitozo wa 40:

Hanga umwandiko ntekerezo ku nsanganyamatsiko ku byiza by’isuku no kwirinda indwara ziterwa n’umwanda. Ntuge muni y’amagambo magana abiri kandi nturenze amagambo magana atatu . Uvuge ku ngingo eshanu.

Isomo 4.3: Itangazo



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by’ibibazo



Umwitozo wa 41:

Soma ino nyandiko usubize ibibazo biyikurikira

Mu rwego rwo kunoza imiyoborere myiza mu Murenge wa Gitaha, ubuyobozi bw’Umurenge wa Gitaha bunejejwe no kumenyesha abayobozi b’imidugudu bose bo mu Murenge wa Gitaha ko batumiwe mu nama nyunguranabitekerezo yo kurebera hamwe ikigero abaturage bagezeho mu bukangurambaga bw’isuku ku mubiri n’aho dutuye izaba ku Cyumweru tariki ya 25/01/2015, saa tatu za mu gitondo (09h00). Kuza kwanyu ni inkunga ikomeye mu kwita ku buzima bw’abo muyobora.

Bikorewe i Gitaha ku wa 20/01/2015

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gitaha

1. Ese ukurikije ubutumwa buri muri iyi nyandiko urabona amakuru yose yari akenewe n'abo yari agenewe yaba nibura ahagije?
2. Ugarutse kuri iyi nyandiko hamwe n'ubushishozi, urasanga ari ubuhe bwoko?

Ingingo z'ingenzi 4.3. Itangazo

• Inshoza y'itangazo

Ni uburyo bwo kumenyesha amakuru, ibitekerezo, cyangwa ubutumwa runaka mu buryo bwanditse cyangwa bwumvikana, hagamijwe gukangurira abantu, kubagira inama, cyangwa kubereka icyo babwiye gikwiwe gukora cyangwa kumenya.

Urugero nk' iyo banki zambuwe cyangwa se ibindi bigo biciriritse by'imari bihemukiwe na ba bihemu bakambura inguzanyo hatangazwa amatangazo, aba ba bihemu bagashyikirizwa inkiko batsindwa ibyabo bigatezwa cyamunara. Iyo hari imitungo izagurishwa abahesha b'inkiko b'umwuga batanga amatangazo bahamagarira abaturage

kuzaza kwigurira. Bibaho kandi ko iyo umuryango watakaje umuntu atambutsa

itangazo mu bitangazamakuru cyangwa kuri radiyo bahamagarira abantu gutabara umuryango wagize ibyago.

Itangazo rero ni inyandiko irimo ubutumwa bamanika ahantu, buca mu kinyamakuru cyangwa kuri radiyo kugira ngo bumenyekane hagamijwe kwamamaza, kurangisha cyangwa kumenyesha.

• Intumbero nyamukuru ni ugutanga amakuru cyangwa gutanga ubutumwa burimo:

- ✓ **Kumenyesha amakuru:** (Urugero: Itangazo ry'ubukangurambaga cyangwa ry'ibikorwa by'igihugu)
- ✓ **Gukangurira abantu:** (Urugero: Itangazo ry'imyitwarire myiza, kurwanya ibiyobyabwenge, isuku, n'ibindi.)

✓ **Kuvuga ibitekerezo cyangwa inshingano:** (Urugero: Gutanga gahunda y'uburezi cyangwa gahunda y'iterambere.)

✓ **Guhamagarira abantu gukora ibikorwa:** (Urugero: Itangazo rishishikariza urubyiruko gufata iya mbere mu bikorwa by'ubukungu.)

• Imbata y'itangazo

✓ **Ibintu by'ingenzi bitagomba kubura mu itangazo ni ibi bikurikira:**

1. **Izina ry'umwanditsi cyangwa ikigo:** Iri zina rigaragaza uwatanze itangazo cyangwa ikigo gitanga amakuru.
2. **Icyo itangazo rigamije:** Mu itangazo, hagomba kugaragazwa icyo rigamije cyangwa ikibazo kivugwa, bikaba byerekana impamvu itangazo ritangwa.
3. **Igihe n'aho itangazo riturutse:** Bivugwa igihe itangazo ryashyizweho n'aho ryaturutse cyangwa riturutse. Iki ni ingenzi kugira ngo abantu bamenye igihe cyo kwakira amakuru n'igihe ibisabwa na ryo bizubahirizwa.
4. **Ibyo abasomyi basabwa gukora:** Ibi ni ibikorwa cyangwa amabwiriza basabwa kugendera ho cyangwa gukora, bishobora kuba gutanga ibisobanuro, kwitabira ibikorwa, cyangwa kuzana ibisubizo.
5. **Icyemezo cyangwa umurongo w'inyandiko:** Iyo itangazo rirangiye, harashyirwaho umwanzuro cyangwa umurongo uhamye w'icyemezo cyangwa amabwiriza. Ibi ni icyemezo umwanditsi yashyizeho.

• Amoko y'amatangazo n'ingeri zayo

Amatangazo arimo amoko anyuranye: amatangazo yo kubika, amatangazo yo kumenyesha, amatangazo yo kwamamaza, amatangazo yo kurangisha n'ubutumire.

✓ **Amatangazo yo kubika**

Amatangazo yo kubika ni amatangazo atabaza agamije kumenyesha abantu ko hari umuntu witabye Imana akanavugira igihe azashyirurirwa.

Urugero:

Itangazo ryo kubika

Umuryango wa MPORANYI Claudien ubarizwa mu Murenge wa Gashenyi uramenyesha inshuti n’ abavandimwe ko umubyeyi wabo KANAMUGIRE Roger wari urwariye mu bitaro bikuru bya Kinihira yitabye Imana none Ku wa gatatu tariki ya 23/7/2025. Bimenyeshejwe inshuti n’ abavandimwe batuye mu murenge wa Gishamvu, abakirisitu basengana na nyakwigendera muri paruwasi ya Mukingo n’ abo bakoranaga ku bitaro bya Munini. Itariki yo gushyingura ni Ku wa gatandatu tariki ya 26/7/2025. Inshuti n’ abavandimwe bihutire gutabara Bikorewe Gashwi ku wa 24/07/2025

✓ Amatagmngazo yo kumenyesha

Amatagmngazo yo kumenyesha ni amatangazo amenyesha abayumva amakuru atandukanye nk’inama, akazi, isoko ry’ibintu, cyamunara...

Urugero:

Itangazo ryo kumenyesha

Mu rwego rwo kwizihiza icyumweru cyahariwe ubuzima kizatangira ku wa 12 kugeza ku wa 15/8 mumwaka wa 2025 ,Ubuyobozi bw’Umurenge wa Gasenyi bunejwe no kumenyesha abaturage bose bo mu Murenge wa Gasenyi ko batumiwe mu gikorwa cyo kwipimisha ku bushake indwara ya Sida kizabera mu busitani bw’ uwo umurenge. Iki gikorwa cyateguwe ku bufatanye bwa Minisiteri y’ ubuzima n’ umuryango utabara imbabare Croix-rouge. Muri ki cyumweru cyahariwe ubuzima, iki

gikorwa kizajya gitangira saa mbiri z' igitondo gisoze saa kumi n' imwe z'umugoroba. Abaturage basabwe kwitabira kuko burya amagara araseseka ntayorwa.

Bikorewe i Gitaha ku wa 25/07/2025

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gasenyi.

✓ **Amatangazo yo kwamamaza**

Amatangazo yo kwamamaza ni amatangazo atangwa agamije kwamamaza ibikorwa by'umuntu ku giti ke, by'ishyirahamwe, by'inganda, amashuri, kugira ngo bimenyekane bibone ababigana mu buryo bwo kubiteza imbere.

Urugero:

Itangazo ryo kwamamaza

Uruganda rukora amasabune ruherereye mu cyanya k' inganda i Masoro ruramenyesha abantu bose ko rubafitiye amasabune ya "Urakeye" y' ubwoko bwose: ay' amazi, ay' ifu n' ay' imiti ku ngano yose wakwifuzza. Ayo masabune murayasanga mu masoko hose, mu maduka no ku ruganda. Ushaka kurangura cyangwa utwara byinshi turagutwaza tukakugeza iwawe.

Gana uruganda rw' amasabune "Urakeye" uce ukubiri n' umwanda.

✓ **Amatangazo yo kurangisha**

Amatangazo yo kurangisha ni amatangazo atangwa igihe umuntu yatakaje ikintu, yabuze umuntu kugira ngo ababimuboneye babimuhe cyangwa yatoye ibintu kugira ngo nyirabyo abashe kubibona.

Urugero:

Itangazo ryo kurangisha

Nzirorera Jemus utuye mu murenge wa Kinyoni ararangisha ibyangombwa bye yabuze ku wa mbere tariki ya 01/03/2025, saa tatu za mu gitondo (09h00).

Ibyo byangobwa byaburiye mu mu muhanda Kigali- Butare. Bikaba ari ikarita ndangamuntu, uruhushya rwo gutwara imoboka n'uruhushya rwo kujya mu mahanga. Uwabibona yabimugereza ku buyobozi bw' umurenge wa Kinyoni

cyangwa agahamagara kuri izi numero za telefoni 078.....akazahabwa ibihembo bishimishije.

Bikorewe Kinyoni ku wa 03/03/2025

Amatangazo atumira/ubutumire

Ubutumire ni inyandiko ngufi itumira umuntu cyangwa abantu kwitabira umunsi mukuru runaka. Bene izi nyandiko twazigereranya n'amabaruwa y'ubucuti nubwo zo zidakurikiza imiterere y'ayo mabaruwa. Ubutumire bukoreshwa mu minsi mikuru inyuranye nko gushyingirwa, kubatirisha, kwizihiza isabukuru runaka, gutaha igikorwa runaka, gusangira ku meza, kwishimira kugera ku gikorwa runaka nko gufata impamyabumenyi...

Ubutumire burangwa n'imiterere yabwo yo kuba hagaragaramo ibintu by'ingenzi bikurikira:

- Umutwe w'ubutumire
- Amazina y'utumira,
- Utumirwa,
- Igikorwa umutumiramo,
- Aho igikorwa kizabera.
- Umunsi n'isaha kizaberaho

Urugero



"Ubonye umugore mwiza aba abonye ikintu cyiza, akaba agize umugisha ahawe n'Uwitaka (Imigani 18:22)

Umuryango wa **MWUNYANEZA Alphred** n'uwa **RUREMA William** Yishimiye kubatumira mu bukwbw'abana babo :

TUYISHI Emma



NIYO Lean

Buzaba tariki ya 11/01/2025

Saa 09h 00' : Gusaba no gukwa bizabera muri **Salle yitiriwe nyina wa Jambo I Rususa**

Saa 14h00' : Gusezerana imbere y'Imana mu **Rusengeri ADEPR Ngororero**

Nyuma y'iyi mihango abatumiwe bazakirirwa muri **Salle yitiriwe nyina wa Jambo I Rususa**

Kwifatanya natwe Bizadushimisha !!

T.Emma
078066

Con



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 42:

Subiza ibibazo bikurikira

- Iyo bavuze itangazo baba bavuze iki?
- Rondora ibintu by'ingenzi bitagomba kubura mu itangazo
- Tandukanya amoko y'amatangazo wifashishije ibisobanuro byayo
- Tumira abanyeshuri mwigana kugira ngo bazitabire isabukuru yawe y'amavuko.



Igikorwa cya 3: Umukorongi



Umwitozo wa 43:

Kora umwitozo ukurikira:

1. Andika amatangazo akurikira wubahiriza imiterere yayo:

- Itangazo ryo kubika
- Itangazo ryo kumenyesha

Isomo 4.4: Ibaruwa



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitozo wa 44:

1. Ni ubuhe buryo bunyuranye bukoreshwa igihe ukeneye kugira umuntu mutari kumwe uha amakuru?
2. Usibye se kumuhamagara kuri telefoni, no kumutumaho undi muntu cyangwa kubinyuza mu itangazo, hari ubundi buryo waba uzi? (yego cyangwa oya)
3. Usibye se uburyo bw'inyandiko twabonye mu musaruro w'inyigisho wabanje, indi nyandiko ishoboka ubutumwa bwanyuramo ni iyihe?
4. Ushingiye ku gisubizo utanze cy'ibaruwa sobanurira bagenzi bawe batayizi ibaruwa icyo ari cyo.

Ingingo z'ingenzi 4.4.: Ibaruwa

• Inshoza y'ibaruwa

Ibaruwa ni inyandiko yandikwa igamiye gutumanaho hagati y'abantu babiri cyangwa benshi. Ishobora kuba ifite intego zitandukanye nko gusuhuzanya(intashyo)gusaba akazi, kugaragaza ibitekerezo cyangwa kubika amakuru.

• **Ubwoko bw'amabaruwa, imbata ndetse n'ingero zayo**

- Ibaruwa bwite(isanszwe)
- Ibaruwa y'ubuyobozi

✓ **Ibaruwa bwite (isanszwe)**

Ni ibaruwa ijyanwa ku muntu runaka nko ku nshuti cyangwa umuryango

🚩 **Imbata y'ibaruwa bwite(isanzwe)**

Ibaruwa isanzwe cyangwa se ibaruwa bwite igira ibice bikurikira:

- Umutwe w'ibaruwa: umutwe ni igice kigaragamo umwirondoro n'itariki
- Impamvu y'ibaruwa
- Igihimba: kigaragamo amakuru ahagije ku mpamvu y'ibaruwa
- Umusozo: ugaragamo icyemezo cy'uwanditse ibaruwa ndetse no gusezera.

Impugukirwa: Ibaruwa bwite uretse kuba ifite umwirondoro uhagije nta myandikire yihariye igira.

🚩 **Urugero rw'ibaruwa bwite.**

SIMPUNGA D. Chris

Gatsibo kuwa 26 ukuboza 2024

Akarere ka gatsibo

Umurenge wa muhura

Telefoni:078926494

Ku nshuti yanjye Nkunda Habumugisha Nelson

Impamvu: Gutegura umuhuro.

Nshuti yanjye mbere na mbere mu bwuzu bwinshi mbanje kubasuhuza mu izina ry'umwami wacu. Imyaka imaze kuba ine tutabonana kuva mu mwaka wa 2020 gusa nizere ko umeze neza kuko mperuka

duhurira mu matora y'umukuru w'igihugu Kibagabaga kuri Kigali Christian School yabaye kuwa 15 Kanama twahuje amaso ariko uburyo ntibwakunda ko dusuhuzanya bitewe n'inshingano

Hamwe rero n'inshuti yacu N. Sadi, twatekereje ko mbere y'uko ubukwe bw'umuvandimwe N.Leandre buba twifuje ko twahura ku itariki ya 29/Ukuboza/2024 watubwirira B.Marc na K.Freedom na Leandre tugahurira ahantu hamwe tuzemeza mu mugwi wa Kigali hanyuma tugategura icyo twakora ku bukwe bw'umuvandimwe wacu Leandre buri mu kwezi kwa mbere muri 2025 ikindi kandi tukifurizanya umwaka mushya muhire turi kumwe nk'uko twabanye mu myaka ine ishize.

Reka nsubikire aha ahubwo mukomeze kubitekerezaho muzatumenyesha nyuma yuko mubihuriza hamwe, nasozza ngusaba ko waza kunsuhuriza izo nshuti ndetse n'umuryango ubwo ibindi ni kuri uwo munsu.

Nimugire amahoro

SIMPUNGA D. Chris

Ibaruwa y'ubuyobozi

Ibaruwa y'ubutegetsi ni urwandiko rwandikwa cyangwa rukoherezwa n'umuntu urwego cyangwa ikigo gifite inshingano z'ubuyobozi. Iyi baruwa iba ifite intego yo gutanga amakuru, amabwiriza cyangwa ibisobanuro ku bibazo bijyanye n'ubuyobozi.

✓ Ibiranga ibaruwa y'ubuyobozi.

1. **Ikirangantego:** akenshi iba ifite ikirangantego cy'ikigo cyangwa urwego yaturutseho.
2. **Amakuru y'umwanditsi:** iba ifite amazina n'aho yandikiwe (urwego cyangwa ikigo gikora ubutumwa)

3. **Itariki:** igaragaza igihe yandikiwe
4. Umugambi/impamvu
5. **Ururimi rukoresha:** ibyanditswe bigomba kuba biri mu rurimi rwumvikana ruciye mu buryo kandi bwemewe mu rwego rw'ubuyobozi
6. **Umukono n'icyemezo:** umuyobozi/ umuntu ufite ububasha ni we usinya agashyiraho n'ikimenyetso cyangwa icyemezo.

✓ **Gusesengura ibaruwa y'ubuyobozi.**

Ibice by'ibaruwa y'ubuyobozi

- **Aderesi y'uwandika:** Aderesi y'uwandika yandikwa hejuru mu ruhande rw'imoso y'urupapuro. Uwandika agaragaza aderesi y'aho yanditse ari kugira ngo nasubizwa igisubizo kizabone aho cyoherezwa.
- **Ahantu n'itariki:** Ahantu n'itariki byandikwa hejuru mu ruhande rw'iburyo. Uwandika agaragaza aho yanditse ari, agashyiraho akitso hanyuma agakurikizaho itariki yandikiyeho. Ahantu n'itariki byandikwa biringaniye n'aderesi y'uwandika.
- **Izina ry'icyubahiro n'inshingano by'uwandikiwe:** Begera hepfo gato ya aderesi y'uwandika, bakambukiranya urupapuro bagana iburyo, bagapimanya muni y'aho ahantu n'itariki byatangiriye, akaba ariho bandika izina ry'icyubahiro n'inshingano by'uwandikirwa.
- **Binyujijwe:** Begera hepfo gato y'izina ry'inshingano by'uwandikiwe.
- **Impamvu:** Begera hepfo gato y'aho banditse izina ry'icyubahiro n'inshingano by'uwandikiwe, bakagaruka ibumoso, bagapimanya muni y'aho aderesi y'uwandika yatangiye, akaba ariho handikwa ijamba impamvu. Ijamba impamvu rigomba buri gihe kuba rikurikiwe n'utudomo tubiri kandi riciweho akarongo. Mu kwandika impamvu nyiri izina, uwandika agomba kwirinda gukoresha interuro ndende ishobora kwambukiranya ikagera muni y'izina ry'uwandikiwe n'inshingano ze. Ni byiza ko akoresha interuro ngufi ndetse byaruta yanditse mu mirongo ibiri ariko itambukiranyije urupapuro.
- **Urwego rw'ubuyobozi rw'uwandikiwe:** Urwego rw'ubuyobozi rw'uwandikiwe rwandikwa hepfo gato y'impamvu ariko bambukiranyije urupapuro, bagapimanya aho ahantu n'itariki, izina ry'icyubahiro n'inshingano by'uwandikiwe byatangiriye, akaba ari ho bandika urwego rw'ubuyobozi rw'uwandikiwe kandi buri gihe hashyirwaho akitso.

- **Ibaruwa nyirizina:** Igizwe n'ibice bitatu ari byo:
- **Intangiriro y'ibaruwa:** Aho ibaruwa itangirira n'ubundi ni ugupimanya munsu y'ahatangiriye ahantu n'itariki, izina ry'icyubahiro n'inshingano by'uwandikiwe ndetse n'urwego rw'ubuyobozi, akaba ariho ibaruwa itangirira. Mu ntangiriro uwandika, akomoza gato ku mpamvu imuteye kwandika.
- **Igihimba k'ibaruwa:** Igihimba na cyo gitangirira aho ibindi bice biba byatangiriye munsu gato y'intangiriro. Mu gihimba uwandika yandika mu buryo burambuye ibitekerezo bye, akirinda kurondogora no gukoresha amagambo agaragaza amarangaMutima, ahubwo akandika agusha ku ntego.
- **Umusozo w'ibaruwa:** Umusozo w'ibaruwa y'ubuyobozi na wo utangirira munsu gato y'aho ibindi bice biba byatangiriye, kandi ukandikwa hakoreshejwe amagambo make.
- **Amazina n'umukono by'uwandika:** Munsu y'umusozo uwandika, yongerera kugaragaza amazina ye ndetse agashyira umukono ku ibaruwa yanditse.
- **Bimenyeshejwe:** Begera hasi gato y'amazina y'uwanditse ariko aharinganiye n'aho impamvu yatangiriye.

Impugukirwa: Binyujijwe na bimenyeshejwe bikoreshewa rimwe na rimwe igihe bibaye ngombwa

✓ Inama zigirwa uwandika ibaruwa y'ubuyobozi

Ibaruwa y'ubuyobozi ni ibaruwa yandikanwa ubwitonzi kuko uburyo yanditse bihesha agaciro nyiri ukuyandika bityo n'ibyifuzo bye bikaba byakoroha kubahirizwa cyangwa bikagorana kubifataho ikemezo kubera uko iyo baruwa iteye.

Dore ibigomba kwitonderwa:

1. Uwandika, agomba kubahiriza imbata y'ibaruwa y'ubuyobozi. Ibice byose ni ngombwa ko bibonekamo. Iyo uwandika agiye kwandika ibaruwa y'ubuyobozi, agomba kumenya uwo yandikira, bitewe n'impamvu agiye kwandika.
2. Uwandika agomba kugira ikinyabupfura, akubaha uwo yandikira. Uwandika agomba koroshya amagambo, agasobanura ibyo yandika mu kinyabupfura.
3. Uwandika agomba kwirinda kurondogora, akandika ibiri ngombwa gusa, arasa ku ntego.

4. Uwandika agomba kwirinda gusiribanga, akandika ibaruwa ifite isuku.
5. Mu ntangiriro y'ibaruwa, shyiramo ikiguteye kwandika. Tangira ugira uti :
 “Nejewe no kubandikira iyi baruwa ngira ngo ...”. Mu gihimba k'ibaruwa, sobanura neza impamvu wanditse, n'igituma wumva ibyemezo byafatwa, byahuza n'ibyifuzo byawe. Niba hari impapuro zarushaho kumvikanisha igitekerezo cyawe uzivuge, kandi buri rupapuro wavuze mu ibaruwa uze kurushyira ku mugereka w'ibaruwa. Mu musozo w'ibaruwa, shimira uwo wandikiye.
6. Iyo ibaruwa ishyizwe mu ibahasha, inyuma ushyiraho izina ry'icyubahiro n'inshingano by'uwo wandikiye. Ntabwo ushyiraho izina rye bwite.

Imbata y'ibaruwa y'ubuyobozi

1.umwirondoro

w'uwandika

.....

2.Aho aherereye n'itariki

3. Umwirondoro w'uwo yandikiwe

4.Binyujijwe

5.Impamvu

6.Nyakubahwa.....

.....,

7.a. Tunejejwe/Tubabajwe,.....

.....

7.b.Muby'ukuri.....

.....

7.c ku bw'ibyo/twasozatu.....

.....
.....
.....

8.Amazina n'umukono by'uwandika

9.Bimenyeshejwe.

 Amoko y'ibaruwa z'ubuyobozi

- Ibaruwa isaba akazi
- Hamagara
- Ibaruwa itanga akazi
- Ibaruwa isaba ibisobanuro
- Ibaruwa isaba uruhushya
- Ibaruwa isezerara umuntu mu kazi

 Urugero rw'abaruwa y'ubuyobozi

Urugero (a)

Habineza saidi

Gatsibo kuwa 22 Mutarama 2025

Intara y'Uburasirazuba

Akarere ka Gatsibo

Umurenge wa Remera

Akagari ka Bukinanyana

Bwana Muyobozi w'Umurenge wa Remera

Binyujijwe kuri Perezida w'inama
nnyanama y'Umurenge wa Remera



Impamvu: Gusaba Umuganda rusange

Bwana Muyobozi,

Tunejewe no kubandikira ino baruwa tubamenyesha ko twifuje ko mwazaduha Umuganda rusange ku rwego rw'umurenge wo kubakira abatishoboye ubwiherero kuko biragaragara ko umwanda ukomeza kwiyongera umunsi ku wundi uko tugenda dutinda kubikora

Mu by'ukuri muyobozi dushingiye kuri Raporo mwadusabye ubushize y'abaturage badafite ubwiherero bukwiriye, igaragaza ko umubare munini w'abaturage batishoboye nta bwiherero bwiza bafite. Ni yo mpamvu kugeza ubu biri gutera icyorezo cya Tifoyide kuko imibare duherutse guhabwa n'umuyobozi w'ivuriro igaragaza ko tifoyide n'inzoka abaturage nyobora barwaye n'ubundi abiganjemo ni ababaruwe badafite ubwiherero bukwiriye

Bityo rero Muyobozi, mwadufasha mukaduha Umuganda w'abaturage bose b'umurenge muri iki cyumweru cyahariwe ubukangurambaga bw'isuku n'isukura.

Mbaye mbashimiye

Murakoze

HABINEZA Saidi



Urugero (b)

Repuburika y'u Rwanda

Gitaha, ku wa 12/2/2019

Umurenge wa Gitaha

Akarere ka Mukoto

Intara ya Bukinanyana

Agasanduku k'amabaruwa 78 Mukoto

Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari k' Amahoro

Agasanduku k'amabaruwa 11

Mukoto

Impamvu: Gushyira mu bikorwa gahunda ya Gira inka Munyarwanda.

Bwana Munyamabanga,

Nejejwe no kukwandikira iyi baruwa ngira ngo ngusabe gufasha umuturage MUGEMANA ubarizwa mu Kagari k' Amahoro ubereye Umuyobozi, kubona inka yagombaga guhabwa muri gahunda ya Gira inka Munyarwanda.

Mu by'ukuri, Bwana Muyobozi, uko uyu muturage abigaragaza ni we watoranyijwe n'inteko y'umudugudu we ngo azahabwe inka muri gahunda ya Gira inka Munyarwanda. Nyamara bigaragara ko atayihawe. None rero ugomba gukurikirana icyo kibazo, iyo nka yahawe NIYIGENA Peninah utaragombaga kuyihabwa, ikagaruka, igahabwa kandi n'abayobozi babigizemo uruhare bakabihanirwa.

Ndagusaba ko uzankorera raporo y'uko iki kibazo cyakemuwe bidatinze kandi uzabikorane ubushishozi.

KAMANZI Charnaud

Umunyamabanga Nshingwabikorwa
w'Umurenge wa Gitaha



Bimenyeshejwe:

- Umuyobozi w'Akarere ka Mukoto
- Umuyobozi w'Intara ya Bukinanyana
- Ushinzwe umutekano mu Ntara ya Bukinanyana



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 45:

1. Sobanura ibaruwa muri rusange icyo ari cyo.
2. Gereranya ibaruwa y'ubuyobozi n'ibaruwa bwite wifashishije ingingo ebyiri
3. Vuga ibintu dusanga mu mbata y'ibaruwa y'ubuyobozi
4. Andikira inshuti yawe uyimenyesha igihe uzagiriraho isabukuru y'amavuko uyisabe kuzagutegurira uwo munsu mu buryo bwo kwakira abazawitabira.



Igikorwa cya 3: Umukorongiro



Umwitozo wa 46:

1. Ni izihe nama nibura eshanu zo kwitonderwa wagira umuntu ugiye kwandika ibaruwa y'ubuyobozi?
2. Ese igihe urangije kwandika ibaruwa isanzwe ni ngombwa cyane gusinya?
3. Nk'umwe mu banyeshuri bahagarariye abandi ushinze isuku mu kigo tekereza ko warangije kwiga, wandikire umuyobozi w'akarere utuyemo umusabe akazi k'ubujyanama bw'ubuzima muri ako karere muri iyi baruwa unagaragazemo ko wari ushinze isuku mu kigo wigagamo, rero ubumenyi wahakuye bwagufasha kunoza inshingano z'akazi urimo gusaba

Isomo 4.5: Umwirondoro



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitozo wa 47:

1. Nk'uko twabibonye mu isomo ryabanje hari igihe bisaba gusaba akazi ubanje kwandika ibaruwa. Ese ibaruwa gusa iba ihagije ngo umukoresha akuboneho amakuru? Subiza na **Yego** cyangwa **oya**
2. Ni ikihe cyangombwa kigaragariza umukoresha amakuru ahagije giherekeza ibaruwa?

Ingingo z'ingenzi 4.5.: Umwirondoro

• Inshoza y'umwirondoro

Umwirondoro ni inyandiko yereka umukoresha ishusho y'umukozi akeneye. Mu buzima busanzwe ari na byo bimenyerewe cyane, umwirondoro ukunze gusabwa n'umuntu wese ushaka gutanga akazi. Bityo mu byangombwa yaka ushaka gupiganirwa uwo mwanya haba harimo n'umwirondoro we. Umwirondoro kandi ushobora kuba ngombwa iyo umuntu asaba ishuri runaka ngo akomerezemo amasomo ye.

• Uturango tw'umwirondoro

- ✓ Wanditse ku rupapuro rwiza nta n'amakosa y'ururimi arimo.
- ✓ Wuzuye kuko uwusaba akeneye amakuru yuzuye kugira ngo arusheho
- ✓ kumenya nyiri umwirondoro niba hari ikiburamo ntibizamutere igihe agishakisha.
- ✓ Usomeka neza wanditswe mu nteruro ngufi.
- ✓ Uvuga ukuri. Ukora umwirondoro ntagomba kugira icyo yibagirwa cyangwa
- ✓ ngo ashyiremo ibidasobanutse cyangwa ibihimbano.
- ✓ Ugomba kuba ugenewe koko abo wandikiwe niba ari aho nyirawo asaba akazi
ugomba kuba ujyanye n'aho asaba akazi

• Imbata y'umwirondoro

Umwirondoro ntukorwa uko nyirawo yiboneye ugomba kuba ufite uburyo buboneye ukorwamo, uko ibice biwugize bikurikirana kuko umwanya wabyo uba ufite icyo usobanura kuri uwo mwirondoro.

- ✓ **Umutwe Umutwe w'umwirondoro:** Wandikwa hejuru ukitwa umwirondoro
- ✓ **Ibiranga umuntu Irangamimerere:** Ni igice gitangira umwirondoro, kikaba kigamije kugaragaza muri make uwo ari we. Kigomba kuba cyumvikana kandi kirasa ku ntego. Si ngombwa gushyiramo ibintu byinshi nubwo bwose waba ubona umwirondoro ari muto. Mu irangamimerere umuntu avugamo amazina ye. Ni byiza kwandika izina

ry’umuryango mu nyuguti nkuru z’icyapa maze iry’idini rikajya mu nyuguti nto ariko ritangiwe n’inyuguti nkuru.

Nyuma y’amazina hagaragazwa aho umuntu aherereye, ni ukuvuga aho atuye (aha iyo afite agasanduku k’iposita ni byiza kugashyiraho). Aho umuntu atuye hiyongeraho n’uburyo uwamushaka yamubonamo; umurongo wa terefoni na aderesi ya interineti ku buryo uwabishaka yahita amwandikira. Ikindi kigomba kujya mu irangamimerere ni imyaka umuntu afite. Aha ariko ntawandika umubare ibyiza ni ugushyiraho umwaka yavukiye. Iyo yanditse amatariki, ukwezi ukwandika mu izina ryako.

✓ **Amashuri:** Iki gice kigaragaza aho nyiri umwirondoro ahagaze mu rwego

rw’ubumenyi ni yo mpamvu uwandika agomba guhera ku mpamyabumenyi nini afite. Mu kwandika umwirondoro, amashuri ntatandukana n’impamyabumenyi.

Ugaragaza amashuri yize avuga umwaka, aho yigaga, ibyo yigaga n’impamyabumenyi yahakuye. Hari igihe amashuri ajyana n’ibitabo umuntu aba yaranditse. Icyo gihe si ngombwa kubishyiraho keretse iyo bigira icyo byongera ku kizere umuntu ashobora kugirirwa n’abo ashyikiriza umwirondoro.

✓ **Uburambe**

Uburambe mu kazi ni igice cyo kwitonderwa. Aha ni ho uwandika umwirondoro aba agomba kwereka uwo yandikiye icyo azi gukora n’igihe amaze agikora. Iyo yakoze mu myanya myinshi, ayishyiraho ahereye ku wa nyuma aherukaho agenda agaragaza igihe yagiye ayimaraho. Hari igihe umuntu aba yarakoze iy’imenyerezamwuga ni ngombwa ko abishyiraho cyanecyane iyo ataramara igihe kinini akora cyangwa se ari bwo bwa mbere yatse akazi. Ibyo bishobora kumwongerera amahirwe imbere y’uwo aha umwirondoro.

✓ **Ubundi bumenyi**

Kumenya ibintu byinshi nta cyo bitwaye kuko ibyo umuntu azi byose bishobora kumugirira akamaro mu buzima bwe bwa buri muni. Iyo rero umuntu azi ubundi bumenyi ntashidikanya kubigaragaza ku mwirondoro we cyanecyane iyo bifatanye isano n’akazi asaba.

Urugero: *Kuba azi mudasobwa, kuba afite uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga...*

✓ **Indimi**

Hari igihe umwanya umuntu ashaka uba usaba kumenya indimi z’amahanga. Ni ngombwa rero ko uwandika umwirondoro ashyiramo indimi zose azi. Mu kazi ako ari ko kose kumenya indimi z’amahanga byongerera amahirwe ugasaba. Ukora umwirondoro agaragaza urwego aziho urwo rurimi atabeshya (nduzi neza cyane, nduzi neza, nduzi bihagije, biciriritse) kuko kubeshya byamugiraho ingaruka mu gihe k’ikizamini k’ibiganiro.

✓ **Ibyo akunda**

Umuntu ntabaho akora akazi ashinzwe gusa. Na nyuma y’akazi ubuzima burakomeza. Ibyo umuntu akunda rero biza nyuma y’akazi. Bigizwe n’ibyo umuntu akora kandi bimushimisha. Ariko na none ukora umwirondoro ntiyiyibagize ko ibimushimisha bishobora kumubera imbogamizi yo kutabona umwanya yifuza. Nk’urugero niba ari umuntu ukunda kumva indirimbo kuri radiyo, bikaba byerekana ko ari umuntu ukunze kuba ari wenyine ko kubana n’abandi byamugora, mu gihe umuntu ukunda gukina umupira aba agaragaza ko abana n’abandi neza ko no mu kazi byagenda bityo.

✓ **Abantu Bamuzi cyangwa abahamya**

Iyi ngingo y’abantu bazi nyiri umwirondoro si ngombwa buri gihe. Ariko hari ababisaba mu mwirondoro bikaba ngombwa ko ijyamo. Abantu bakunze gukenerwa si abaturanyi bawe cyangwa se bene wanyu bakomeye. Abazi umuntu baba bakenewe ni abarimu bamwigishije cyangwa abakoresha bamukoresheje kuko ukeneye umwirondoro wawe aba ashobora kubabaza ku bijyanye n’ubumenyi ufite cyangwa se ubushobozi n’imyitwarire byawe mu kazi.

✓ **Kwemeza ko ibyo uvuze ari ukuri no gushyiraho umukono**

Iki ni cyo gice gisoza umwirondoro. Nyiri ukuwandika agomba gusoza yemeza ko amakuru yatanze ari ukuri ko anashobora kugenzurwa. Hanyuma agashyiraho itariki n’umukono we. Ibi ni byo by’ingenzi biba bikubiye mu mwirondoro. Cyakora

ntibibujijwe ko hari andi makuru yakongerwamo igihe nyiri ukwandika abona ko hari amahirwe yamwongerera kugira ngo abone akazi yasabaga.

Impugukirwa: umwirondoro ushobora guherekezwa n'imigereka igihe ihari. Aha twavuga:

- Indangamuntu
- Impamyabushobozi y'ibyo yize
- Impamyabushobozi z'amahugurwa
- Impamyabushobozi z'uburambe
- Ibyemezo by'ikigo yakoragamo

Urugero rw'umwirondoro

Umwirondoro

1. Ibiranga umuntu Irangamimerere

Amazina: AKALIZA Betty

Se: RUJANIKA MFURA Chales

Nyina: NYIRARUKUNDO Marie

Itariki y'amavuko: 14 Ukwakira 2004

2. Aho aherereye:

Akarere ka Gasabo

Umurenge wa kimironko

Akagari ka Bibare

Tel: 07912713..

Email: bettyakaliza@gmail.com

3. Amashuri

Impamyabumenyi	Aho Yigiwe	Umwaka
Ikiciro cya kabiri cya kaminuza ibijyanye n'ubugenzuzi bw'ikirere	Mount Kenya	2021-2025
Impamyabumenyi mu bijyanye n'ubuhinzi n'ubworozi	Gakoni TSS	2016-2018
Ikiciro rusange	Nyagatare Marry hill Academy	2013-2015
Amashuri abanza	Ecole des irondaire de Don Bosco	2007-2012

4. Uburambe

Inshingano z'akazi	Ikigo/umukoresha	Umwaka
Umuyobozi ushinze imigazurire y'ubutaka n'imihindukire y'ikirere	Akarere ka Rugarama	2024-2025
Umukangurambaga w'umukorerabushake w' isuku	Minisiteri y'ubuzima urwego rushinzwe kurwanya Malariya	2023-2024

5. Ubundi bumenyi

- ✓ Nzi gukora amasabune
- ✓ Kubyaza ibishingwe ifumbire gakondo.
- ✓ Umusangiza w'amagambo no kuyobora ibirori binyuranye

6. Indimi

Ururimi	Ikigero cy'ubumenyi ndufiteho			
Icyongereza	Nduzi neza cyane	Nduzi neza,	Nduzi bihagije,	Nduzi biciriritse
1)Icyongereza	✓			
2)Igifaransa	✓			
3)Igishwariye		✓		
4)Ikinyarwanda	✓			

7. Ibyo nkunda

- ✓ Kuganira n'abandi
- ✓ Kureba umupira na sinema

8. Abantu Bamuzi cyangwa abahamya

Amazina	Icyo akora	Telefoni
Dr. Rukundo Peles	Umuyobozi wungirije ishinze ishami ryo kubungabunga ibidukikije	07892649...
Simpunga D. Chris	Umwarimu muri Gakoni TSS	078883214..
HABINEZA Saidi	Umukozi Mu rwego rushinzwe kurwanya ibyorezo muri minisiteri y'ubuzima	078832323..

9. Kwemeza ko ibyo uvuze ari ukuri no gushyiraho umukono

Njyewe AKALIZA Betty ndemeza ko amakuru akubiye muri ino nyandiko ari ukuri.

AKALIZA Betty

Kuwa 20 Mutarama 2025



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 48:

1. Hamwe n'ubumenyi buhagije ufite, sobanura umwirondoro icyo ari cyo
2. Ni izihe ngingo twabonye zigomba kugaragara mu mwirondoro?
3. Ese umwirondoro nk'inyandiko y'ubuyobozi ni ryari ukenerwa?
4. Subirisha **yego** cyangwa **oya**

5. Mu kwandika umwirondoro uhera ku rwego ruto ujya ku runini iyo urimo wandika ibijyanye n'impamyabumenyi zawe.
6. Iyo wandika ibijyanye n'uburambe ufite mu kazi uherera ku kazi wabanje gukora ugaherutsa ako wari ufite.
7. Kwandika nimeru za terefoni z'abagukoreshaga mbere mu mwirondoro, si ngombwa
8. Ibijyanye n'ibintu ukunda kubyandika ku mwirondoro bifasha umukoresha kumenya urwego rw'uburyo uzanozamo akazi.



Igikorwa cya 3: Umukoro ngiro



Umwitozo wa 49:

Nk'umunyeshuri urangije Urwego rwa Gatanu rw'amashuri y'imyuga n'Ubumenyi Ngiro. Wari ushinze isuku mu kigo yigagamo, andika umwirondoro wunganira ibaruwa iri ku mwitozo wa 48 uherutse gusabiraho akazi uzayiherekeza.

Isomo 4.6: Raporo



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitozo wa 50:

1. Tuvuge ko urimu kazi runaka, uzakoresha iki kugira ngo uhe amakuru y'ibimaze gukorwa umukoresha wawe?
2. Ese mu buryo bwiza cyane uzabimubwira mu nyandiko cyangwa mu mvugo?
3. Iyo nyandiko uzamutegurira imuha ishusho y'imikorere yose yitwa gute?

Ingingo z'ingenzi 4.6. Raporo

• Inshoza ya raporo

Raporo ni umwandiko ukorwa n'umuntu wahawe ubutumwa ubu n'ubu, igamije intego runaka. Ijyamo ibitekerezo bwite bya nyiri ukuyikora; uko we yabibonaga, kandi

ikarangira atanga ibitekerezo ku myanzuro ikwiye gufatwa. Ni umwandiko uba ugenewe umuyobozi ugomba gufata ibyemezo ku bitekerezo byamugejejweho.

- **Amoko ya Raporo**

- ✓ **Raporo y'ubushakashatsi**

- 📌 Iyi raporo igaragaza ibyavuye mu bushakashatsi ku kibazo runaka.

- 📌 Ikoreshwa cyane mu gusuzuma ibibazo no gutanga ibisubizo bifatika.

- 📌 Iboneza: Inkomoko y'ikibazo, intego, uburyo bushakashatsi, ibyavuyeho, n'inama.

- ✓ **Raporo y'imikorere**

- 📌 Igaragaza uko umuntu cyangwa itsinda ry'abakozi rikora.

- 📌 Akenshi ikoreshwa mu gushyira ahagaragara imihigo cyangwa ibipimo byagezweho.

- 📌 Iboneza: Intego, imihigo, ibyo bagezeho, n'ibyo bagomba kunoza.

- ✓ **Raporo y'inama**

- 📌 Iyi ni raporo ikubiyemo ibyavugiwe mu nama, imyanzuro yafashwe, n'ibikorwa bikurikiyeho.

- 📌 Iboneza: Umunsi w'inama, abitabiriye, ibyemezo, n'ibikorwa.

- ✓ **Raporo y'ubusesenguzi**

- 📌 Iyi raporo isuzuma ikibazo runaka, igatanga ibisobanuro n'inama zo kugikemura.

- 📌 Akenshi ikoreshwa mu gufata ibyemezo bikomeye.

- 📌 Iboneza: Isesengura, ibyabonetse, n'ibyemezo.

- ✓ **Raporo y'ubunyamabanga**

- 📌 Igaragaza imicungire y'ibikorwa n'uburyo bw'imiyoborere.

- 📌 Iboneza: Ibyakozwe, ibibazo byagaragaye, n'inama.

✓ **Raporo y'ibibazo byihutirwa**

🚧 Iyi ni raporo igaragaza ibibazo byihutirwa byabaye, nk'impanuka cyangwa amakosa akomeye.

🚧 Iboneza: Igihe, aho byabereye, ababigizemo uruhare, n'ibisubizo.

✓ **Raporo y'imari**

🚧 Igaragaza uko umutungo w'ikigo cyangwa umuryango wakoreshwe.

🚧 Iboneza: Amafaranga yinjiye, ayasohotse, n'umutungo usigaye.

✓ **Raporo y'ubukangurambaga**

🚧 Igaragaza aho umushinga cyangwa igikorwa runaka kigeze.

🚧 Iboneza: icyo kigikorwa kireba, aho kigeze, n'ibikenewe.

✓ **Raporo y'ubujyanama**

🚧 Iyi raporo igamije gutanga inama ku ngingo runaka.

🚧 Iboneza: Isesengura, ingingo, n'inama zitangwa

• **Imbata ya raporo**

Raporo, igira imbata nk'iy'umwandiko usanzwe. Ni ukuvuga intangiriro, igihimba n'umusozo.

✓ **Intangiriro:** Muri iki gice, ukora raporo yandikamo icyo agiye gukorera raporo n'impamvu ayikora ndetse n'agaciro iyo raporo ifite.

✓ **Igihimba:** Muri iki gice ukora raporo agaragaza ku buryo burambuye uko abona ibyo akorera raporo; abivuga abitondekanya nk'ugambiriye kubisobanura mu buryo bw'inyurabwenge. Ukora raporo agomba gutanga ibisobanuro biza gutuma uwo aha raporo adashidikanya ku myanzuro aza kumugezaho. Ibyo kandi ukora raporo abikora atabogamye.

✓ **Umusozo:** Muri iki gice ukora raporo atangamo ibitekerezo by'uburyo ikibazo k'ibyo yakoreye raporo abona cyakemuka. Raporo igomba kugira amazina n'umukono by'uwayikoze.

✓ **Umugereka wa raporo**

Ni igice cy'inyongera kiri ku musozo wa raporo, kigamije kugaragaza amakuru y'inyongera cyangwa ibisobanuro birambuye byafashwe nk'atarimo ngombwa gushyirwa mu gice nyamukuru cya raporo. Umugereka ugira akamaro mu gukora raporo isukuye kandi yoroheje gusoma, ariko kandi ukagira aho ugaragaza amakuru y'inyongera ku bashaka kuyasoma.

Ntabwo buri raporo igomba kugira **umugereka** (*appendix*), ariko hari igihe umugereka uba ngombwa bitewe n'ubwoko bwa raporo n'intego yayo.

✓ **Reba uko umugereka ugenwa:**

 Igihe umugereka uba ngombwa

- **Iyo raporo ifite amakuru menshi y'amadosiye cyangwa imibare:**
Umugereka ufasha gushyira amakuru y'inyongera (nka table, amafoto, cyangwa inyandiko) batari burebe mu raporo nyirizina.

Urugero: Raporo y'imari ishobora gushyiramo table zerekana uko amafaranga yakoreshejwe mu buryo burambuye.

- **Iyo hari inyandiko z'inyongera zifasha gusobanura raporo:**
Nk'ubushakashatsi bwakoresheje ibibazo byahawe abakozweho ubushakashatsi, inyandiko z'inyongera zishyirwa mu mugereka.

 Iyo hari ibisobanuro byihariye bisaba umwanya munini:

Mu rwego rwo kurinda ko raporo iba ndende cyane, ibikenerwa by'inyongera byinjizwa mu mugereka.

✓ Igihe umugereka udakenewe:

🚦 Iyo raporo igufi kandi yoroheje:

Nko muri raporo y'inama isanzwe, ibisobanuro byose birashyirwa mu nyandiko nyirizina.

🚦 Iyo amakuru yose y'ingenzi ari mu raporo:

Iyo nta makuru y'inyongera asabwa, umugereka ntabwo uba ngombwa.

✓ Uko umugereka utegurwa neza:

Witondera ibi bikurikira:

🚦 **Izina ry'umugereka:** Umugereka A, B, cyangwa ukavuga icyo urimo (nko "Urutonde rw'abitabiriye").

🚦 **Ibyo urimo:** Amakuru y'inyongera gusa, yoroheje gusobanukirwa.

🚦 **Kuvuga aho wakwifashishwa:** Mu nyandiko nyirizina, ushyiramo ahavuga "Reba mu Mugereka A" cyangwa ikindi bijyanye.

Inama:

Icyemezo cyo gushyiramo umugereka giterwa n'icyo raporo igamije n'ubwoko bw'amakuru igaragaramo. Niba udashaka kuyigora cyangwa ngo iramburwe n'amakuru menshi, umugereka uba igisubizo cyiza.

• **Urugero rwa raporo**

GASANGWA Jean Ntora, ku wa 12 Ugushyingo 2017

Umurenge wa Ntora

Akarere ka Ngenda

Agasaduku k'iposita 50 Gitaka

Raporo ku bikorwa by'umuganda wo ku wa 12 Ugushyingo 2017

Nk'uko byemeranijweho mu nama duheruka gukorana n'ubuyobozi bw'Akarere,

hakifuzwa ko ibikorwa by'umuganda w'uku kwezi byazakorwa hubakwa ubwiherero bw'abatishoboye, Nyakubahwa Muyobozi w'Akarere ka Gitaka, mpisemo kubaha iyi raporo kugira ngo mugire umwanzuro mwabitangaho.

Mu Murenge nyobora hari abatishoboye 20, muri bo abatari bafite ubwiherero bari 11. Mu bikorwa by'umuganda w'uku kwezi twashoboye kubakira 8 gusa. Birumvikana ko abasigaye kubakirwa ari 3. Ikifuzo ni uko na bo twazareba uko tububakira bityo abadafite ubwiherero bose bakabugira.

Nk'Umuyobozi w'Umurenge wa Ntora, Akagari ka Muguramo kabarizwamo, mbahaye iyi raporo kugira ngo muyigane ubushishozi, mugire umwanzuro mufata watuma abadafite ubwiherero babugira.

Amakuru arambuye murayasanga ku mugereka w'iyi nyandiko

GASANGWA Jean

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Ntora

Urutonde rw'abubakiwe

Amazina	Indangamuntu	Akagari	Telefoni
MUNEZA Jean	1987800354654	Amariza	0789465735
ZEBEDAYO Erica	1987700009837	Amariza	073094746
NKUSI titu	1987800354654	Amariza	078643534
GABIRO richal	1988800112334	Amariza	072354632
SACYEGA Mugisha	1987800098760	Rugerero	076353423
BUBI Paul	1987800355433	Rugerero	072343463
MUKANKUSi rose	1987700351254	Inema	072111322
ReBERO laurent	1978800000785	Inema	07888621

Abatarubakirwa			
Amazina	Indangamuntu	Akagari	Telefoni
MUHETO Lineyo	1987800352354	Amariza	078946573
MUCYO Karasira	1987700004337	Amariza	0730947439
BIBI Marie	1987700311654	Amariza	078643430
Ijanisha ry'ibikorwa			
Abubakiwe		abatarubakirwa	
72,72%		27,27 %	



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 51:

1. Sobanura raporo icyo ari cyo.
2. Ese umugereka wa raporo ni iki ?
3. Ni ibihe bice nibura bine bya raporo waba uzi mu mitegurirwe yayo
4. Ni izihe mpamvu nibura ebyiri zigaragaza ko raporo wateguye iraza kugira umugereka?
5. Ese umuntu wikoresha gukora raporo y'akazi ke n'ubwo nta muntu uba yayi musabye ni ngombwa? Sobanura impamvu ebyiri niba ari ngombwa cyangwa se Atari ngombwa.



Igikorwa cya 3: Umukoro ngiro



Umwitozo wa 52:

Tekereza ko uri umuyobozi uhagarariye abandi ushinze isuku ku ishuri, buri kwezi usabwa gutanga raporo ku Muyobozi ushinze Umutungo w'ishuri, y'ibikoresho by'isuku uko byagiye bikoreshwa n'aho byakoreshejwe. Tegura iy'uku kwezi uherutse kumwoherereza.



Isuzuma mbonezanyigisho ku mbumbe ya 4

Igice cya mbere

Umwandiko: Ingaruka z’umwanda

Umwanda ni ikibazo cyugarije isi yose, kandi muri Rwanda ntabwo byoroshye kubona ahantu hatabonekamo imyanda. Imyanda itangwa neza mu buryo butandukanye, harimo imyanda y’ubwoko butandukanye nk’imyanda y’ibikoresho, imyanda ivamo uburozi, n’ibindi. Iyo utita ku mwanda, bigira ingaruka mbi ku buzima bw’abaturage ndetse n’iterambere ry’igihugu. Umwanda ushobora gutera indwara nyinshi z’ubuzima harimo indwara ziterwa na mikorobe, nk’inkorora, ubukana bw’indwara zifata urwungano rw’ubuhumekero, cholera, ndetse na zindi ndwara zishobora kwandura mu buryo bworoshye.

Abantu benshi batabasha gukurikirana imyanda bitewe no kutumva neza ingaruka z’umwanda ku buzima bwabo. Niyo mpamvu ari ngombwa kwigisha abantu ububi bw’umwanda no kubakangurira gutanga umusanzu wabo mu guhashya ikibazo cy’umwanda. Isuku ni kimwe mu bintu by’ingenzi mu mibereho y’abantu. Iyo abantu badafite isuku, bagira ibibazo byinshi by’ubuzima. Bityo, buri wese akwiye kugira uruhare mu kurwanya umwanda.

Muri iki gihe, ibikorwa byinshi byo kurwanya umwanda birakenewe mu muryango nyarwanda. Ubukangurambaga bwo gukora isuku, gukoresha uburyo buhamye bwo gucunga imyanda no kubungabunga ibidukikije ni imwe mu nzira zo kwirinda ububi bw’umwanda. Dukeneye ko buri wese yitabira ibikorwa by’isuku kugirango bigirire akamaro abaturage bose.

Igice cya mbere

Ibibazo ku mwandiko

A. Ibibazo 6 byo Kumva Umwandiko:

1. Ni izihe ngaruka z’umwanda ku buzima bw’abantu zikubiye mu mwandiko?
2. Kuki umwanda uhurirana n’indwara z’ubuhumekero na cholera?
3. Ni izihe ngamba umwandiko utanga mu guhangana n’umwanda?

4. Ni gute isuku ifasha mu guhashya ibibazo by'ubuzima biterwa n'umwanda?
5. Ni iki gikwiye gukorwa kugirango umwanda udakomeze kubangamira iterambere ry'igihugu?
6. Kubera iki ibikorwa by'ubukangurambaga ari ngombwa mu kurwanya umwanda?

B. Inyunguramagambo.

Uzurisha amagambo akurikira mu nteruro: Ibibazo 6 byo Kumva Umwandiko:

Umwanda, Isuku, Indwara, Mikorobe, Cholera, Ubuzima, Ibikorwa, Ibidukikije, Gukangurira, Ingamba za Leta

1. _____ ni ikibazo cyugariye isi kandi kigira ingaruka mbi ku buzima bw'abantu.
2. Kugira _____ mu buzima bwa buri muni ni ingenzi mu kugabanya ibyago byo kurwara indwara zituruka ku mwanda.
3. _____ ziterwa n'imyanda y'umwanda zirimo cholera, indwara z'ubuhumekero, n'izindi ziterwa na mikorobe.
4. _____ zigira uruhare rukomeye mu gutera indwara z'ubuzima.
5. Indwara ya _____ ikunze kwandura cyane mu bice bitarimo isuku ihagije.
6. Kubungabunga _____ bigira uruhare mu kurwanya ikibazo cy'umwanda mu muryango.
7. Abaturage bagomba kwitabira _____ bigamije kurwanya umwanda no guteza imbere isuku.
8. Kubungabunga _____ ni kimwe mu bisubizo byo kwirinda umwanda n'ingaruka zawo.
9. Ni ngombwa _____ abaturage kugira ngo bagire uruhare mu bikorwa by'isuku.

Igice cya kabiri

Subiza ibi bibazo bikurikira

1. Gira inama nibura eshatu umuntu ugiye kwandika ibaruwa y'ubuyobozi ibyo agomba kwitonera
2. Ese umwandiko ntekerezo ugira ibice bingahe? Bivuge.
3. Emeza cyangwa uhakane niba ari ngombwa cyane gusinya ku mwirondoro
4. Emeza cyangwa uhakane niba gukoresha imvugo y'ubusabane nta cyo bitwaye igihe urimo wandika ibaruwa bwite(isanzwe)

5. Igihe ugiye kwandika umwandiko ntekerezo usabwa kuvuga ingingo eshatu gusa kuri iyo nsanganyamatsiko, uwo mwandiko uzawuha ibika bingahe? Ibyo bika bizaba bivuga ku biki biri muri uwo mwandiko?
6. Vuga impamvu nibura eshatu zatuma ukora raporo ukanayitegurira umugereka
7. Vuga amoko nibura atanu y'amatangazo

Igice cya gatatu

Hitamo ikibazo kimwe muri bino bikurikira

- a. Himba umwandiko ugaragaze ingaruka eshanu z'umwanda, umwandiko wawe nturenze amagambo Magana abiri kandi ntuge muni y'amagambo ijana na mirongo itanu.
- b. Tekereza ko igihe uzarangiriza kwiga bazagutorera kuba umukuru w'umudugudu mutuyemo. Tumira inteko rusange y'abaturage iyo nyandiko uteguye itumira ni yo umuhwituzi azifashisha ayitangaza.
- c. i) Tekereza ko urangije kwiga hakaboneka umwanya w'ikiraka ku ishuri wigagaho, mu ishami wigaga cyo kwigisha. Andikira Umuyobozi w'ishuri umusabe icyo kiraka
- d. ii) Tuvuge ko umaze imyaka ibiri hanze (urangije kwiga) tegura umwirondoro wawe uzaherekeza ibaruwa isaba akazi ku mwanya uzaba washyizwe ku isoko.
- e. Igihe uzaba uri Umuyobozi w'Akagari, ereka Umuyobozi w'Umurenge Akagari uyobora gaherereyemo ishusho y'aho imitunganyirize y'isuku mu Kagari kawe ihagaze.



Iby'ingenzi byo kwibuka mu mbumbe ya kane

Muri iyi mbumbe twibanze cyane ko moko y'inyandiko nubwo umwandiko uyibimbura ugaruka ku nsanganyamatsiko y'akamaro k'isuku n'isukura aho twabonye ibyiza byinshi by'isuku. isuku twabonyeko ikubiyemo ikimenyetso ndetse no kuba igira uruhare mu iterambere ry'igihugu.

Si ibyo gusa twabonyemo uburyo bwo kubaka umwandiko ntekerezo tubona ko ari umwandiko usanzwe uvuga ibintu bisanzwe aba ari umwandiko muhimbano ufite ibice bine bitewe n'imyubakire yawo ari byo: umutwe, intangiriro, igihimba, n'umusozo (umwanzuro). Twabonye kandi ubwoko bw'amatangazo, harimo amatangazo yo kumenyesha, amatangazo yo kubika, itangazo ryo kwamamaza

amatangazo yo kurangisha, amatangazo atumira/ubutumire amatangazo amoko atandukanye y'inyandiko z'ubutegetsi tubonamo, ibaruwa bwite (isanzwe), imbata y'ibaruwa bwite dusanga igizwe, n'umutwe w'ibaruwa, impamvu y'ibaruwa

igihimba n'umusozo hanyuma ku y'ubuyobozi dusanga igira: aderesi y'uwandika

ahantu n'itariki, izina ry'icyubahiro n'inshingano by'uwandikiwe, binyujijwe, impamvu urwego rw'ubuyobozi rw'uwandikiwe, ibaruwa nyirizina: intangiriro y'ibaruwa, igihimba k'ibaruwa, umusozo w'ibaruwa, amazina n'umukono by'uwandika, bimenyeshejwe twaje kandi kubona amoko y'ibaruwa z'ubuyobozi ibaruwa ari yo: ibaruwa isaba akazi, hamagara, ibaruwa itanga akazi, ibaruwa isaba ibisobanuro, ibaruwa isaba uruhushya, ibaruwa isezera umuntu mu kazi nyuma yah o twabonye inshoza y'umwirondoro, uturango tw'umwirondoro, imbata y'umwirondoro, umutwe w'umwirondoro, ibiranga umuntu irangamimerere, amashuri, uburambe, ubundi bumenyi, indimi, ibyo akunda, abantu bamuzi cyangwa abahamya, kwemeza ko ibyo uvuze ari ukuri no gushyiraho umukono. nyuma twasojwe tubona inshoza ya raporo, amoko ya raporo nuko tubonamo: raporo y'ubushakashatsi, raporo, y'imikorere, raporo y'inama, raporo y'ubusesenguzi, raporo y'ubunyamabanga raporo y'ibibazo byihutirwa, raporo y'imari, raporo y'ubukangurambaga, raporo y'ubujyanama tubonako imbata ya raporo igizwe n'intangiriro, igihimba n'umusozo



Kwisuzuma kw'abanyeshuri

Uzuza imbonerahamwe ikurikira.

Nk'uko byavuzwe ku ntangiriro y'iyi mbumbe, nta buryo buri bwo cyangwa ubutari bwo bwo gusubiza iki kibazo; ahubwo ni ibigufasha wowe ubwawe muri iyi nyigisho. Tekereza wowe ubwawe niba nyuma yo kwiga iyi mbumbe irangiye, ibi noneho washoboye kubikora, n'ikigero

ubishoboyeho. Soma ibibanza mu kazu ko hejuru hanyuma ushyire akamenyetso aho ubona hajyanye n'ikigero cy'uko ubyumva.

Ubumenyi nsanganwe	Nta kintu na kimwe nzi ku mikoreshereze yabyo.	Nziho bike.	Nziho ibiringaniye	Nziho byinshi.	Ndiyizeye ku mikoreshereze yabyo.
Ubumenyi, ubumenyingiro, ubukesha					
Gusobanura neza icyo isuko ari cyo n'ikinyuranyo cy'isuku					
Gutandukanya isuku n'umwanda ndetse yaba ku mubiri ndetse n' aho utuye					
Gusukura umubiri, ibikoresho ibikoresho ndetse n'aho utuye.					
Gusobanura neza umwandiko ntekerezo awutandukanya n'andi moko y'imyandiko					
Gutondeka ingingo z'ingenzi n'ingingo z'ingereka zigize umwandiko ntekerezo					
Guhimba umwandiko ntekerezo akurikiranya neza ingingo z'ingenzi n'ingingo z'ingereka anubahiriza uturango tw'imyandiko ntekerezo					
Gusobanura neza inshoza y'itangazo mu					

Ubumenyi nsanganwe	Nta kintu na kimwe nzi ku mikoreshereze yabyo.	Nziho bike.	Nziho ibiringaniye	Nziho byinshi.	Ndiyizeye ku mikoreshereze yabyo.
Ubumenyi, ubumenyingiro, ubukeshya					
rusobe rw'inyandiko zitandukanye					
Kubasha gutondekanya neza ingingo zigize itangazo hashingiwe ku moko y'amatangazo atandukanye					
Kwandika no gusoma amatangazo atandukanye bitewe n'ubwoko bwayo					
Gusobanura no gutandukanya ibaruwa n'andi moko y'inyandiko					
Guhitamo imbata y'ibaruwa umuntu yakoresha agiye kwandika ubwoko ubu n'ubu bw'ibaruwa					
Kwandika amabaruwa neza hubahirijwe uturango twa buri bwoko bw'ibaruwa					
Kugaragaza ibintu byose by'ibanze bikubiye mu mwirondoro w'umuntu					

Ubumenyi nsanganwe	Nta kintu na kimwe nzi ku mikoreshereze yabyo.	Nziho bike.	Nziho ibiringaniye	Nziho byinshi.	Ndiyizeye ku mikoreshereze yabyo.
Ubumenyi, ubumenyingiro, ubukeshya					
Gukurikiranya neza ingingo ku Yindi mu gihe urimo gutegura umwirondoro					
Kwandika umwirondoro ugaragaza neza amakuru yose akenewe ku mu ntu					
Kuba yasobanura inshoza ya Raporo aho ariho hose yayibarizwa					
Kugaragaza amakuru y'ingenzi ajya muri raporo runaka					
Gukora raporo yujuje ubuziranenge bitewe n'igikenewe					

Uzuza iyi mbonerahamwe kandi wibuke kwereka umwarimu ibyo wujemo

Ibyakozwe neza	Ibikenewe kongerwamo imbaraga	Ibikorwa byakwifashishwa mu kongera imbaraga aho bikenewe
1.	1.	1.
2.	2.	2.
3.	3.	3.

INYANDIKO N'IBITABO BYAKORESHEJWE

1. <https://www.digiformag.com>
2. Igitabo k'ikinyarwanda nk'isomo rusange umwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye urupapuro rwa 48
3. <https://elearning.reb.rw/course/view.php?id=510§ion=6>
4. Ikinyarwanda_Amashuri yisumbuye_Igitabo cy'Umunyeshuri_Umwaka wa kane amashuri yisumbuye urupapuro 290
5. Igitabo cy'umunyeshuri cy'ikinyarwanda nk'isomo rusange, amashuri yisumbuye umwaka wa gatanu/urupapuro 63
6. https://www.elearning.rtb.gov.rw/pluginfile.php/6192/mod_resource/content/1/CCM502_IKINYARWANDA%20CY_INTYOZA.pdf
7. <https://www.kigalitoday.com/ubuzima/urusobe-rw-ubuzima/Isuku-ikwiye-kuba-intego-ya-buri-wese>
8. Amashuri nderabarezi (ttc) igitabo cy'umunyeshuri 3 ishami rya siyansi n'uburezi & ishami ry'imbonezamubano n'uburezi urupapuro rwa 43
9. Igitabo cyumunyeshuri umwaka wa kabiri w'amashuri yisumbuye 2011 urupapuro rwa 164
10. Amashuri nderabarezi (ttc) igitabo cy'umunyeshuri 3 ishami rya siyansi n'uburezi & ishami ry'imbonezamubano n'uburezi urupapuro rwa 33



Mata, 2025